papa I Shion

Scanned with CamSc

INZANDIKO Z'INTUMWA PAULO

# I.- I N T E R U R O

A. Context y'ibyabaye y'inzandiko zo mu Isezerano Rishya.

yari yamaze kuzuka

1. 31 A.D. ku munsi wa Paska Yesu yaratanze. Atarabambga, abgir'intumwa ze ko badakwiriye kuv'i Yerusalemu batarabgg'imbaraga z'indenga-kamere z'Umwuka Wera. Ibyak. 1:4,5.

2. 31 A.D. ku munsi wa Pentekote, Umwuka Wera amanukir'intumwa. Ibyak. 2.

Question = Guusobanutirwa na Pasika et pentecôte ?

a. Intumwa zihabg'imbaraga z'indenga-kamere zo kubgirizany'ububasha mu ndimi zitari zimwe. Ibyak. 2:5-8.

b. Ubutumwa bgiza bgerekeye Kristo wapfuye akazuka, akazagaruka, butangira kubgirizwa. Abantu 3000 bihan'uwo munsi. Ibyak. 2:41.

3. Intumwa zikorer'ibitangaza byinsh'i Yerusalemu. Ibyak. 3; 4:1-31. Benshi b'i Yerusalemu bahinduk'Abakristo; itorero rikomeza kugwira no gukomera. Ibyak. 4:4.

4. Akarengane kabyutswa n'Abayuda banze kwemera Yesu ho Kristo. Ibyak. 4:1-3.

a. Petero na Yohana bashyirwa mu nzu y'imbohe n'Abatambyi n'Abasadukayo. Babarekura bababujije kongera kubgiriza Kristo wazutse. Ibyak. 4:13-20.

b. Abasanhedrini baboha Petero na Yohana kubg'ibitangaza bakoraga. Bacikwa na maraika. Abayuda bashaka kubica. Gamalieli w'umufarisayo arabarengera, barakira. Ibyak. 5:12-42. (35 – 42) = Ibyakurikiye Teuda na Yuda

5. Itorero rikomeza gukura no kungura gahunda. Abadiakoni 7 batorerwa kugira ngw intumwa zitagira kirogoya mu murimo wabo wo kubgiriz'Ijambo ry'Imana. Gahund'iyo nziza ibyar'amatunda menshi; abatambyi b'Abayuda batari bamwe bahinduk'Abakristo. Ibyak. 6:1-7.

6. 34 A.D. Stefano yicwa n'Abayuda. Ibyak. 6:5-15; 7.

a. Akarengane gatey'ubgoba kagera ku Bakristo b'i Yerusalemu. Ibyak. 8

b. Abakristo batatanira mu Buyuda n'i Samaria hose. (Bigereranye n'Ibyak. 1:8). Intumwa zisigar'i Yerusalemu. (Ibyak. 8:1).

7. Ubutumwa butangira kubgirizwa mu banyamahanga. Niko mu abifashish'ubutunzi bge (Acts of the Apostles, pp. 104,105).

a. Filipo abgiriz'i Samaria; hihana benshi.

b. Petero na Yohana batumw'i Samaria bavuy'i Yerusalemu, ngo bahesh'Abasamaria bihanny'Umwuka Wera. Simoni w'umukonikoni ashaka kugur'Umwuka Wera ikiguzi.

c. Filipo ategekwa na maraika kuv'i Samaria, ngw agen'i busi mu nzir'iv'i Yerusalemu ijy'i Gaza. (Menyerah'aho hantu kw ikarata). Filipo abatiza inkone y'Umwetiopia. Mur'ubgo buryo, ubutumwa bubon'ikito ko kugera mu Afrika naho.

d. Filipo ajyanwa n'Umwuka mu Azoto, abgiriz'ubutumwa mu midugudu yose agana i Kaisaria. Ibyak. 8:36-40.

Scanned with CamSc

Inzandiko 4.

8. Sauli akomeza kurengany'Abakristo.
a. Ahera ku b'i Yerusalemu n'imihana yaho. (Ibyak. 8:4; 26:11; Gal. 1:13)
b. Hanyum'abon'uruhushya rw'abasanhedrini rwo gutera n'ab'i Damasiko. Iby 22:4,5.

9. 35 A.D. Yesu amut neker'ari mu nzir'ajy'i Damasiko. Ibyak. 9:1-9.
a. Sauli ahumurwa na Anania w'i Damasiko, arabatizwa, amar'imins'itar'imwe Damasiko abgiriza Yesu. *Kandi mvuyefo.*
b. Ajya mw Arabia Gal. 1:17. *abubgo nagiye mw Arabia nsubir*
c. Hashiz'umwaka asubir'i Damasiko. Ahamar'imyaka (3?) abgiriza Kristo m sinagogi. Hihana benshi, bitum'Abayuda bamwibasira. Bemez'umuregeta mukingiranira mu nzu y'imbohe. 2 Kor. 11:32,33. Abakristo bameny'iby' nama, bamanurira Sauli ku nkike y'umudugudu mu gitebo. (Ibyak. 9:26-29 2 Kor. 11:33)
d. 38 A.D. ajy'i Yerusalemu (imyaka 3 nyuma yo kwihana kwe -- Gal. 1:17,18) Abakristo benshi ntibashaka kumwakira; ariko Barnaba w'umukristo w'i (hamenyere ku i karata) abasobanuriy'ibye, baramwemera. Ibyak. 9:27
e. Sauli abgiriz'i Yerusalemu ashiz'amanga cyane. Abayuda bashaka kumwica Abakristo bamujyan'i Kaisaria rwihishwa (meny'aho ari byak. 22:17-21). Abakristo bamujyan'i Kaisaria... kw ikarata); afat'ubgato ajy'i wabo i Taruso. Ahamar'imyak'itar'imwe riz'i Kilikia n'i Siria. Ibyak. 9:28-30; Gal. 1:21; 2 Kor. 12:2-4.

Amahoro yongera kugaruka mu Bakristo.
a. Petero asur Abakristo bose b'i Yudaya n'i Galilaya n'i Samaria. Agez' azur'umukristo-kazi witwa Tabita. Ibi iangaza Petero yakoragayo bitum'e benshi bah induk'Abakristo. Ibyak. 9:31-35; 36-43. *Yakijije Aenea*
b. Petero aha g'iyerekwa ry'inyama zanduye n'izitazira. Ajya kwa Korunelio umugaba w ingabo z'abaroma. Ahabgiriz'umutwe w'abantu war'uhateraniye. ka Wera aramanukirira mur'iryo teraniro. Babatizwa mu mazi. Ibyak.
c. Petero agaruts'i Yerusalemu, bamwakiran'ubukonje, babitewe n'uko Abakristo Abayuda bari bakigundiriy'imigenzo ya kera yo kunen'abanyamahanga, baka Petero yuko yafatanije nabo. Ibyak. 11:1-3. Abasobanurir'iby'inzozi Petero yuko yafatanije nabo... baye byo ari kwa Korunelio. Iteraniro ryo kumugaya rihinduk'iryo gu Imana. Ibyak. 11:4-18. *Ngo yagendere ryabatakebge*
d. Abayuda b'abakristo b'i Kupuro n'i Kirete babgiriz'Ubutumwa bgiza mu bay bo mu mahugu bitari bimwe, amaherezo bagera no mw Antiokia y'i Siria. ibyabo eye kwa Korunelio, babgiriz'Abagiriki bo mw Antiokia na bo. Hil benshi cyane. Ibyak. 11:19-21. *Abatainyuwe ... kurup*
e. Barnaba atumwa mw Antiokia, ngo bababarero. Ibyak. 11:19-24. Hanyum'a Antiokia ajy'i Taruso ashaka Sauli, yifuza kumutabaza ngw amufashe mw An
f. Bombi bajyana mw Antiokia, bahamar'umwaka babgiriz'ubutumwa buri munsi a h'abantu benshi aho ari ho hose ho mu mudugudu. Hihana benshi cyane, i ryo rirakomera, bitum'abapagani babahimb'izina ngo: N'Abakristo.

Inzara yari yarahanuwe n'Agabo iratera. Abakristo bo mw Antiokia batum'im z'imfashanyo ku Bakristo b'i Yerusalemu, mu maboko ya Barnaba na Sauli. Iby 11:27-30; Gal. 2:1-10.
a. Ebyer'abayuda batar'Abakristo ishyari. Boshya Herode kurengany'Abakrist
b. Yicisha Yakobo mwene se wa Yohana wa Zebedayo. Ibyak. 12:1,2.
c. Afasha Petero agambiriye kumwicisha nyuma y'ibirori bya Paska. Petero a ibgicwe, abohorwa na maraika. Ibyak. 12:3-10.
iteraniro ry'ubupolitike Herode yigereranya n'Imana; iramukumbanya, ayo. Ibyak. 12:20-23.

...ndiko 5

Abakristo bongera kugir'umudendezo, Ubutumwa Bgiza bukomeza kwamamara.
Paulo av'i Yerusalemu ajyanye Mariko. Ibyak. 12:25.

Barnaba na Sauli bagera mw Antiokia; bezwa n'abahanuzi n'abigisha baho ngo ba... Kuv'icyo gihe Sauli yitwa Paulo. Ibyak.
...amaz'ubutumwa mu bihugu bya kure. Paulo atumwa mu batakebge.
...3; Gal 2:7,8. Petero yatumwe mu bakebge, Paulo atumwa mu batakebge.

...45-47 A.D. Barnaba na Paulo bagir'urugendo rwa 1 rwo kubgiriz'Ubutumwa mu bi... Bigishiriza...
...bya kure.
a) Bikira mu nkuge bambuka, bafat'i Kupuro (i wabo wa Barnaba).
hamwe na Yohana Mariko (Ibyak. 13:4-12).
b) Bongera kwambuka, bafat'i Pamfilia (13:13) (ahateganye n'i wabo wa Paulo).
Mariko acogozwa n'imiruho, abasigayo, yisubirir'i Yerusalemu.
c) Bager'i Pisidia, babgiririza mw Antiokia y'i Pisidia. Abantu hafi ya bo...
bagir'umwete wo kumv'ubutumwa bge (13:44), bitum'Abayuda baho bagir'ishya...
barabarwanya (13:45). Paulo na Barnaba barabaharurukwa, bavuga ko bakuy'...
migambi ku Bayuda, bakazabgiriz'abanyamahanga (13:46-48). Amaherezo Aba...
bagambana ku bakuru b'umudugudu ngo barenganye Paulo na Barnaba, babiruk...
mu gihugu (13:49-51).
d) Bagan'i burasira-zuba i Galatia. Ariko bidatinze Abayuda bat...
(1) Babanza kugir'amahirwe mu murimo wabo.
boshy'abanyamahanga, babangisha Paulo (14:1,2). Bitum'abapa...
(2) Bageze mu mudugudu w'i Lusitira, Paulo akiz'ikiremba. ...
bumirwa, bibgira ko Paulo na Barnaba ar'imana zabo zibamanukiye, ba...
kubatambirir'ibitambo (14:11-18).
(3) Abayuda bavuye mw Antiokia y'i Pisidia bater'imidugararo mu bantu, ...
boshya, maze rubanda rwahoze rushaka kuramya Paulo na Barnaba, ncn...
rabahinduka, babageza hafi yo gupfa (14:19). Mbeg'abantu banindag...
mu ntekerezo! Ben'iyo ngeso, bamwe bo muri bo ntibyyikize hashize...
ka. Soma Gal. 1:6. *Abagalatiya nan'ubu barahinda* ... Bamaze guha...
e) Paulo na Barnaba bereker'i muhira, basur'amatorero yose baramaze gu... batoza mu Antiokia y'i Siri...
urwo rugendo, no kuyasigamw abo kuyayobora, bataha mw Antiokia y'i Siri...
...21-28).

Antiokia kabowe n'umutwe w'Abakristo baw...
... Akaga kagera mw itorero ryo mw Antiokia kazanwe n'umutwe w'Abakristo bav... kand'agakomez'amategeko yos...
...daya bigisha yuko nta wuzakira kereka akebge kand'agakomez'amategeko yo... Ishye...
(15:1). Paulo na Barnaba barabihakana. Hab'impaka zikomeye.
...sera bo mw Antiokia babona yuko bakwiriye gushak'inama ku bakuru b'itor...
Yerusalemu, nuko batumayo Paulo na Barnaba na Tito n'abandi (15:2; Gal...

15. Petero na Barnaba na Paulo bamaze kurenger abanyamahanga, yuko bahawe u...
...wera batakebge, kandi batakomej'amategeko ya Mose, nuko Yakobo mwene s...
...(ari we wabay'umukuru w'izo nama) ategeka yukw abanyamahanga badakwiri...
...erwa n'iby'Abayuda (15:4-21). Izo nama z'i Yerusalemu zabaye 49 A.D.

16. Paulo na ba bandi batumwe basubiran'urwandiko mw Antiokia, bajyanye na...
Rushimish'ab'itorero ryaho (15:22-31). *Paul yajyanye na Barn...*

...bukeye Petero aza kubasura mw Antiokia. Yemera gusanganira n'abanya... Buke...
...ibyanoganijwe n'izo nama, kandi byahoz'ar'ikizira ku Muyuda. ...arabane...
...ndi beyuda, maze Petero arabatinya; yiyufura mu banyamahanga, ...
...11,12). Ayobya Barnaba n'abandi (Gal. 2:13) bituma Paulo ahanira Pe...
...yaboze. (Gal. 2:14-21).

Paulo abagir'inama yo kuhamar'amezi y'imbeho. Ntibamwumvira (27:9-12).
e. Bamaze gutsuka, umugaru w'icyago utuma baroh'ibintu byose mu nyanja, biheba
ko badakira. Maraika abonekera Paulo. Inkuge irameneka, irarengerwa,
bose barokokera kuri Melita (27:13-28:1).
f. Paulo arumwa n'inshira. Atapfuye, ben'ikirwa bati: N'Imana (28:2-6).
Ba Paulo bahamar'amezi 3; akor'ibitangaza, batsukira mu nkuge yar'ivuye mw
Alekizanderia.. Bager' i Puteoli mw Italia. Abakristo baza kumusanganira.
Nyuma y'iminsi 7 bager'i Roma baciy'i musozi. Paulo ahabg'icumbi n'umusi-
rikare wo kumurinda (28:7-16).

22. Paulo ar'i Roma.
a. Ahamaz'iminsi 3 ahamagaz'abakuru b'Abayuda b'i Roma yiriranywa na bo agera-
geza kubemez'ibya Yesu. Bamwe baremera (28:17-29).
b. Yandik'inzandiko z'Abefeso, Abafilipi, Abakolosayi, na Filemoni. Onesimo
war'imbata wa Filemoni, agacika, agahungir'i Roma, ahinduk'Umukristo kubg'i-
myigishirize ya Paulo ar'imbata i Roma (Kol. 4:9; Filem. 10).
c. Amaz'imyaka 2 i Roma acirw'urubanza na Nero, ahabg'umudendezo (28:30,31).

23. Paulo ari mu mudendezo:
a. <u>Yandika I Tim na Tito</u>.
b. Bisa nkaho yagiz'ingendo zo kujya mu bihugu by'i burasira-zuba, zimugeza n'i
Spania i burengera-zuba (Reba Rom. 15:24,28).

24. Akarengane ka Nero karatangira.
a. Paulo arafatwa, ajugunywa mu nzu y'imbohe y'i Roma, iri munsi y'igitaka yitwa
iy'i Mamertini. Bamubohesh'iminyururu (2 Tim. 2:9). Abantu hafi ya bose
baramuhana (2 Tim. 4:16, 11, 20).
b. <u>Yandikira Timoteyo urwa II Tim</u>. Yingingira Timoteyo kumusur'atarapfa (4:9).
c. Nka 68 A.D. Paulo agw'i Roma. Som'amagambo y'irema-mutima yanditswe n'uwo
mugab'utangaje wahoz'arenganya Kristo, hanyum'akamupfira. Som'ayo yandikiye
Timoteyo: 2 Tim. 4:6-8.

—

<u>...teka y'itorero rya Kristo yo mu myaka ibanza, mu magamb'avunaguye:</u>

1. 31. A.D. Paska, Yesu aratanga.
2. 31 A.D. Pentekoto, ubutumwa butangira kubgirizwa mu Bayuda. Akarengane kagera
mu Bakristo b'i Yerusalemu kubg'imyigishirize yabo.
3. 34 A.D. akarengane karakomera cyane, Abakristo baratatana, ubutumwa butangira
kwigishirizwa mu bihugu by'abanyamahanga.
4. Filipo abgiriz'i Samaria, Petero na Yohana batumwaye ngo bakomez'abihannye kubga
Filipo.
Filipo. Ajyanwa mw Azoto abgiriza mu midugudu yos'agan'i Kaisaria.
5. Filipo abatiz'inkone. Ab'i Damasiko, ajya mw Arabia, asubir'i Damasiko.
6. Sauli ahinduk'umukristo. Abayuda bashaka kumwica, ahungir'i Kaisaria, ajy'i Taruso.
Ahungir'i Yerusalemu. Abayuda bashaka kumwica, ahungir'i Kaisaria, ajy'i Taruso.
7. Hab'amahoro mu bakristo: Petero asur'abakristo b'abayuda b'i Yudaya n'i Galilaya
n'i Samaria. Ahabg'iyerekwa, abgiriz'abanyamahanga bo kw Korunelio. Umwuka
Wera abamanukira bakiri mw iteraniro. Petero asubir' i Yerusalemu.
8. Abakristo b'Abayuda b'i Kupuro n'i Kirete babgiriza mu bayuda bo mw Antiokia.
Hanyuma babgiriza n'abanyamahanga baho. Hihana benshi cyane.
9. Barnaba atumwa mw Antiokia. Ajy'i Taruso gutabaza Paulo. Itorero rirakomera
cyane, abaryo bitw'Abakristo.
10. Inzar'iratera, Barnaba na Sauli batumw'i Yerusalemu.
11. Akarengane ka Herode gakora kuri Yakobo mwene Zebedayo. Herode arapfa.

Inyandiko 9

12. Sauli na Barnaba basubiramw Antiokia bajyanye Mariko.

13. Barnaba na Sauli berezw'ubutumwa. Sauli aba Paulo (Meny'impamvu).

14. 45-47 A.D. Urugendo rwa 1: -- Kupuro, Pamfilia, Pisidia, Antiokia y'i Pisidia, Galatia, Lusitira, Derube, Basubira mw Antiokia y'i Siria.

15. Amahane yo gukebga atera mw Antiokia, batuma Barnaba na Paulo na Tito mu nama z'i Yerusalemu 49 A.D. Bavuye mur'izo nama, basubira mw Antiokia. Petero aza kubasura; abonekwah'umugayo.

16. 49-52 A.D. urugendo rwa 2: -- Barnaba ajyana Mariko i Kupuro. Paulo ajyana Tito na Sila. Basur'i Siria, Kilikia, Timoteyo yiyunga nabo. Galatia, Tiroa, Filipi, Amfipoli, Apolonia, Tesalonike, Beroya, Atenai, Korinto (umwaka $1\frac{1}{2}$). Yandika 1 na 2 Tes. Asura mw Efeso ataha. Kaisaria, Yerusalemu, Antiokia.

17. 53-58 A.D. Urugendo rwa 3: -- Paulo ajy'i Galatia, Efeso (imyaka 3), yandika urwa 1 Kor. Ajy'i Tiroa, i Makedonia. Yandik'urwa 2 Kor. Ager'i Korinto. Yandika Abaroma n'Abagalatia. Ataha aciy'i Tesalonike, Filipi, Tiroa, azura Utuko. Aterany'abakuru i Mileto. Bafat'i Tiro, ager'i Kaisaria, Yerusalemu.

18. Amahane aturuka mu Bayuda. Paulo arafatwa, ajyanw'i Kaisaria. Abgiriza Feliki Festo, Agripa. Ajurira Kaisari w'i Roma.

19. Urugendo rwo kujy'i Roma. Bafat'i Sidoni, Mura, Kirete. Umugaru umen'inkuge Barokoker'i Melita. Bager'i Puteoli n'i Roma. Paulo arindirwa mw icumbi. Abgir'iz'abaje kumusura. Yandik'inzandiko za Abefeso, Abafilipi, Kol., Filem.

20. Ahabwa umudendezo. Yandika I Tim. na Tito. Agir'ingendo zitari zimwe, ager'i Spania (?)

21. Akarengana ka Nero. Paulo aboherw'i Roma. Ahanwa n'abakristo hafi ya bose. Yandika II Tim.

22. 68. A.D. agw'i Roma yishwe na Nero.

C. Ibyanditswe byo mu nzandiko za Paulo bifitany'isano n'amatela twize: (Witondere), som'i irongo yose iri mur'ibi bikurikiyeho, utangire kumenyer'izi nzandiko neza.

1. 1 Tesalonike.
   a Rwanditswe mu rugendo rwa x2 Paulo ar'i Korinto. Silwano ni we Sil
   b 1:1.-- Indamutso irimw amazina ya Timoteyo na Silwano.. Kuza kwab'i Abo ni bo basig'y'i Beroya"Paulo amaze guhungira mw Atenai. Korinto, bazany'inkuru y'irema-mutima, ni ko kwatumye Paulo yandikir'ab'i Tesalonike uru rwandiko.
   c. Paulo agaragaz'umutim'uruhutse w'ibyishimo kubgo gushikama kwabo nubgo ba... nganijwe (1:2, 3). Kwizera kwabo ko mu makuba kwari kumaze kwamamara ah... tse cyane, nuko bahinduts'Abakristo bidashyize kera (1:6-8). Ibyo bya... kimenyimenyi cy'uk'ubutumwa bgababgezeho butabay'ubg'umuntu gusa, ahubg'a... bg'Imana ubgayo (1:5; 2:13).
   Paulo asesoreya ku makuba we na bagenzi be bagize, bar'i Makedonia, no... mir'abatesalonike kwihangana kwabo (2:1,2,17-3:10).

Scanned with CamSc

1 ABAKORINT 3-

Inyandiko 10

c. Paulo avug'ibyo kurenganywa kw'Abatesalonike (2:14-16).
(1) Ihuriro ryabo n'Abakristo b'i Yudaya (2:14,15).
(2) Imibanire mibi y'abayuda n'abandi bose b'amahang'atar'amwe (2:15).
Kunena kwabo ko kunen'abanyamahanga, no kwibonabona n'urugomo byakomeje
kubagayisha mu mahanga yose.
(3) "Umujinya ubasohoreyeho kubarangiza."
(a) Kilaudia w'i Roma yar'amaze kwirukan'Abayuda b'i Roma.
(b) "Buzuz'urugero." Imana yabahaye bya "byumweru 70" ngo bihane (Dan. 9:24). Yongera kubaha n'ikindi gihe cy'akarusho. Ntibabyitaho. 70 A.D. i Yerusalemu haratsiratsizwa, Abayuda barorongotoranira mu bihugu byose batakir'ubgoko.

2 Tesalonike. Na rwo rwanditswo Paulo akir'i Korinto, amaze kwandik'urwa 1 Tes. Hashiz'amez'amwe gusa. Nta bandi yandikiye vuba vub'atyo akir'ahantu hamwe. Ibyo bigaragaz'ubury'iryo torero rya 1 ryo mu Bulayi ryamushimishije cyane. Reba 1:3,4.

1 Korinto.
a. Rwanditswe Paulo ari mu rugendo rwa x3, ari mw Efeso.
b. Yabanje kubashima (1:4-7), ariko bidatinze atangira kubahana atabobera, ariko bya kibyeyi, kubg'akaga katari kamwe kari karabagezemo, gatum'itorero ritangira kugayika:
(1) Amatage no kwirem'ibice, cyane cyane byatewe n'abashegeraga Apolo (1:10-13). Ibye tuzi n'ibi:
(a) Ibyak. 18:24-19:7. Yari umuyuda wavukiye mw Alekizanderia ...
(b) Intandaro y'amatago n'uko Paulo yabgiri'abapagani b'i Korinto iby' ishingiro by'umwuka, ngo bihe Yesu (1 Kor. 3:1,2; 2:1-5). Nuko Apolo ahageze, asanga bamaze gukomera, nukw ahera ku rufatiro Paulo yari yarashyizeho, maz'abigish'inyigisho ziri mw Ubuhanga, ndetse atsindir' Abayuda mu masinagogi yabo, bitum'abantu bamwe bamwirata ku buhanga n'ubutyoza bge, bagahinyura Paulo (3:10,4-8). ...
(c) Icyakor'Apolo ntiyari mur'uko gushega, ahubgo yabiyufuyemo, ntiyashaka kuhasubir'ubgo Paulo yabimusabaga. (16:12). ...
(d) Mur'uru rwandiko Paulo akomoz'iby'ako kaga hato na hato atabobera: (3:5,6,21; 4:6,14,15,18-21).
(2) Ubusambanyi. 5:1,2,6,7a,9. Uwo murongo uheruka usesereza ku rundi rwandiko Paulo yari yarabandikiye. Kubg'ibyo, urwandiko twita ngo n'urwa 1 Kor., mu by'ukuri ni 2 Kor., n'urwa 2 Kor. mu by'ukuri ni 3 Kor.
(3) Imanza no gusubiranamo. 6:1,5-9.
(4) Amateraniro mabi. 11:17,18,20-22,29,30. ...
(5) Gahunda nke n'umuvurungano. 14:20,23,33. ...
(6) Imiburo yo kwirind'inyigisho zo hanze. Twibuke kw i Korinto hateganye cyane no mw Atenai h'umurwa mukuru w'abacura-bgenge n'idini y'abapagani.
(a) Ubucura-bgenge: 3:18-23; 1:18-24.
(b) Idini y'ubupagani: 15:29-34. Kubatirizw'abapfuye. ... 10:21. Igikombe cy'abadaimoni. ...
c. Inama ya Paulo yo kubasura. 16:5-12.
d. Ingemwe yo kugemurir'abakristo bakennye b'i Yorusalemu. 16:1-4.
e. Intashyo ziyuye mw Asia. 16:19. ...

2 Korinto.
a. Rwanditswe Paulo amaze kubonana na Tito agez'i Makedonia (mu rugendo rwa x3).
b. Agaragaza yukw ibyo yabandikiye mu rwa mbere atabobera yamuhagarikij'umutima

Mbamenen'ibanga

17/09/1992

(2:12), ariko rero agez'i Makedonia, Tito amubgir'ukw Abakorinto barwakira umutima wumvira, araturururukwa. 2 Kor. 7:5-11,13-16.

c. Icyakora habonets'abamwivovota kubgo guhindurany'inama ze z'urugendo rwo k... basura, bati: Iyo Paulo ari kumwe natwe avuga kimwe, ariko yagira hirya ag... tinya akabihindura. Kandi ngo: Ar'ahandi avug'ibikomeye, ariko yatugeramo akoroha, ngo: N'umuntu uhindagurika kand'udakomeye. (1:15-23; 2:1-4, Gere... ny'ibyo birego byabo na 1 Kor. 4:18-21 na 2 Kor. 13:1-3). Ingingo zo gut... kereza: Konz'iwanyu nzanyj'umutima w'ubugwaneza.

(1) Yabanje kubabgira kw azabanza kubasura atarager'i Makedonia. Kubgo g... ka kubonana na Tito abanziriz'i Makedonia. Ni mwe byishimo byac...

(2) Bisa nkahw ab'i Korinto bagirirag'ab'i Makedonia ishyari, cyane cyane ... Paulo yiratag'ab'i Tesalonike ar'i Korinto (1 Tes. 2:19,20). Atabanj... j'i Korinto, bituma bamwivovota kubg'ishyari. Ariko som'uburyo Paulo yagiz'ubgenge bgo gushaka guhosh'ayo makimbiranye n'ishyari: 2 Kor. 9:1...

d. Iby'akarengane n'akaga yaciyemo:

(1) Kugez'igihe yahungirag'i Yerusalemu avuy'i Damasiko. Agez'i Yerusalem... ahabg'iyerekwa. 11:24-12:7. Nari muka gaaat ... na bene wacu.

(2) Mw Efeso abacuzi bagomye: 1:8-11. (Urwandiko rwa 2 Abakorinto n'urwo guhinyuza.)

- -

5. Urw'Abagalatia. → y. shingiye kugukebga no kudakebga. ? 39

a. Rwandikiw'amatorero yo mu ntara y'i Galatia, ar'i Korinto mu rugendo rwa x3.

b. Rwanditswe kubg'akaga katewe mu Bakristo b'i Galatia n'abakristo b'abayuda bashegerag'imihango ya Mose, cyane cyane gukebga, bababgira yukw iyo mirimo itegetswe n'amategeko ibahesh'igikundiro ku Mana, ngo: Nta wuzakizwa atakebg... Abo bantu bageze i Galatia bakurikiye Paulo mu rugendo rwe rwa x2 avuye mu... ma z'i Yerusalemu. Ahanyuze mu rwa x3 ibyo yababonye byamuhagarikij'umut... bitum'abandikira agez'i Korinto.

c. Icyamutey'ubgoba ku Bagalatia n'ukunamuka kwabo. Yabanje kukumenya abage... mu rugendo rwa 1. Arakubagayira. (1:6-8; 3:1-4). Abagala bakomotse ku... galatia, ni bo bagituye mu Bufransa na n'ubu, kandi bacyarangwahw iyo ng... yo guhindagurika mu ntekerezo. Urugero: Ukuntu ubutegetse bgagiye bukura... hato na hato cyane mu myak'ishize, har'amakimbirane nc gusubiranamo kurush... bandi balayi bose.

d. Paulo ahinyur'inyigisho z'abo bayuda bavugaga ko batumwe na Petero kuvugu... Paulo:

(1) Agaragaza yuk'ubutumwa yahawe atar'ubgo, cyangw'ubgo yakomoye ku wundi muntu uw'ari we wese, ahubgo yabuhawe n'Imana:

(a) Gal 1:1,11-2:10. Ahavug'izi ngingo zihamya:

(i) Yesu ni we wamuhishuriy'ibye. 1:11. Ubutumwa bgizanavuze S...

(ii) Yesu amaze kumwiyereka, nta muntu n'umwe Paulo yagishij'inama ... amwigish'ibya Yesu. 1:16-24. Byatangazag'abayuda kumv'uko P... yigish'ibya Yesu kandi bazi yukw atigez'abyigishwa.

(2) Ahinyuz'ibyo ba Bayuda gito bigishaga:

(a) Ubgo yajyaga mu nama z'i Yerusalemu, abakristo b'abayuda ntibahat... Tito gukebga, kandi yar'umunyamahanga. 2:3. Al ubgo harihw igite... cya bamwe gusa bashakaga kw akebga, maz'intumwa ntizabibakundira. Abo ni bo noneho bari barateye mu Bagalatia. 2:4,5.

(b) Intumwa (ukw ari Yakobo, Petero, Yohana), nta cyo bamwongereye ku... yar'asanzwe yigish'abanyamahanga. Nta gukebga bavuze, ahubgo bag... ragaje yuko bafatanije na Paulo mu buryo bgose (2:6-10). Wibuke n... *Ibyak. 15:1,2,12-29.

(c) Agaragaza ko Petero atar'uwo kwishingikirizaho, kuk'ubgo yigeze ku... ryarya mu byo ba bayuda bashegeraga, akayobya bamwe, bigatuma Paul...

amuhanir'imbere ya bose yukw abantu badatsindishirizwa n'imirimo y'amategeko no gukobga, ahubg'icy'Imana yitaho n'umutima. 2:11-16.

(d) Avuga kw adahinyuza ba bantu bateye mu Bagalatia abitewe n'ukw ar'abayuda, nkahw ar'umunyamahang'ubge. Ahubgo ngo: na we yar'umuyuda waruyuda, arikw amaze guhinduk'umukristo by'ukuri, ya mihango y'Isezorano rya Kera arayireka. 1:13,14

Sobanukirwa na Gal. 2:1. 35 A.D. ongorahw imyaka 14 = 49 A.D.

Soma 6:8,11-17 Kubibir'umubiri n'iki ubigereranijo n'imigambi y'uru rwandiko? Inkovu zo ku mubiri Paulo yavuze bigira huriro ki n'ibyo gushegera gukebga? 6:12 ngo: IGIKUNDIRO KU BY'UMUBIRI. Mbese har'icy'ubisobanukirwaho?

Urw'Abaroma. Rwanditswe Paulo ar'i Korinto mu rugendo rwa x3. Rugaragaza yuk'ubutumwa bgiza bgatanze Paulo kuger'i Roma. 1:8. Mbese bgahagejejwe n'iki? na nde? Ntituz'izina ry'umuntu n'umwe, ariko rero har'ubuhamya bginshi:

(1) N'abayuda baturuts'i Roma bagiye muri Pentekote mu mwaka wa 31 A.D. Twahamya yuko mur'icyo gihe har'Abayuda bar'i Roma kuko:
   (a) Hanyuma Kilaudio yabirukany'i Roma, kandi
   (b) Ibyak. 2:5 hahamya yukw abayuda baje mu birori bya Pentekote bari baturutse mu bihugu byose byo mu bgami bg'abaroma, byongeye kandi Ibyak. 2:10 herura kw abayuda b'i Roma bari bahari. Ubgo basubirag'i Roma, bajyany'ubutumwa bgiza bumvis'i Yerusalemu mu kanwa ka Petero n'izindi ntumwa, ku munsi wa Pentekote.

(2) N'abantu bahinduts'Abakristo kubga Paulo. (N'abahinduts'abakristo kubgo mw Asia Nto n'Ubugiriki, bakamamaz'ubutumwa mu bihugu biteganye n'aho bari batuye. Urugero: 1 Tes. 1:8).

(3) Abagatolika bavuga yuko Petero ari we wahanz'itorero ry'i Roma, ndetse iryo jambo barivuga cyane ngo barishyigikiz'inyigisho zabo z'ubupapa zivuga ngo: Petero ni we papa wa mbere; ngo: ni we wahanz'itorero ry'i Roma, akahicara. Ibihinyuz'izo nyigisho ni byo by'ibi:
   (a) Ibyanditswe birabihinyuza, kuko bivuga ko Petero yar'intumwa yo kubgiriza mu bakebge hose nkuko Paulo yar'iyo gutumwa mu batakebge. Utumwa hose ntiyicara hamwe. Gal. 2:7,8.
   (b) Petero ntiyarutaga Paulo cyangw'intumwa iy'ari yo yose, kuko yatumwaga nkazo. Ibyak. 8:14.
   (c) Yakobo ni we war'umukuru w'itorero mu gihe cya Petero. Mu nama zaberey'i Yerusalemu 49 A.D., Yakobo ni we wazihagarikiye, ijambo rye rikab'ari yo bakurikiza. Ibyak. 15:6-29. Kuri gahunda y'amazina y'abakuru b'i Yerusalemu, irya Yakobo ribanziriz'irya Petero. Gal. 2:9
   (d) Ibindi bitwemeza yuko Petero atar'umukuru w'itorero ry'i Roma n'ibi:
      (i) Mu rwandiko Paulo yandikiy'abaroma, yandits'amazina y'abantu benshi bari baziranye na we, b'i Roma. Niba Petero yar'umukuru w'itorero ry'i Roma, n'iki cyatumye Paulo atamuvuga mur'izo ntashyo, no kuri gahunda y'amazina yose ari muri 16:3-23? Ko yeruy'izina rya nyir'urugo rwahw itorero ry'i Roma ryateraniraga, n'iki cyatumye atavuga na Petero nib'ari we wabay'umukuru w'iryo torero? 16:3-5a.
      (ii) Ubgo Paulo yar'imbohe i Roma yavuze yukw Abakristo bose bamusigiriye, ari kumwe na Luka gusa (2 Tim. 4:11). Petero yari hehe?

Paulo agaragariz'abaroma ko yifuza kuzabasura. 1:9-15. Turibaza tuti: Ko Paulo yakundaga kubgiriza mu midugudu mikuru, ng'ubgaku bg'ubutumwa bugere no kw isi iyizengurutse, n'iki cyatumy'atager'i Roma, kw ari yo murwa mukuru mw isi yose mur'icyo gihe?

...Paulo kujy'i Roma. ...kwitabgaho mur'iyo

(2) Amagamb'agaragaz'imihati y'itangaje (15:23).

(3) Icyatumy'atajy'i Roma akiri mu rugendo rwa x3

(4) Ukw Imana yumviy'amashengesho ye yo kuger'i Rom mbere kumugirira ibyo yayisabye byose no mu bur

7. Urw'Abefeso rwanditswe Paulo ar'imboho i Roma, inshur Nubgo yabay'imboho, yahaw'uburenga-nzira bgo kwakir'ab komeza kubgirizany'ubutumwa imbaraga ukw ashoboye, yiz gereranye na Fil. 1:12-14. Ndashaka yuko ibyambayeho bib

a. Imigambi y'iki gitabo n'ukugaragaza ko muri Kristo h ryo mw Efeso bari bakenny'ubumwe, bitewe n'uko mw Efe mw Asia, kandi kukw ar'umudugudu wo ku nkengero y'iny pagani b'abanyamahanga n'abayuda na bo. Paulo abahwi ngo babone guhuz'ubumwe. Soma witonze: Efe 1:10; 2:11-2 ubigereranye na Yoh. 17:21. (Wite kur'iri ngo: umwe mu

b. Kugira ngo Paulo akomez'ijambo rye ryo kugaragaza yuko moko imbere y'Imana, ababgira kw Imana yabimugaragarije ryo yerekwa n'ibi:

(1) Ngw Imana yahay'amoko yose kuraganw'ibyasezeranijwe 3:2,3a,6.

(2) Bisa nkaho Imana yabimuhishuriye atarajya muri ya na yabereyeho gusuzum'iby'abanyamahanga bahinduts'Abakr

(3) Mur'iyo minsi, ubgo Paulo yerekwaga, ni bgo na none na we iyerekwa ryerekey'abanyamahanga, rituma ajya kwa 11:5-18.

(4) Gereranya na 2 Kor. 12:1-4. Urwa 2 Kor. rwanditswe 14 mbere y'icyo gihe ni nka 43 A.D. Ni bgo Petero yer gahamagarirwa na Barnaba kumufasha mw Antiokia. Bisa tse kwerurir'intumwa zayo zikomeye, ukw ari Petero (wa Paulo (watumwe mu batakebgo), yukw abanyamahanga bakr bgo ba bayuda b'abakristo baturutse mu irwa byo mu Med kwizez'abayuda bo mw Antiokia ibya Kristo. Bumvise uk nukiye ba Korunelio, bibatera guhindukir ra abagiriki bo Abihannye bamaze kuba bonshi, baremerera Barnaba, ni ko war'umaze guhabg'iyerekwa na we. Bituma yemera kwirund wo kubgiriz'abanyamahanga atazigamije.

8. Urw'Abafilipi. Rwanditswe Paulo akiri mu nzu y'imboho i Roma (

a. N'urwandiko rusabyemw umutima w'urukundo Paulo yakundag'ab'i r'abalayi ba mbere bo kumv'ubutumwa bga Paulo, kandi bakaba noza, bisa nkaho bakundanaga cyane na Paulo, n'inkora-mutima naguza kuri mur'uru rwandiko. Suzum'iyi mirongo igaragaz'um 1:3-5; 2:12a; 3:15a; 4:1; 4:15,16.

b. N'urwandiko rusabyemw umutima w'ibyishimo n'ibyiringiro, nubgo Soma 1:12-14; 2:17,18; 3:1a; 4:4,6; 4:11b,12,13,18.

c. Muri byose yererereza Kristo. 1:21; 2:5; 3:7-9; 4:13.

d. Bisa nkaho yigeze kubandikir'ubundi. 3:1.

e. Asesereza rimwe na rimwe kuri ba bayuda batyo mu matorero ya K ra gukebga. 3:2—7,9. 3:19-21

Mwirinde zambga mwirinde inkozi z'ibibi n'abak

9. Urw'Abakolosayi na rwo rwanditswe Paulo ar'imbohe. Kol. 4:3,10,18.
a. Meny'aho i Kolosayi ihereréye. Nubgo ntari kumwe namwe kumubiri ndi kumwe na
b. Bisa nkaho Paulo ubgo atagezeyo (2:1,5), ahubgo bigishijwe na Epafura (1:6-8). E
Kubg'imirimo y'Abakristo bafatanije n'intumwa, ubutumwa bgagaye bitangaje bga-
mamara mu bihugu byose. Gereranya 1:23b na Ibyak. 18:26 na 1 Tes. 1:8. I-
cyakora birashoboka ko Paulo aba yarigeze kubasura, kuko Filemoni w'umuturage
w'i Kolosayi, yabay'umukristo kubga Paulo (Filemoni 19).
* c. Rwanditswe kubg'inyigisho z'ibinyoma zatangiye kubon'ishyikizo mw itorero.
Murizo twakwita kur'ibi:
(1) Ibyigisho bishegér'imihango y'abayuda. 2:11,16,17,20-22; 3:9-11.
(2) Umutima bamwe batangiye kugira wo kwibgira yuko kubabaz'umubiri no kuwu-
gomwa bishobora gushesh'umuntu ubutoni ku Mana. 2:23.
* (3) Ubuyobe bgakomotse ku nyigisho z'abapagani n'iz'ubucura-bgenge. Tuzazi-
geraho hanyuma.

10. Urwa Filemoni rwanditswe Paulo akir'imbohe i Roma (1:9).
a. Filemoni yar'umukristo w'i Kolosayi. Mu rugo rwe ni mw ab'itorero ry'uwo
mudugudu bateraniraga (1:2). Yihanishijwe na Paulo.
b. Rwandikiwe gufasha Onesimo, wahoz'ar'imbata ya Filemoni, hanyum'agacika.
Agez'i Roma ahura na Paulo, arihana, yifuza gusubira kuri shebuja. Paulo a-
murengera mur'uru rwandiko ngo Filemoni amwakire neza.
c. Sesengura aka kandiko neza, umeny'ubgenge Paulo yagize bgo gutuma Filemoni
yakira Onesimo neza:
(1) Uko yabanje kumubgira neza, amushima bitar'urumamo, amushimir'urukundo a-
girira bose. 1:4-7. (Ngo ye kuruburira Onesimo na we, amaze kumv'ibye).
(2) Amwingingira Onesimo, amugaragariza kw atakir'imbata, ahubg'ari mwene se
basangiye kwizera n'umubyeyi wo mw ijuru. 1:8-17. Kuko Paulo yari mu-
kuru ntibyari ngombga ko yinginga Filemoni.
(3) Paulo yibutsa Filemoni kw ari mu mwenda we Paulo, ng'umwenda wa Onesimo
awubarire kuri Paulo, maz'awuharire Onesimo. 1:18-21.
d. Akarongo gatangaje kerekana kwizera kwa Paulo: 1:22.
e. Fata mu mutwe uyu murongo utúber'urufunguzo rwo gusobanukirwa n'impamvu y'uru
rwandiko: 10. Ndakwingingir' Umwana wanjye nabyariye mu minyururu yanjye - Onesmo.

11. Urwa 1 Timoteyo rwanditswe Paulo amaze kubohorwa.
a. Ibya Timoteyo ubgo: Ibyak. 16:1-3. Ubgo Paulo yandikag'uru rwandiko, Timo-
teyo yar'umupastoro w'itorero ryo mw Efeso. 1 Tim. 1:3.
b. Rwandikiwe kuyobora Timoteyo mu murimo we ngo:
(1) Yirind'ubgo. 1:6-8; 4:7,12-16; 6:12-14,20,21.
(2) Yirinde no ku nyigisho ze. 2:1-3,8.
(3) Ashyireho gahunda nziza mw itorero. 2:9,10; 3:2,8; 5:17,22.
Mur'icyo gihe ubuyobe n'inyigisho z'ibinyoma zitari zimwe byari bimaze kwise-
seka mw itorero. 1:3,4,6,7.

12. Urwa Tito. Na rwo rwanditswe Paulo amaze kubohorwa. Yarwandikiye Tito ubgo ya-
r'umupastoro w'i Kerete.
a. Ibya Tito: tumuziho bikeya cyane.
(1) Ntavugwa mu Byakozwe, keretse mu nzandiko zimwe za Paulo.
(2) Yar'umugiriki (Gal. 2:1-5).
(3) Twibgira yukw i wabo ari mw Antiokia (Gal. 2:1).
(4) Bisa nkaho yihanishijwe na Paulo (Tit. 1:4).
(5) Yajyanye na Paulo mu rugendo rwa x3, atumwa na w'i Korinto bihe bitari
bimwe, hanyuma akorana na w'i Kirete, arahasigara.

Scanned with CamSc

b. Iby'ikirwa cy'i Kirete:
(1) Nka 1500 M.K. har'amajyambere atangaje agiye guhwana n'ayo mw Egiputa. Hanyuma harahenebera, higarurwa n'Abagiriki, amaherezo Abaroma bahatsinda muri 67 M.K.
(2) Guhera nka 100 M.K. abanyazi bahagiz'ubuturo bgabo. Ingeso zabo zo gukurikiz'irari ry'umubiri mu byo gusambana no kub'ibisambo n'ibirura zigenzura mu baturage b'icyo kirwa, bituma havugwa nabi (Tito 1:12,16). Abayuda batari bake na bo barahatuye. Abanyabinyoma, abanyandambi, inyoma
(3) Bisa nkaho Paulo yabanje kuhasura ar'imbohe ajyanw'i Roma (Ibyak. 27:7,...). Hanyuma, amaze kubohorwa asubirayo, asiga Tito kugira ngw aringaniz'umurimo na gahunda mu bo bihanishije (1:5,6).

c. Uru rwandiko ruhwanij'ubutumwa n'urwo yandikiye Timoteyo, keretse yuko bisa nkaho Paulo atashimishijwe cyane n'umurimo Tito yakoz'i Kirete. Ibimenyimenyi by'ibyo:
(1) Yamuhwituriye kudatera waraza yigisha nkaho yabikoraga. 2:7.
(2) Yamuhwituriye kwirinda gusuzugurwa nkaho yasuzuguritse. 2:15. Bisa nkaho yafatanyaga n'abanyamahane. 3:9.
(3) Yamwibukije yuko yasigiwe i Kirete ngw atungany'ibitamezo neza, nkaho atabikoze. 1:5.
(4) Muri 2 Tim. 4:10 yamukubiye hamwe n'amazina y'abahemu nkahw ar'umwe wo muri bo. Uko biri kose, ubgo Paulo yandikaga 2 Tim., Tito ntiyar'akiri i Kirete; ahubgo yari mw Iluriko (ni ho Dalumatia). Mbese Paulo yamushimbuje Arutema cyangwa Tukiko? Reba Tito 3:12 na 2 Tim. 4:12.

d. Ibibabaje by'i Kirete uko bigaragarira mur'uru rwandiko: Arutema yagiye / Tukiko
(1) Gahunda nkeya mu matorero. 1:5.
(2) Abakristo batari bo nyakuri, cyane cyane b'Abayuda basheger'imihango ya kiyuda, n'abandi b'abanyakirete, bakiri mu bya kamere. 1:10-16; 2:2-6.
(3) Amahane n'ubugome no kwirem'ibice mu b'itorero: 1:5-7,10; 3:1,2,9,10.
Uko biri kose, biragaragara kw i Kirete har'ahakomeye cyane, bitum'umurimo rushya Tito. 7-10-66

13. Urwa II Timoteyo rwanditswe Paulo amaze gushyirwa mu nzu y'imbohe ya Mamertine y'i Roma, akaboheshw'iminyururu ari mu kazu kari munsi y'igitaka. 1:8,12; 2:9
a. Yajugunywe mu nzu y'imbohe kubg'akarengane ka Nero. Abantu bose baramuhanye keretse Luka (4:10-12, 16). Ibitabo byari kwa Karupo
b. Ubgo yandikag'uru rwandiko yar'amaze gucirw'urubanza rimwe (4:16). Imana mugoboke, ituma atanganyirw'intare muri colosseum (4:17). Ariko yari yukw iherezo rye rita itinze (4:6). Ubumize nk' bisukwa kugicaniro
c. Uru rwandiko rufitany isano cyane na 1 Timoteyo. Muri rwo agerageza gukomeza Timoteyo no kumurem'umutima, azi kw ar'ubuheruka bgo kumwandikira, kandi yamukundaga cyane (1:6,7,13,14; 2:1-3, 8a, 15,22; 3:14; 4:1,2,5,22).
d. Uru rwandiko rutoy'imbabazi cyane. Mu kazu ko hasi y'ubutaka Paulo yabohe hari hakonje (4:13, 21a), nyamar'ubushyuhe bg'umutima we bugaragara hose mur'uru rwandiko, alit'ibyiringiro bikomeye yukw ingororano imubikiwe koko 1:12; 4:7,8. Narwanye intambara nziza narangiz' urugendo
e. Hagaragariramo hose umutima uhagaze wa Paulo. S'uko yihagarikiy'umutima ahubgo n'uko yamenye kw itorero rizononekara hanyuma hakab'ibihe biruhije cyane: 2:16,17; 3:1-9; 3:12,13; 4:3,4. Gereranya na Ibyak. 20:29.
f. Icyitegererezo cya Paulo abapastoro bakwiriye gukurikiza: 1 Tim. 4:13; 2 Tim. 4:13. Nubgo yar'imbohe kand'ashaje, akab'azi yukw atazongera kubgiriz'ukuri ntiyarongagij'umurimo wo guhor'asoma. Mur'uko gusoma no kwibgira nogusenga ni ho yakuy'imbaraga n'ubutwari kugeza ku munsi we uheruka. Ntiwamukurikize

9-10-66

## II - GUSESENGUR'INZANDIKO ZA PAULO

A. Urwa I Tesalonike.

1. Ongera wiyibuts'ibyo wize byerekey'uru rwandiko (C.1).

2. Ni cyo gitabo cyabanjirij'ibindi byose byo mw Isezerano Rishya kwandikwa. nditswe nka 50 A.D. Ubutumwa 4 bganditswe Petero na Paulo bamaze gupfa, ma ya 68 A.D.).

3. Umudugudu w'i Tesalonike ubgawo:
   a. Mbere hitwaga mu Mashyuza (Urugiriki: Thermae).
   b. 315 M.K. Kasanderi awitirir'umugore we wari mushiki wa Alekizanderi.
   d. 301 M.K. nyuma y'Ipsusi ub'umurwa mukuru w'i Makedonia.
   d. Ibyatumy'ub'umudugud'ukomeye:
      (1) War'umurwa mukuru w'intara.
      (2) Wubatswo ku mutwe w'ikigobe, ahar'icyambu cyiza. Inkuge z'abacuru zafatagayo zivuy'i Palestina, no mw Egiputa, no mw Italia, no mu bi bihugu bikikij'inyanja ya Mediteranea.
      (3) Umuhanda muninі nyabagendwa w'abaroma witwaga Via Egnatia wanyurag mur'uwo mudugudu, uturutse mu bihugu by'i burasira-zuba, ukagan'i Ibyo bigatuma i Tesalonike hab'umudugudu w'ubucuruzi bginshi cyane
      (4) War'intebo y'intara y'Abayuda batuye mur'iyo kirare... Har'isinagog nini abo mw Amfipoli n'Apolonia n'i Filipi, n'imihana yose ihakikij bateraniragamo.
      (5) 42 M.K. i Tesalonike yahawe kwitegeka.

   e. Ab'i Tesalonike bari bantu ki?
      (1) Bar'ab'amoko menshi, arikw abenshi ar'abagiriki.
      (2) Har abayuda bamwe n'abanyamahanga bahinduwe na bo, bakemer'idini ya kiyuda. Ni bo Abakristo bitag'Arubah'Imana cyangwa se Abaseng'Imana Imana. Reba nka Ibyak. 16:14; 17:1,4.
      (3) Nko mu midugudu mini yose, ibyaha byarahigariye, cyane cyan'ubusambanyi n'ubusinzi. Ereg'ibyo bisanzw'ar'impanga! Ukora ku kayoganta buno kub'umusambanyi.

4. Ibyatumye Paulo abandikira:
   a. Kubashimira kwihanganir'akarengane kabo, n'urukundo rwabo no kubakomeza
   b. Kubakwitura kubg'akaga k'uburyo 4 kari kageze mw itorero ry'aho (bihera mu gice cya 4): *Kugirango mugende nk'ingeso nziza kubera ... nkuko ... abo hanze ...*
      (1) Hariho bamwe bari barishyize mu kaga ko kubur'ibibatunga, kubera yu kobanze gukora; ngo: Yesu agiye kuza vuba, nta mpamvu yo kwirushya mu by'isi ukundi. Ubgo budeshyi bukabetez'urubga mu bapagani batazi atar'ubute bubitera, ahubgo n'ibyiringiro. Suzum'iyi mirongo ibyer yeho: 4:11,12; 5:22 (meny'Igisa n'ikibi icy'ari cyo!) *ubunebge*
      (2) Abandi bamwe bari bihebye kubg'abo bapfushije. Bizeraga yuk'uwiha Yesu atazapfa Umwami ataraza (Reba Yoh. 11:26 na 6:51a. Maz'usome 54,40). Nuko, bapfushij'abizera, basigara mu majune batekereza yu bapfuye buheriheri, ari nta muzuko w abakiriye Yesu bagapfa, keret uw'abapfuye bamwiringiye babagaho ataravukira mw isi, bo mu gihe cy sezerano rya Kera. Suzum'iyi mirongo: 4:13-18; 5 10,11.

*Yesu aganira n'Umusamaria ku iriba n'babgir'ibyumu bagani'ibyamazi y'ubugingo*

*1 Tes 4:1-17* *Ibyiringiro*

* Ibyo kwitonderwa bya 4:14 ngo: "Azazana na Yesu abapfiriye muri we."

(a) Nta bgo Paulo yigeze yigisha yukw abapfuye bari mw ijuru, ngo babone kuzazana na Yesu ubg'azagaruka. No mur'uyu murongo si ko bishaka kuvug Suzuma context yo hafi igaragaza neza imyigishirize ya Paulo yerekeye abapfuye: 4:16b. Context ya kure: 1 Kor. 15:23; Heb. 11:39,40.

(b) Ntihavuga ko Yesu azazana n'abasinziriye. Ahubgo ngo: Imana izabazanan na we, iri mw ijuru, ibiganishaho bajya mw ijuru (4:17). Ibyo bizaba ubgo Yesu azab'amaze kubazura, agarutse, agasubirana na bo mw ijuru.

(c) Ibyo muri 4:14 ubitandukanye na 3:13. Abera bahavugwa n'abamaraika. Reba 2 Tes. 1:7 na Mat. 25:31. azazana n'abamaraika

(3) Bamwe bari baratangiye kwica gahunda y'itorero, bagandir'abayobozi batowe n'ab'itorero. Suzum'ibi: 4:9-11a; 5:12-14.

(4) Abandi bari baratangiye gusubira mu by'isi, bari mu kaga ko kokamwa n'ubusambanyi bgaho n'ubusinzi. Suzum'ibi: 4:3-8; 5:4-9.

5. Sobanukirwa n'indamutso ya Paulo iboneka mu nzandiko ze ngo: UBUNTU N'AMAHORO BIBE MURI MWE. Umeny'uko yazirikany'abanyamahanga n'abayuda, bikagaragarira mur'iyo ndamutso.

## B. Urwa II Tesalonike.

1. Ongera wiyibutse C.2.

2. Mu buryo bginshi uru rwandiko ruhuje n'urwa 1 Paulo yabandikiye: Yongeye kubashimira kwihangana kwabo, no kwizera kwabo n'urukundo (1:3,4), abahanira kutica gahunda no kutanebga.

3. Uwajyany'urwandiko rwa 1 yagarukany'amakuru y'uko hagwiriye muri bo umutima uhagaze. Icyakora, bisa nkaho basobanukiwe n'iby'abapfuye. Byongeye kandi Paulo ntiyongeye kubabgira kwirinda gusambana no gusinda, ahari bitewe n'uko babyihannye, babitowe n'uko Paulo yabakangishije kubabgira ko bakwiriye guhora biteguye, ngo: umunsi w'Umwami uzabatungura (1 Tes. 5:1-7). N'uko barabyihana ariko rero, bakurizah'umutima uhagaze bati: Yesu araje! Ndetse bamwe bati: Yesu amaze kuza! (2 Tes. 2:1,2. Gereranya 2 Tim. 2:18 na Mat. 24:26). Ibyo bituma bgo bunebgo burushaho gusaga, intara ibagera kure. Ni ko kubandikir'i

a. Abagaragariza ko Yesu atazaza hatabanje kubonoka mw itorero ubuyobe bukomeye. 2:3,5.

b. Mu rwa 1 yababuriye kwirind'igisa n'ikibi cyose, umuntu wes'agakora. None ho akubitiraho kubategeka guca mw itorero abanga gukora. 3:6-12.

4. Amahame atar'amwe tubonera mur'uru rwandiko:

a. Abadamarara bakababaz'abandi kur'ubu, bazababazwa Yesu n'aza; nahw abarenga na kur'uru bazadamarara hanyuma. 1:4-12. Bigereranye na Mat. 6:2,5,16.

b. Uko 1:7 hasobanura 1 Tes. 3:13.

c. AIONIOS ukw iboneka muri 1:3,9.

d. Gereranya 1:10 na Ibyah. 14:4,5. Icyakora ibuke kw ari abari mu buryo bga gihanuzi; n'ukuvuga ko batigeze kubangikany'ibyera n'ibyanduye mu kubaho kwabo kw'aho bihay'Imana burundu.

e. Inkomoko y'ubuzira-nenge ahw ari ho: 1:11b; 2:13b. Reba ko twahamagariwe guhabg'ubgiza bga Yesu Kristo bgo mu ngeso. 2:14.

f. Hatangiye kubonek'inzandiko z'ibinyoma. 2:2; 3:17.

5. Ibyerekey "amayoberane y'ubugome" (2:7). Mu rugiriki ni TO MUSTERION TES ANOMIAS ( ): THE MYSTERY OF INIQUITY. Gereranya n'igifransa. Mu runyarwanda ni: UBGIRU BGO KUDAKIRANUKA.

a. Mw Isezerano Rishya havug'iby'ubgiru bg'uburyo 2. Ni bgo bg'ubu:

(1) Ubgiru bgo gukiranuka butum'umuntu ubugira agir'ibyiringiro byo guhabga bgaubgiza bga Kristo, ari bgo gukiranuka rwose. Ubgo bgiru n'ukugira Kristo mu mutima no kumunambaho. Nta wamenya k'umufite mu mutima wawe, kuko hatagaragara. Kubg'ibyo n'ubgiru; nyamara bugir'amaherezo agaragara neza; ni yo bgiza bg'ingeso, bumenywa n'abantu bose batuzengurutse. Kol. 1:26,27.

(2) Ubgiru bgo gukiranirwa, ni bgo buvugwa muri 2 Tes. 2:7; kandi bushingiye ku muntu wajyaga kuzisimbuza Kristo mu mitima y'abantu, akireshyeshya na we, ngo bab'ari we bategahw amakiriro. Ni na we twita ANTI-KRISTO, kuko yimura Kristo (ari we Mana. Reba 2:3-- "kwimur'Imana.") Ibya ANTI-KRISTO bivugwa muri 2 Tes. 2 ni byo by'ibi:

(a) N'umuntu wimur'Imana, cyangwa Kristo. 2:3.

(b) Yitw'Umwana wo Kurimbuka. 2:3. Nta wundi wo muri Biblia wigeze kwitw'iryo zina keretse Yuda (Yoh. 17:2), na we yabay'amendeze yo gukuraho Kristo, ngw amuvane mu bantu kubgo kumugambanira.

(c) Ngo: N'umubisha. Wibuk'akarengane k'iminsi 1260. *ni Yuda*

(d) Ngo: N'uwishyira hejuru y'icyitw'Imana cyose (i.e. ibigirwa-mana. Bigereranyo na Dan. 11:36,37. Som'ubusobanuro bga Danieli, pp. 62f.)*

Kandi ngo: azishyira hejuru y'igisengwa cyoso, cyangwa usengwa wese.

(i) Ba Kaisari biyitaga AUGUSTUS, ngo: Nyirugusengwa; ba rubanda bakabasenga koko, ngo ni: PONTIFEX MAXIMUS (pontis: iteme; factor: ūkora; maximus: igihebuje).

(ii) 330 A.D. Konstantino yimukir'i Byzantium; nuko Papa ati: Ni jy'usigaye mu mwanya wo. 375 A.D. yih'iryo zina ati: Ni jye Pontifex Maximus. Na n'ubu ni kw Abagatolika bamwita. Mu cyimbo cyo gusenga Kaisari, abantu bahindukira Papa. Ndetse imyambaro y'ubusaserdote Kaisari yambaraga, Papa arayambara, koko, yishyira hejuru y'igisengwa cyose, ar'Imana nyakuri, cyangw'abami basengwaga. 2:4b. Wiyibutse n'ibyanditswe mu Busobanuro bga Danieli, pp. 38f. * *Ngo yiyereka ane kw ar'Imana*

(e) Ngo: Azatangir'umurimo wo rwihishwa. 2:6,7. Bigereranye na ka gahembo gato kahinduts'irinini hanyuma.

(f) Ngo: Azahishurwa mu gihe cye: 2:6b. Ni 538 A. D. Meny'impamvu.

(g) Ubuz'ayo mayoberane kugara: 2:7. N'abami ba boz'i Roma bakomeje gukom'ubupapa mu nkokora, ar'aba:

(i) Ba Kaisari. Romulusi Agustulusi akurwa ku ngoma 476 A.D. Ariko Umwami w'Abaheruli aramuzungura, ni wo Odoacer.

(ii) 493 A.D. Abostrogoti birukan'Abaheruli, ma'umwami wabo, Teodoriki asigara ku ngoma y'i Roma.

(iii) 538 A.D. Belisariusi atsind'Abostrogoti, nuncho Papa agera mu gihe cye, cy'imyaka 1260. Dan. 7:24,25. Som'Ubusobanuro bga Danieli, pp. 36f.

(h) Amaherezo ye: 2:8b. Gereranya na Dan. 11:36b, 45. *igihe cye*

(i) Azazan'ibitangaza n'ibimenyetso. 2:9. Bigereranye na Mat. 24:24 na Ibyah. 13:13. Byahanuwe ndetse yukw abaprotestanti na bo bazagir'ubgo bakora bon'ibyo bitangaza bishukana biva ku'i Satani. Ibyah. 19:20.

(i) Iby'ibitangaza: Ibitekerezo by'ubukonikoni n'ubupfumu byinjiye mw itorero mu myaka y'umwijima biturutse mu bapagani, basenga g'abami n'abandi, bakibgira kw amagufka yabo n'imyambaro yabo.

*1798 / 538 / 1260*

bifit'imbaraga zo gukiz'abantu. Ni hw abakristo bayobye bakuye inyigisho z'ibisigozwa, n'iz'ibitangaza bisa n'ubumago:-

(1) Ibyanditswe by'ibihimbano bivuga yuko Yesu n'intumwa zo ba-korag'ibitangaza bisa n'ubukonikoni. Urugero: Petero n'i-ngamiya n'urushinge. Ikindi: Ngo: Yesu, akimara kuvuka, atangira kubgiriz'abaje kumuramya.

(2) Iby'amashereka ya Maria.

(3) Iby'amavumo akorerwamw ibitangaza byo gukiz'indwara nk'i Lourdes.

(4) Iby'urwego rwa Pilato, etc, etc. Rwi i Roma ngw aba-

(ii) Iby'ibimenyetso - Za stigmata, cyangw'ibyo bit'inkovu za Yesu, bavuga ko zibonekа ku batagatifu babo, ari mu biganza, ku biro-ngo, mu mutwe, ku rubavu, ku rutugu.

6. Umurongo w'imena w'uru rwandiko: 2:3. Wufatire mu mutwe.

lc 13-10-66-

D. Urwa I.Korinto.

1. Subira kwiyibuts'ibyo wamaze kwiga by'i Korinto n'uru rwandiko.

2. Iby'uwo mudugudu ubgawo mu magamb'avunaguye:

a. Paulo yahasuye mu rugendo rwa x2 amaze gusura i Tesalonike n'i Beroya no mw Atenai. Ahamar'umwaka $1\frac{1}{2}$. Ni bgo yahahanz'itorero. Yabandikiye nibura inzandiko 3. Ebyiri dufite yazandits'ari mw Efeso mu rugendo rw x3.

b. Mu gihe cya Paulo i Korinto ni ho habay'umurwa ukuru wo mw Akaya.

c. War'umurw'ukomeye w'abantu benshi, n'ubucuruzi bginshi n'ubgohe butagir'a-kagero. Impamvu n'izi:

(1) Wubatswe ku nkengero y'ikigobe gifit'imyaro myiza, mu kirere kiri hagati y'i Makedonia n'i mw Akaya, no hagati y'inyanja y'Aegea n'iy'Ionia. Bi-tyo wabaye mu mahuriro y'inzira, kandi ni hagati yo mw Asia Nto no mw Italia.

(2) Wubatswe ku birenge by'umusozi witwa Akro-Korinto. Mu mpinga yawo har' ingoro ya Venusi, ni yo Afrodite na Arutemi ikigirwa-mana cyabo cyo ku-byara n'urukundo. Iyo ngoro, kuko yari nkuru mw idini ryabo, yareshya-g'abantu bo hirya no hino, b'amoko menshi. Ibitambo byabo byinshi cya-ne byatangwaga bagir'iguriro ry'inyama z'intonrano mur'uwo mudugudu.

* Ryahaga ikigeragezo imitima y'abakristo bamwe (nka I Kor. 8; 10:25ff.). Byongeye kandi hahag'abakobga b'ibyomanzi 1000 mur'iyo ngoro baberagaho gusa-mbana n'abazaga gusenga Venusi. Imico y'abo bakobga b'intore yokamye ab'igitsina cyabo bo mur'uwo mudugudu, bitum'abagore baho baranganw'i-ngeso zo gushir'isoni n'ubukubaganyi bginshi. Ni cyo cyatumye Paulo yandikir'abagore amagamb'akomeye yo kubahana (nka 11:5,6; 14:34,35). Ubusambanyi no gutingana byababaga gikwira, mbere bihag'irari ryabo ba-maramaje, ar'ukunywa no kurya (15:32), ariko cyane cyane ubusambanyi. Byatumye bahimb'iri jambo ngo: Gukorintiza (kiha burundu irari n'iru-ba ry'umubiri), barikomoye kw izina ry'uwo mudugudu.

d. Mbega ko Paulo yar'intwari ngw ab'ari hw atoranyiriza kuvun'umwaka $1\frac{1}{2}$! A-riko hari aaruhije, byatumye abandikira gatatu koko!

Page 10 12

3. Wiyibutse na z'impamvu zatumye Paulo abandikira (reba I.3), wongereho n'izihe-ruka zo mur'izi:

a. Amatage yo kwirem'ibice.

b. Ubusambanyi.

c. Imanza no gusubiranamo.

Scanned with CamSc

Amateraniro y'imbura-mumaro.
Gahunda nke n'umuvurungano.
Imiburo yo kwirind'inyigisho z'hanze.
Paulo abasubiza ku bibazo byabo byerekey'ibi:
(1) Gushyingiranywa.
(2) Kury'intonorano zaterekerejw'ibigirwa-mana.
(3) Kuzuka kw'abapfuye.

Gahunda y'ingingo zivunaguye zo mur'uru rwandiko:
a. Indamutso. 1:1-3.
b. Ishimwe, ryo gushimir'Imana ubuntu yabagiriye n'uko yabagabiy'impano z'Umwuka. 1:4-9.
Ariko ndabinginga kugirango muvuge kumwe.
c. Abahana kubgo kwirem'ibice: 1:10ff. Yishimira yukw atabatije benshi bo muri bo, ngo bitababer'intandaro yo kumwishingikirizaho. 1:14-17. Bigereranye n'ibivugwa kuri Yesu muri Yoh. 3:22,23; 4:1,2. N'iki cyatumye Yesu na w' atabatiza?
(1) Yashatse kuzibukir'amahane n'amakimbirane y'abanyamimuriko bashegeraga imibare y'abantu babatijwe (Yoh. 3:25-30). Uwo akwiriye gukuzwa
(2) Ntiyashatse ko hazagir'uwikuza, akih'ubutegetsi mw itorero, yishingikiriza kur'iri jambo ngo: Ni Yesu wambatije, ni cyo gituma mbaruta. Ni na cyo cyatumye Paulo atabatiza, ngo hatagir'umwishingikirizaho. 1 Kor. 1: 14,15.
(3) Kubatiza si wo murim'ukomeye. Umuntu wes'ufit amagara mazima, yakwibiz' undi; arik'umurimo wo kubgiririza kwihanisha no guhindur'imitima ushobora bake. Kuko Yesu yarushag'abandi bose gusohor'uwo murimo, ari na wo yasigiwe (Luka 4:18,19), ni cyo cyatumye awirundurirامo, maz'umurimo utaruhije cyane wo kubatiza, washobokerag'abandi, akawubasigira. Ni ko na Paulo yabigenje (1 Kor. 1:17). Natwe ntitugapfoby'umurimo w'indatwa ukomeye rwose wo kubgiririza. Kuri twe abakizwe n'imbaraga z'Imana / Kuri abarimbuka n'ubupfu - nuki? / Ijambo ry'Umusaraba
d. Asobanur'iby'ubupfu n'ubgenge n'imbaraga. 1:18ff. Abantu bose bifuz'amakiriro no kudamarara. Abayuda bibgiraga kw amendeze y'ako gakiza azaturuka kuri Mesia ukomeye w'umwami w'umunyambaraga n'amaboko menshi, ngo ni w'uzabakiz'abaroma, no gutuma bab'ubgoko bukomeye mw isi. Abagiriki bo bibgiraga kw agakiza gaturuka ku bgenge buhishwe ( ). Ngo: Ufit'ubgo bgenge bumuhesh'imbaraga yo gukira. Ben'abo babitag'abanyabgenge (ABAGNOSTIKI), nahw abatari babufite bakabit'aba kamere. Paulo yakundaga gukoresh'ayo magambo yabo, kand'agahera ku myizerere yabo, abagaragariza yuko harih'ubundi bgenge nyakuri butishingikiriza ku banyamaboko, ahubgo bushingiye kuri Yesu, kandi bushobora kubahesh'imbaraga nyazo zitangaje zihindura kamere. Kol. 1: 26,27. Som'ibi bitekerezo bya Paulo bikurikiyeho hano, ubibangikanyije na context iyo ngiyo: N'ubupfu n'imbaraga
Wibuke kw ari ubupfu ku barimbuka (1:18).
(1) Igitum'ijambo ry'umusaraba ar'ubupfu ku batware ba gipolitike n'abami ze mu rubanza, agafatwa na rubanda, akabambga ku giti, s'ubupfu? Kuri bantu bose bategag'imbaraga n'amaboko ku batware bakomeye. None, guteg'agakiza ku muntu wiyoroheje, wanze kwiregura abo Koko byar'ubupfu.
(2) Reb'uko Paulo yabangikanyij'iryo jambo ry'umusaraba (ari ryo bgenge nyabgo) n'imbaraga. Ibyo byombi biragendana. Sobanukirwa na DUNAMIS, ( ).
(3) 1:21 -- "Gukirish'abayizera ubupfu bg'ibibgirizwa."
(4) 1:22 -- "Abayuda basab'ibimenyetso" bigaragara, byerekana ko Mesia aje kubabatura mu bubata bg'abaroma. Wibuk'uko bahoze basaba Kristo ibimenyetso by'amaboko ye, akabyiyangira (Mat. 12:38-40; Mat. 16:4; Mar. 18:12), ahubg'ar'izo kukw imbaraga ze zitar'iz'inyuma z'intwaro n'ubupolitike.
* Dor abayuda basab'ikimenyetso nahw abagiriki bashaka ubgenge

Scanned with CamScanner

mu mutima. Abagiriki bashak'ubgenge (ni bgo gnosis). Soma witonze 1:23-25. Imana yatoranij'ibinyantege nke byo mw isi. Uwirata yira...

(5) 1:26-31 -- Agaragaza kw ab'Imana itoranyiriza guhesh'aband'amendeze y'a gakiza batabay'abakomeye, ngo hatagir'uwirat'abantu, kerets'Uwiteka...

(6) 2:1-5 -- Amagambo y'ibibgirizwa bya Paulo ntiyar'ay'ubgenge bg'ab'isi, bgemez'ubgonko gusa, ahubgo yar'ayo kwemez'imitima y'abantu, ashingiye ku bgenge nyabgo bufit'imbaraga nyazo, z'Imana bgite.

(7) 2:6-8 -- Ubgenge nyabgo n'ubgiru butazwi n'abateg'amakiriro ku bupoliti n'abanyamaboko. Ubgo bgenge nyakuri buteg'agakiza kuri Kristo w'umun ntege nke ku mugaragaro, ariko w'umunyambaraga zikomeye zo mu mutima. Gereranya Kol. 1:26,27 na 1 Kor. 2:8.

(8) 2:10-16 -- Ab'Umwuka w'Imana barush'abandi bafit'umwuka wa kamere ubum no kurondora byose. Sobanukirwa n'impamvu z'ibyo, uko zigaragarira mu 2:11,12,10,14-16. 'Kubgo guhabga ku Mwuka w'Imana irondora byose, bis boka kw abantu buntu bahabg'ubgenge bg'indenga-kamere bakaba BAMENYA.

e. Paulo agayir'Abakristo b'i Korinto amajyambere make: 3:1-9. Ati: Umwuka kwirat'abantu no kubashegera byagipolitike werekana ko mukir'aba kamere. cyo gituma mutur'Umwuka w'Imana ubabashisha gusobanukirwa n'ubgenge bg'ubg bg'Imana. Aho kugira Kristo mu mitima yabo (Kol. 1:26,27), ubahesh'ubumw (Yoh. 17:21), bari bafit'umwuka w'ab'isi, utuma bateg'amakiriro ku bantu, bakimura Kristo, bakirem'ibice. Iri somo ngo: 1 Yoh. 2:18,19, ryari rim gusohorera ku Bakristo b'i Korinto batari bamwe. Bana bato nkuko mwumva...

f. Uwo mwuka w'amatage no kwishingikiriza ku bantu wabay'intandaro y'inyigish zo mur'iki gihe bivuga ko Petero yahaw'isumbge, akagirw'urufatiro rwa Kliz akaba n'umutwar w'intumwa. Ben'izo nyigisho zishingikiriza kuri Petero zo zatumy'abakristo birem'ibice by'amadini atar'amwe. Suzum'iyi mirongo tonze: 1:10-15, 3:3-8a, 11, 21. Ibyo twungukiramo n'ibi: Ntihakagir'umuntu wiratir'abandi / Uwera n'uwuhira barahwanye / Urufatiro ni Kristo

(1) Mu mwaka wa 57 A.D. hari hamaze kubonek'abantu bishingikiriza ku bandi batari Kristo, ndetse mur'aho hiratagaa harimo Petero (ni we Kefa). Ku bg'ibyo, biragaragara kw'igitekerezo cyo gutonesha Petero cyahereye ke Yesu amaze gusubira mw ijuru hashize nk'imyaka 26 gusa.

(2) Paulo yavuze kw intumwa zose zihwanye (3:8a). Uwera n'uwuhira barahwanye

(3) Yababujije kwirat'abantu barimo Kefa (3:21,22a). Ntihakagir'uwirata

(4) Avuga k'uwo kwirata ar'umwe, ar'Uwiteka, atar'abantu bapfa (1:31; 3:6...). Uwirata yirata...

(5) Agaragaza ko hariho bamwe bagerageza gushyirah'urundi rufatiro rutari Kristo, ababgira kw ari nta rundi rufatiro umuntu yashyiraho keretse urwari rwaramaze gushyirwaho, ni we Kristo Yesu (3:11).

g. Abagatolika bishingikiriza kuri Mat. 16:18, bati: Yesu yahabgiye Petero a Ur'urutare kandi kur'urwo rutare ni ho nzubaka Kliziya yanjye. Nyamara ko byandikswe mu rugiriki. Yesu nta bgo yigeze kwita Simoni mwene Yona n Rutare, ahubgo ngo:

(1) KEFA : ibuye mu Runyaramaya (Yoh. 1:42.)

(2) PETROS : ibuye mu Rugiriki. Soma Yoh. 1:42 n'amagambo y'ubusobanuro ndits we kur'uwo murongo kw ipaje hepfo muri Biblia yawe.

Mat. 16:18 mu Rugiriki n'ibi: Uri PETROS (Izina mu gitsina-gabo), kandi kur'iyo PETRA (izina mu gitsina-gore), ni ho nzubak'itorero ryanjye. Mu giriki PETROS n'ibuye riteruŗwa, naho PETRA n'urutare cyangw'igitare kida rurwa, gikomokwaho na PETROS iyimanyutseho. Kubg'ibyo PETRA n'umubyeyi PETROS. Nuko rero, ukurikij'urugiriki, Yesu yabgiye Petero ati: Uri Bu (PETROS), kandi kur'urwo Rutare (PETRA) ni ho nzubak'itorero ryanjye. Ur tare yavugaga ni Yesu Kristo, uwo Petero yar'amaze kwatura ngo: ni we Kri Byongeye kandi, uwizera wese ko Yesu ari Kristo ab'abyawe n'urwo Rutare mazi Yoh. 5:1), akab'ibuye rizima (rikomotse kuri PETRA), akubakwa kur'ur Rutare, ukw ari Yesu. (1 Pet. 2:5).

le 27/9/1992

IBICE Suite.



..yandi magambo: Petero amaze kwatura ko Yesu ari Mesia, Yesu yaramushimye ati: Uribuka ko nigeze kuguhimb'izina ngo: Kefa (Buye). Non'ubg'unyatuy'utyo, biragaragara k'ubay'ibuye koko. Ntur'urwiri cyangw'ikinonko bitabasha kubakwa, ahubg'ubaye PETROS. Nuko rero, kubg'ibyo nzakwiyubakanaho n'abandi bose banyatura batyo, bizera ko ndi KRISTO Urutare, namwe mur'abaKRISTO (udutare cyangw'amabuye).

Biblia yerura neza ko KRISTO are we RUTARE: 1 Kor. 10:4; Zab. 18:31; Yes. 26:4. Nta muntu wo mw Isezerano Rishya wigeze kwitwa RUTARE.

Indunduro:

(1) Petero ntarakavug'ati: Ni jye rufatiro. Ahubgo mu 1 Pet. 2:4,5 yarandits'ati: Mumwegere, mumuubakweho. Uwo yavuze ni Kristo. Ntarakavug'ati: Munyegere, munyubakweho.
(2) Paulo yacyashy'Abakorinto kubgo kubahiriza Petero no kumurutish'abandi.
(3) Uw'Abagatolika bita Mutagatifu Agustino (335-430 A.D. Som'ibye mu MATEKA YA KLIZIYA p.57) yabisobanukiwe neza, ni ko kubyandik'aty'ati:

"Uri Petero, maze kur'urwo rutare wavuz'ukarwatura uti: Ni wowe Kristo, Umwana w'Imana ihoraho; kuri rwo ni ho nzubak'itorero ryanjye. Nzakubaka kuri jye, sinziyubaka kuri wowe, kuko abantu ba - shakaga kubakwa kuri ba-genzi babo bavuze bati: Jye nd'uwa Paulo, und'ati: Jye nd'uw'Apolo, nah'und'akagir'ati: Jyeweho nd'uwa Kefa, ari we Petero. Ariko abandi bata-shakaga kubakwa kuri Petero, keretse ku rutare, baravuze bati: Ariko jye-weho nd'uwa Kristo. Na Paulo na w'amaze kumva ko bamwirase, bagahinyura Kristo, aravug'ati: Mbese Kristo yagabanijwemw ibice? Ni Paulo waba-bambiwe? Cyangwa se mwabatijwe mw izina rya Paulo? Maze rero, kuko mutabatijwe mu izina rya Paulo, ni na ko mutabatijwe mw izina rya Petero, keretse mw izina rya Kristo -- kugira ngo Petero yubakwe ku RUTARE, nti-bib'ar'urutare rwubatswe kuri Petero." - Ikibgirizwa cya Mutagatifu Agustino cya XXVI. (26)
(4) Ibyo guhabg'imfunguzo zo mw ijuru (Mat. 16:19). Si Petero wenyine wazihawe, ahubgo n'intumwa zose (Mat. 18:18)
(5) Ibyo kuragizw'intama (Yoh. 21:15). Si Petero gusa wazishinzwe, ahubg'abakuru b'itorero bose bahawo kuziragira (Ibyak. 20:28). Petero ubge yakomoj'iryo jambo: 1 Pet. 5:2. *Ragir'intama* *Mwiri nd'ubganyu murinde n'Umukambiu* *Mwagiri Umukumbi w'Imana wo muri*

3:12ff. Paulo yitondesh'abakristo (cyane cyane abakozi b'Imana) uko bubaka kur'urwo rufatiro, batazagongwa babay ingumba mu byo Rubyaz'abandi ubgiru bg'Imana. Dukwiriye kwitondera kwigish'iby'ukuri uko biri koko. Agakiza tugahabga n'uko twomotanye na Yesu mu mitima yacu, bitari kubg'imirimo igaragara na hato. Uwayikoran'umutim'udatunganye nta kavuro. Icya mbere cyo kwigish'abantu n'ukwiha Yesu burundu kandi bameramaje batazigani jo. Bamera kumwiyegurira by'ukuri, imirimo myiza yakwizana, batagombye kubyihatira. Ubana na Yesu mu mutima ntiyo'ukubiri na we mu migirire ye. Ntitukabanz'iby'amategeko n'imihango. Uko n'ukubaka nabi kuri Yesu, kand'ubikor'azabura inyungu; ndetse na w'ubge n'agir'amahirw'agakira, azab'arokotse bimuruhije. *Umunt'n'ubaka kur'urwo rufatiro ...*
3:15. *Umurimo w'Umuntu n'ushya, azabura inyungu.*
3:16,17. Kuko duhabga kumeny'ubgiru bg'Imana n'uko Iduhaye ku Mwuka wayo, *ukanub* ni cyo gituma dukwiriye kwirind'imibiri yacu, ngo tudahez'uwo Mwuka, kuko imibiri yacu iberoyeho kub'ubuturo bg'Umwuka w'Imana. *ngo*
3:18-4:21. Paulo yongera kubaburira ngo birinde kwishingikiriza ku bgenge bg'ab'isi birat'abantu. Ati: Nta mpamvu yo kwirata Apolo (kubera yukw afite

Scanned with CamSc

le 18/10/

Ninjye wabyaj'ubutumwa bgiza



ubgenge bginshi) cyangw'undi wese, kuko bose babay'abanyu, namwe mur'aba
uruta bose. Icyakora Paulo yabibukije yuko mu bantu bose bigeze kubigi
ni we wababereye se, abivuga nkahw ashaka kuvug'ati: Byakwemerwa n'Imana
mwakwirat'abantu, ni jye mukwiriye kwirata, bitari Kefa cyangw'Apolo, ku
atari bo keretse jye wababyaj'ubutumwa bgiza. 4:15. Ibyo yabivugiye
kuko yashatse ko bamwumvira nk'abana bumvir'umubyeyi wabo, ku magambo a
Kiyeho yerekey'ubusambanyi n'ibindi bitari bimeze neza muri bo.
Abagayir'ubusambanyi bgabonetse muri bo, n'uko banze guca mw ito
5:1ff. uwabonetsweho n'icyo kizira, bakihimbaza bati: Turakomeye mu by'Umwuka
cyo bizadutwara ni tumugumanira mw itorero.

(1) Sobanukirwa neza na 5:5. Kugira ng'uwo muntu muhe Satani Um... umunyabyaha nk'uwo m
(2) Paulo agaragaz'igituma atari byiza kwihanganir'umunyabyaha nk'uwo
mbanyi, ngw asigare mw itorero. 5:6. Kwirata kwanyu sikwiza n... agasemburo gake...
(3) Sobanukirwa na 5:7,8. Mwiyezeh'umusemburo. Ibyaha, cyane cyane uburyarya. (Mat. 16:6).
(a) Umusemburo wa kera: Ibyaha, cyane cyane uburyarya. (Ef. 1:4; 5:27).
Itorero rikwiriye kub'iryera ritarimo ben'ibyo (Ef. 1:4; 5:27).
(b) Paska n'igishushanyo cyo kuva muri kimwe no kujya mu kindi:
(i) Kuva mw Egiputa, bajya i Kanani.
(ii) Kuva mw Isezerano rya Kera, no kuba mw Irishya. Ni cyo cy
Yesu adupfira, ngw arangiz'iby'irya Kera, aduhesh'irishya k
amaraso ye ya Paska. (Wibuke ko Yesu yatanze ku munsi wa
ari wo 14/1/31A.D., ni ko kwitwa Paska yacu. Wibuke kandi
PASKA = PASS OVER = KURENGA cyangwa GUHITA. Werekez'ubgo_b
nuro ku gitekerezo cy'abaheburayo na maraika murimbuzi WAD
bari mw Egiputa.)
(iii) Kuva mu mibereho ya kera ya kamere, to kwinjira mu kubaho
ugahor'uhit'ugenda, ukajya mbere uko bukeye. Umuntu wese
ngo n'umuKRISTO akwiriye gukurikiz'ulusobanuro bga PASKA mu
mwuka, agac'ihuriro n'ibya kera byose, agahita, akibera mu
byiza.
(c) Paulo yandits'uru rwandiko iminsi mikuru ya Paska yegereje.
wa Paska utaragora Abayuda bose, ndetse na ba Bakristo bam
kurek'imihango y'Isezerano rya Kera, bagirag'umuhango wo gushe
hose umusemburo wose, bakawuta kure (Kuva 12:19; 13:7). Pask
gusohora, bakazirikiz'iminsi 7 y'imitsim'idasembuwe (Lewi. 23
Kuko Abakorinto bari bari mu byo kwitegura Paska ubgo Paulo y
kirag'uru rwandiko, ni cyatumye abivuga, ayerekeje ku by'Umwu
bakenaye, ati:
(i) Mbere yo kurya Paska, mubanze mwiyeze'umusemburo wose wa
5:7. Nkuko abayuda batashoboraga kuba barya Paska bataba
tandukanya rwose n'umusemburo wose, ni ko n'itorero ryo m
giho y'Isezerano Rishya ridashobora kwakira Yesu muri bo
mitima yabo (kumurya, mbese), niba batigundiriye abagend'
(nka wa musambanyi), ntibabiyezeho (Urubg. 9:18b; 1 Kor.
(ii) Nkuko baryag'imitsim'idasembuwe gusa bamaze kurya Paska,
n'itorero, iyo rimaze kwakira Yesu rwose mu mitima yabo
rorwaya no kurya Paska), rikwiriye kirinda kwakira muri
abantu bagend'ukundi b'indyarya (bigereranywa no kury'imi
idasembuwe). Ibyo bakwiriye guhora babyirind'itoka, nti
doh kemo (kury'imitsim'idasembuwe iminsi 7. Birindwi: Ib
tse hano n'ukuvug'ibihe byose). Reb. 5:8. Ndets'ab'ito
ubgabo bahore birind'uburyarya mu mitima yabo.

1. Kwitandukanya n'abagend'ukundi icy'ari cyo: 5:9-13. Bigereranye na

Mukur'uwo munyabyaha mu inwe.

14,15.
...nza zo mu b'itorero ntizikwiriye kubaho. 6:1-11.
...Bitey'isoni kw abakristo baburanira ku bo hanze, bakabagaragariz'ibyaha byabo,
...kandi bari bakwiriye kubaber'icyitegererezo cyiza. 6:1,4-6.
...Kw ab'itorero bazacir'ab'isi n'abamarika urubanza, none bishoboka bite ko ba-
...buranira ku b'isi? 6:2,3. (Ibyah. 20:4; 2 Pet.. 2:4; Yuda 6).
...Uretse kuburanira ku bo hanze, abakristo ntibakwiriye kuburanira mw itorero.
...Imanza zo mw itorero zigaragaz'umutim'utar'uwa Kristo. Yesu yanze kuburanya
...ab'itorero (Luka 12:13-15) ndots'ari mu rubanz'ubge, yanze kubumbur'akanwa ngo
...yiregure (Yes. 53:7). Dukenny'uwo mutima wari muri Kristo Yesu wo kuzirikan'
...abandi kurut'uko twizirikan'ubgacu. Soma witonze: Rom. 8:9b; Mat. 10:39. Urenger'Ulingo
...Biblia yerura neza yukw atar'umurimo w'ab'itorero guc'imanza za bene se babura-
...na banganyo (Mat.. 7:1; 1 Kor. 4:5. Kenshi cyane imanza zigarur'icyibge, ziga-
...tungana ku gahato (ibintu bimwe, ariko ntizikiz'imitima y'ababurana; ahubgo zi-
...tum'urwangano n'inabi birushaho gucana. Icyakora, utandukany'imanza z'ababu-
...rana barakaye banganye, n'izo kuzirikan'ububonere bg'itorero no guc'abagend'u-
...kundi. Ntimugacir'aband'urubanza mu mitima yanyu kuk'urubanza mu
...Umutima mwiza mu bagiz'icyo bapfa: Imig. 25:8,9; 1 Kor. 6:7,8. Tugeragoze
...gutera ben'uwo mutima wa gikristo mu bizera bacu bagiriwe nabi. S'umurimo
...wacu kwihorera, ahubgo tuneshesh'ikibi icyiza. Imanza no gusubiranamo ntibiso
...hoz'iryo jambo, n'umuntu wes'ushaka kwihorera akabijyana mu manza, aba yihay'
...umurimo utar'uwe, ahubg'ar'uw'Imana. Soma: Rom. 12:19-21.
6) Soma witonze Fil. 2:1-5. Umuntu wese murimwe areke kwizirikan'ubgeŕ
...rind'imibiri yacu kuko yaguzwe n'Imana, ar'iyayo: 6:12-20. Ibyo kwitondera byo
...iyo mirongo: Mbese ntimuzi yukw imibiri yanyu ar'insengero z'umwu
1) 6:12 ngo: "Byose ndabyemorerwa." Ibyo n'ukuvuga byose byemewe n'Ijambo ry'Ima-
...na bitar'ibizira. Paulo ntiyaduhay'uburenga-nzira bgo kugenz'uko dushak kuri
...byose no kurya byose uko biri mu isi, ar'inzoka n'ibikeri, etc., kerets'ibishi-
...mwa n'Imana byos'uko bingana. Reba 6:9,10 hagaragaza yuko hariho bimwe tute-
...mererwa. Uyu murongo ukwiriye kuzirikananwa na context yo hepfo, ivug'ibyo ku-
...ry'intonorano. Muri Biblia hose nta ruhushya rwo gukora ku bidakwiriye uko
...twishakiye kose. Ntimuzi yukw abakiranirwa batazaragw. Ubgami-
2) Paulo ababurira kwirind'ubusambo bgo kurya no kunywa ibirenz'urugero, no gusa-
...mbana. Kurya no kunywa no kuryamana k'umugabo n'umugore we ni byiza. Ibyo
...byose turabyemererwa; ariko turengej'urugero, tugatambika, ntibyatugirir'aka-
...maro. Ahubgo byadukoraho. Kubg'ibyo, umuntu wese akwiriye kwirind'irari ry'
...umubiri. Akwiriye kugeng'imirire ye n'iminywere ye n'imiryamanire ye, ntaki-
...shyire mu rutabi rwabyo ngo bimutegeke. Onger'usome 6:12, kandi wibuke kw
...Abakorinto hafi ya bose bar'abakorintiza, bavuga bati: Twirire, twinywere,
...kukw ejo tuzapfa.
3) Imibiri yac'irera. Yaguzwe n'Imana (6:19b,20), kandi Yesu yishyizeh'umubiri,
...akawubahiriz'atyo (6:13b). Kubg'ibyo dukwiriye kuyirinda cyane; cyane cyane
...ibyo tuyikoreramo biyikoraho, nko kurya, kunywa, kuryamana. Mu cyimbo cyo
...kubererekor'imibiri yacu, dukwiriye kuyirinda cyane. Rom. 13:14; 1 Kor. 9:27.
...Ibyaha by'imibiri ni byo bitureshya cyane; icyaha cy'umubiri cyakorewe mu mu-
...rima w'Edeni ni cyo cyatwokoj'urupfu. 1 Pet. 2:11. Mwirind'irari ry'umubiri
4) Ufat'umubiri wo neza bib'intandaro yo kumuhosh'Umwuka w'Imana, umubashisha ku-
...rondor'ibitamenywa n'umuntu wa kamere. 6:19; 2:14,15. N'ijambo ry'imvaho
...yuk'ubgenge bg'abantu benshi bgahenoborejwe n'uko bifashe nabi, imyanda yo ku
...mibiri yabo inyuma, n'iy'imbere, igahoz'uwo mwuka utang'ubgenge. Uwifatanya
...na malaya abayihwanyije na we, ntah'uwiyegurira Kristo, ahabg'umwuka we urondora
...byose. Gereranya 6:16,17 na 1:24b.

Kwitungir'imibiri s'umurimo wo gupfobywa. Utawitayeho ntazabura kubizira.
3:16,17. Ukwezikwa Nov. ahoqutan

...o abasubiza ku by'ishingiranywa: 7:1-40.
... abasubiza ku by'ishingiranywa: 7:1-40. kw abakristo badakwiriye kurongorana?
...) Gereranya 7:1 na 7:8. Mbese n'ukuvuga kw abakristo badakwiriye kurongorana? ... akabana
Oya. Uhereye kera kose Imana yashatse k'umugabo asiga se na nyina, akabana
n'umugoro we akaramata. It. 2:24. 6- Bitumo, batakiri babiri 5. Nicyo gitumu umunti afasiga ...
(a) Yesu na we yabisongeye: Mat. 19:4-6. 4/Ntimwarimwasoma yukw iyaba... I Tim. 4:1-3a.
(b) Paulo yahamye yuko abakristo gito bazabuza kurongorana. I Tim. 4:1-3a.
(c) Kubg'ibyo nta wo yabujije gushyingirwa: 7:2,8,9,36-38.
(d) Icyatumy'abagir'inama yo kutarongorana, n'uko yabonye ko bidatinze aka-
rengane k'abami b'i Roma kazatcha ku Bakristo, maz'abafit'umuryango baka-
gorwa cyane. Soma 7:25-31.

(2) Paulo ahinyuz'igitekerezo cyo guharika. 7:2. Biblia ntiduh'uruhushya rwo kuzan'abagore benshi. Ni Mose wemerey'abagabo gusenda no guharika, kandi yabikoze kubg'imitima inangiye y'abantu. Mat. 19:8. *Byatumy'abayuda bibgi ko byemewe n'Imana guharika; kubg'ibyo Imana yabyirengagizaga, arik'ubu ite-gek'abantu bose kwihen'ubgo bujiji. Ivyak. 17:30. * Suzum'iyi mirongo ivuga iby'umugabo n'umugore we, bitar'abagore be: It. 2:24; Mat. 19:4,5; Luka 16: 26; Mar. 10:11; Umubg. 9:9; 1 Kor. 7:2. Har'ukwerura kwarut'uko? Wibuk'ibi byitegererezo by'abaharitse:

(a) Uwa mbere wo guharika yar'umwicanyi; ab'ari we dutwarahe icyitegererezo se? It. 4:19,23,24. Lameki Ada, Zila
(b) Salomo yarongoye benshi, bamuhindur'umupagani rute. 1 Abami 11:3-8. ... bgite rya-

(3) 7:6,12a 25. Paulo yavug'ibyo kubera yuko hatar'itegeko ry'Imana ... No mur'iki gihe nditswe muri Biblia nyerura neza'ibyo yashatse kubabgira. Biblia ntivug'ibyo kutanyw'itabi uko bataringwaga kera; ni ko bikimeze. Biblia ntivug'ibyo kutanyw'itabi uko bataringwaga kera; ni ko kurizirikiriza. No mu gihe cya nyamara tukaba tuzi yuko ryic'imibiri, ni ko kurizirikiriza. No mu gihe cya Paulo, ibg'ibihe by'akaga byari bibegerejo, yagombaga kubagir'inama zihuje n'Umwuka w'Imana, ariko atazikomoye muri Biblia ijambo kw ijambo.

(4) Uwarongor'undi, hanyuma akamuber'ikigoryi yabigenz'ate? 7:12-16. Kwezwa ko mu murongo wa 14 n'ukuvug'iki? Nukumubera neza abitum'ahinduk'...

(5) 7:17-24. Kubg'imitima myinshi ihagaze, yo kwigenyira, yo kwibgir'iby'imins... zaza Paulo yashatse kubabuza kuganyir'ibitari ngombga, ngo bibatwar'ibiteke-rezo, bagahug'Imana. 7:24. Gererany'ibyo na 7:32 35. Abubatse bigany...ingaranya umw...

Ko bivug'ibihabanye, wabisobanura?
(6) Gereranya 7:21 na 7:23. Nabatuwe na Kristo
(7) Sobanukirwa na 7:35-38. Examen de ...

... 8:1-13; 10:23-33. Arutema Ayo majambo yose ashingiye ku Ibyerekey'inyama z'inyonora no ... Hab'ubg'abakristo bagajujiwe kumeny'ijambo ry'Imana ngo: UBGENGE N'URUKUNDO. ... bakiri bato mu by'... bakor'ibintu byemewe n'ivyo jambo, nyamara byagush'aboroheje bakiri bato mu by'... Paulo aburir'Abakorinto mur'iyi mirongo ...uka baramutse babikoze imbere yabo. ... no kubakurikiza bgoso batitwaye kubo bababikorer'imb... ubgo bumenyi bafite, no kubakurikiza bgoso batitwaye kubo bababikorer'imb... Abihanangiririza kwirind'igisa n'ik... bigira ngo bataber'aboroheje ikigusha. Abihanangiririza kwirind'igisa n'ik... ...cyose (nyamara mu by'ukuri kitari kibi imbere y'Imana,. Ati: Aho kwi... ...ibg ibyo muzi, mugakora ku by'abahindutse vuba bibgira ko bisiza (nyamara bita... ...) ibyaba byiza n'uko mwazirikan'aboroshye, mutabarimbur'ibyiza byanyu. Ati: ... kwihimbaza, mubakoreresh'urukundo, mwirind'igisa n'ikibi muri bo. Gererany... ...es. 5:22, na 1 Kor. 6:7,9-13; 10:20,29.

(1 Nubg'abapagani bibgiraga ko hari imana nyinshi, bagatiny'ibigirwa-mana byabo, nyamara nta mpamvu y'ukuri ihari. Imana y'ukuri n'iwe nsa, ni yo Yehova yera nzima ihoraho; n'ibishushanyo by'ibigirwa-mana nta cyo bimaze, ahubgo biti bitumva, cyangw'amabuye cyangw'ibindi abantu bibarije bitagira kivuri... 8:4-6; Zab. 115:2-8.
(...) Arik'ubgo bumenyi ntibuzwi na bose, ar'abapagani, cyangw'abizera bavuye mu...

Scanned with CamScanner

pagani vuba. Kubg'ibyo, twirind'igisa n'ikibi cyose turi kumwe n'aba:
(i) Abizera bakiri bato mu by'umwuka: 8:7-13.
(ii) Abapagani: 10:27-33.
3) Gereranya 10:23 na 6:12. Meny'uko wabisobanura.
4) 10:25. Wibuk'iby'iryo guriro ry'inyama ry'i Korinto, uk'umaze kubyiga.
5) 10:26: Nubg'abantu baterekerez'ibigirwa-mana izo nyama, mu by'ukuri nta cyo ziba zabaye, kukw ibigirwa-mana ar'ubusa imbere y'Imana. Ibyuzuy'isi byose n'iby'Uwiteka, kand'uwatekerez'ikigirwa-mana inyama ntab'azikuye mu rutabi rw'Imana; ntizaba zihumanye, ahubgo ziracyari za zindi, kandi zikimeze uko zari zimeze bataraziterekeza. Nib'ar'inyama zemewe n'Ijambo ry'Imana (Lewi 11), nta cyabuz'umukristo kuzirya, ARIKO RERO YIRIND'UW'AZIRIR'IMBERE, BITAMUGUSHA kubg'umutima we (wa wundi) utajijutse neza mw ijambo ry'Imana: 10:31-33. Umukristo wese akwiriye kwirind'IGISA n'ikibi cyose, akacyigomwa ndetse nubg'ari cyiza, niba kugikoraho kwayoby'uwo Yesu yapfiriye. Ubgenge burihimbaza iyo budafatanyije n'urukundo; nah'urukundo rwo kuzirikan'udakomeye ruramukomeza. Ben'ubgo bgenge bufatanije n'urukundo ni byo Paulo yasabag'Abakorinto ko babigira. 8:1b.
6) Bigereranye na Rom. 14:1-4, 13-23. Uhasome witonze.

Paulo yirwanaho kubg'agasuzuguro k'abakorinto bamwe bagiz'ubugugu banga kumufashiribitung'umubiri, bakaba baramureze ngo: S'intumwa. 9:1-27.
1) Paulo yiregura: 9:1.
2) Paulo abagayir'ubugugu bagirir'intumwa zimwe, bakaber'izindi, babitewe na kwa kwirem'ibice kwabo bashegera bamwe bagahinyur'abandi. 9:1-14.
3) Arikw abagaragariza yukw atabashakw ibihembo, kuk'ubutumw'afite, atabubgiririza guhembga, ahubg'afit'ikimurimo kimuhatira kubuvuga, gitum'atarorera agihumekaho. 9:15-18. Ati: N'ubundi, icyo nashakaga s'ibyanyu, ahubgo ni mw'ubganyu. 2 Kor. 12:14 (Soma na 2 Kor 12:15-18).
4) Ibindi byo kwitondera mur'iki gice:
(a) Kefa yagirag'umugore (9:5). Mbese, kw abagatolika bavuga kw abapapa babo bagez'ikirenge mu cy a Petero, bakuye he umuhango wo kudashingirwa? Papa Gregori VII yategets'ibi muri 1074 A.D., ati: Niba har'abasaserdote cyangwa abafasha b'abadiakoni barongoye, turabategekesh'imbaraga z'Imana nyir'ubushobozi bgose, n'ububasha twahawe na Mutagatifu Petero, tubabuza kwinjira muri kliziya iy'ari yo yose, keretse bihanye bakisubiraho, bakitandukanya n'ubuhumane bgabo. Ariko ni bagumana n'abagore babo, ntihakagir'uhangara kubateger'amatwi (igihe bavugira muri kliziya), kukw ishengesho ryabo riba rihinduts'ikivume n'ikizira. ... Umuntu wese wivuga kw ar'umukristo, akanga kumvir'ubutegetsi bga papa, ab'ar'umupagani rute."
(b) Bene se b'Umwami Yesu (9:5). Gereranay'ibyo na Gal. 1:19 (ngo: Yakobo ni mwene nyina wa Yesu) na Mat. 13:55 (ngo: Yakobo ni mwene se wa Yesu). Ikibazo: Mbese Maria yongeye kubyar'abandi hanyuma yo kubyara Yesu? Igisubizo: Dukurikij'Isezerano Rishya nta cyo dushobora guhamya
(i) Mwene se cyangwa mwene nyina mu Rugiriki n'ijambo rimwe (nka frère mu Gifranse cyangwa se brother mu Kingereza). Ntirigaragaz'i wabyaye uw'ari we, ar'umugabo cyangw'umugore.
(ii) Icyo tuzi n'uko Yosefu yabyay'abahungu 4 n'abakobga nibura 2. Reba Mat. 13:55,56. Icyo tutazi n'uko yayabyaranye n'undi mugore atararongora Maria, cyangwa se ko yababyaranye na Maria, Yesu amaze gucuka. Dukurikij'amasomo 3 bisa nkaho barutaga Yesu, ARIKO HAR'IBIMENYETSO BYO MURI CONTEXT Y'IYO MIRONGO YOSE BITUMA TUTAHAMYA KO BAMURUTAGA.
Twite kur'iyo mirongo 3:

Scanned with CamScanner

Umugereka 27

1. Mar. 3:31 "Mubgire asohoke adusange." Ayo n'amagambo umuntu und'utamuruta. ARIKO KANDI wibuke kw inzu yari yuzuye rwose, bon'uko binjiramo ngo bamusange, ni ko gushaka kumusohora. By kandi, nyina wa Yesu wamurutaga, yar'ahagaze hanz'amushaka.
2. Yoh. 7:3-5. Bamupfobyaga nkahw ari mutoya, ARIKO KANDI ntibar mubgira neza kuko batamwizeraga, bakamugirir'ishyari.
3. Yoh. 19:26,27. Yesu ari ku musaraba yashinze Yohana Maria, n atari we nyina wa ba bandi, NYAMARA KANDI, kuko bahinyuraga Ye ntibizer'inyigisho ze, ntibari kumvikana na Maria wamwizeraga, ni ko kumwegurira Yohana, ari we wa mwigishwa Yesu yakundaga, azafata Maria neza.

(iii) Icyakora dukurikij'aya masomo twavuga ko Yosefu yabyaranye na Maria
1. Mat. 1:25. "Ntibaryamana, barinda bagez'igihe ..." Icyo gihe bararyamana.
2. Zab. 69:8. N'ubuhanuzi bgerekeye kuri Mesia. Aya magambo ngo mama, mu Ruheburayo ni: abana ba mama. Arerura neza kw ari n

(iv) Uko biri kose, niba Maria yarabyay'abandi hanyuma ya Yesu, cyang atabyaye, nta cyo bitwungura kandi nta cyo bidutwara. Igitum bam e basheger'ibi bintu, n'uko bavuga ko Maria akir'umwari na n ko yar'umunt'utangaje rwose dukwiriye gutabaza mu mashengesho. kuzahimbirahw inyigisho zimwubahiriza, zivuga ko atigez'akor'icy ngo: nta bgo yaryamanye n'umugabo, ahubgo ngo Yesu yamuzamuy'am mw ijuru akir'umwari. Ariko biragaragara kw iby'ar'ibihimbano mo se ku nyigisho z'abapagani bo mw Efeso basengaga Arutemi, bak "GRAN MADRE DI DIO", ngo yabyay'Imana ikir'umwari, bakagirir'Aru ijiro buri mwaka le 13 aout. Iryo ni ryo tariki abagatolika k ar'umunsi w'asumpsio, ngo ni bgo Maria yazamuriwe kujya mw ij Icyakora, iby'uwo munsi wabo wa asumpsio bifit'intandaro yabyo k apagani bo mw Efeso (nko mw ijana rya 5 A.D.), iyo nyigisho yak na Papa ejo bundi. Uko babyanditse mu gitabo cyacapiw'i Kabgay twa: INSTRUCTIONS POUR LES JOURS DE FETE: "Bikira Maria yazutse nsi w'asumpsiyo ajye mu ijuru nka Yezu. ... Uyu munsi w'Asumpsiy hozo kuva kera ali mukuru cyane mu Bakristu, ndetse wahoze usumb ndi minsi mikuru yose ya Bikira Maria. Aliko rero, noneho waru ho icyubahiro, mu munsi Papa afashijwe naRoho Mutagatifu, atanga Bikira Mariya ali mu ijuru, na roho ye n'umubili we, bidashidikan Ibyo byabaye mu 1950. ... Mu 1950, ejo bundi, Papa Pio wa XII at ilindi hame ryerekeye Bikira Maria. Yatangaje ihame twibutswa n mukuru w'Asumpsiyo. Ali ukuvuga ko Bikira Maria yazutse ku mun Asumpsiyo, amaze iminsi 3 apfuye, akajyanwa mu ijuru. ... Papa tangaz'ibyo, ntabwo twategekwaga kwemera ko Bikira Maria ali mu n'umubiri we. Kuva aho yabitangalije, dutekgekwa kubyemera; nde uwakwanga kubyemera, ntiyakomeza kuba mu muryango w'abakristu. Umuntu yakwibaza icyateye Mungu kugilira Bikira Maria ibintu bi bityo? Impamvu ... n'uko yashatse guhembera Bikira Maria ko y nije na Yezu gukiza abantu." pp. 242-245.

Noho yabo Maraika akavug'ubutumwa buta

Nishimiye ko kwizera kwanjye kudashingiye ku mahimbano y'abant meye ejo bundi gusa. Gal. 1:8. Ubutumwa tubgiriza n'ubg'ite budahinduka, kandi buhakana kw Imana idahembera Bikira Maria cy ndi wese ibyaza yakoze. Ahubg'agakiza n'impano y'Imana iduher Rom. 6:23; Ef. 2:8,9 harabyerura neza. Ikigir'igihembo n'ibyah cyo n'igihembo kibi). Imirimo myiza ntituzanir'igihembo ku Man

Mwikijijwe n'ubuntu kubgo kwizera ntibyavuye kur

(v) Ingingo ngufi zerekoy'inyigisho z'umunsi wa asumpsiyo:

(1) Ntizakomotse ku ntumwa cyangwa ku bazizunguye. Ijambo rya mbere
ryavuzwe, itorero rigeze mu myaka yo kugibgamo n'inyigisho nyinshi
za gipagani, cyane cyane uhereye nko mw ijana rya 4 A.D., Konsta-
ntino amaze gutonesh'idini ya gikristo (mu mwaka wa 313 A.D. ar'i
Milano).

(2) Mur'icyo gihe abapagani benshi binjiye mw itorero (bamwe bya ni-
rwange; abandi bya nikize batiny'itegeko ry'abatware). Nuko baga-
shaka gufat'impu zombi, bakagerageza guhuz'ubukristo n'ubupagani.
Ibyo kubahiriza Maria byaturutse mw Efeso, ahw abapagani basenga-
ga Arutemi, ngo n'imana-kazi y'umwari, kandi ngo: yabyay'imana,
bakita Arutemi ngo: Nyina w'Imana (GRAN MADRE DI DIO), bakayigirira
ibirori buri mwaka kw itariki ya 13/8.

(3) 431 A.D. inama z'itorero ryo mw Efeso zategetse ko abakristo bakwi-
riye kwita Mario ngo: ni we nyina w'Imana (MADRE DI DIO).

(4) Mw ijana rya 6 A.D. bararisongera bati: Natwe dukwiriye kugir'ibi-
rori byo kw itariki ya 13/8 buri mwaka, ariko we kub'umunsi wo ku-
bahiriza Bikira Arutemi, ari we GRAN MADRE DI DIO, ahubgo twubahi-
rize Bikira Maria, uwo tuvuga kw ari we Nyina w'Imana.

(5) Arikw abakristo b'ahandi banze guherako babyemera na bo. Benshi
barabihakanaga. Urugero: Mw ijana rya 9, igitabo cyanditswe n'u-
witwaga Usuard, kigasomerwa muri Kiliziya y'i Roma cyitwa: "AMA-
TEKA Y'ABAPFUYE BAHOWE YEZU" kiravuga gitya koti: "Nta wuz'iby'i-
mipfire ya Maria cyangw'amaherezo ye ukw ameze." Bikomeza kub'i-
jambo ry'impaka mu bagatolika mu myaka myinshi, bamwe babyemera, a-
bandi bakabihakana.

(6) Bigejeje muri 1950 A.D., Papa Piyo XII avuga ko Maria ari mw ijuru,
ngo: yazutse le 13/8. Ngo: Utabyemera nta b'ar'umukristo.

(7) Indunduro: Gererany'ibyanditswe haruguru n'ibi byanditswe n'abaga-
tolika b'i Kabgayi:

(a) Mu gatabo kitwa: AMATEKA YA KLIZIYA, kw ipaje ya 61 hatangir'i-
gice cyitwa KLIZIYA N'IMIMERERE YAYO (KUVA 300-600 A.D.). Kw
ipaje ikurikiraho ya 62 handitsw'iminsi mikuru batangiye kuziri-
rika mur'iyo myaka, i.e. guhera 300-A.D. kugeza 600 A.D. Ibi-
handitswe n'iby'ukuri koko. Amagambo yabo ngite: "Iminsi mi-
kuru yo mu mwaka wa 300 kugera mu wa 600 n'iy... : n'umunsi w'i-
cyumweru cya Mashami n'umusi mukuru wa Asensiyo; iminsi mikuru
ya Bikira Maria, ..., n'uwo kujyanwa kwe mu ijuru."

(b) Ayo magambo banditse na y'agaragaza yeruye kw ibyo kubahiriza
Maria no kumugener'iminsi mikuru ar'ibyadukiye mw itorero rige-
za mu bihe by'ubuyobe bgazanywe n'amategeko ya Konstantino n'a-
bandi.

(c) Muri cya gitabo cya gikatolika cyitwa: INSTRUCTIONS POUR LES
JOURS DE FETE, p. 243 handitswe ngo: "Uyu munsi w'Asumpsiyo wa-
hoze kuva kera ali mukuru cyane mu bakristu." Mbes'uwahereye
mu gihe cya 300-600 A.D. ni wo twavuga ngo wahozeho uhereye kera?
Itorero Gatolika rivuga yukw inyigisho zaryo ari zo nkuru, zika-
ba zishingiye ku ntumwa, cyane cyane Petero. Mbese mu mwaka wa
350 A.D. Petero yar'akiriho? Ntiyapfuye nka 68 A.D.? Na Yohana
wurushij'izindi ntumwa zose ku ama, ntiyapfuye nko mu iherezo ry'
ijana rya 1 A.D.? Mbes'inyigisho zadutse mw ijana rya 6 A.D.,
twazita kw ari zo nkuru, ngo: zahozeho mu Bakristo uhereye kera?
Ntitwakwirirwa twiyibutsa kw ibya Asumpsio byakomereye mu Baga-
tolika ejo bundi muri 1950 A.D. "Mugeragez byose, mukundir'i-
byiza." 1 Tes. 5:21.

Scanned with CamSc

(c) "Kuri bose nabaye byose." 9:19-22. kugira ngo nunguk'abayu...
 (i) "Ku Bayuda nabaye nk'Umuyuda." 9:20. Bigereranye n'Ibyak. 25:8; 28...
 Yihwanyije n'Abayuda. Ntiyababarizag'ubusa; ntiyabacyahaga kubgo...
 gukomez'amategeko ya Mose kwabo. Ari kumwe na bo yayakomezaga naw...
 ngw abon'akito ko kubihanisha.
 (ii) Abatwarwa n'amategeko (9:20b). Ni bo b'aba: Nunguk'abatwarwa...
 (1) Abanyamahanga bahinduts'abayuda kw idini (nka Ludia na ba bandi...
 "bubahag'Imana.")
 (2) Abakristo bakomezag'amategeko ya Mose.
 Ben'abo bose Paulo ntiyabafata mu buryo bgatuma bamwanga, na byo bik...
 muburiz'umwanya mu mitima yabo. Ahubgo yafatanyaga na bo (nko kuzi...
 riza Paska ari kumwe na bo,) ngw abikundishe, abone guhindur'inteker...
 zabo. Ariko ku Mana sink'udafit'amategek...
 (iii) Abadatwarwa n'amategeko (9:21). N'ukuvug'abapagani. Reba Rom...
 2:14. Ntiyafatanyaga na bo mu bibi keretse mu byiza byabo. Ntiyig...
 rag'integerwa. Wibuke k'Umwami Yesu yihwanyaga n'abanyabyaha, bigo...
 m'Abafarisayo babanonaga bamwivovota. Soma na 1 Kor. 5:9,10.
 (iv) Abadakomeye (9:22). N'ukuvug'abakristo bakiri bato mu by'umwuka.
 Paulo yabigenzaga mu mibereho ye, akabibgir'abandi ngo bamukurikize...
 Rom. 14:1-3; 1 Kor. 8:7-13.
(d) Ishengeslio ry'umukozi w'Imana wese: 1 Kor. 9:27b. Ubgo maze kubgiriz...
 nayiubganiye ntabonek...

1) ABAKORINTO

...bo mw itorero bakwiriye kwirind'ibibi, ngo batagibgaho n'urubanza. 10:1-22.
...garagaza kw ari nta kurobanura ku butoni imbere y'Imana, ngw ibere bamwe, ireng...
...iz'abandi.
(1) Paulo atang'akaba-rore ku Bisiraeli bo mu bgoko bgatoranijwe: Nubgo "babati...
jwe" bamaze kwakira Paska, bakanywa no kuri we, bashizeho baziz'ingeso za gi...
pagani. Ureb'ukw aya magambo asongera ya yandi yo muri 5:2ff. (10:1-10).
(2) N'abakristo bo mw Isezerano Rishya ntibakwiriye kwirata ngo: Twarabatijwe, t...
jya tunywa kuri Paska yacu (mw ifunguro ryera). Kuko niba tugir'ingeso nk'...
z'abisiraeli ba kera zihwanye n'iz'abapagani, tuzashiraho nka bo. 10:11,12
(3) Ibyo kwitabgaho:
 (a) Kubatirizwa mu gicu. Igicu kigereranya Kristo. Bigereranye na Rom. 6:...
 (b) Kubatirizwa mu nyanja. Inyanj'igereranya'amazi abakristo babatirizwamo k...
 Ayo magambo n'ay'igishushanyo cyo kwibizwa.
 (c) Kubatirizwa gutegekwa na Mose. Ni we war'intumwa y'Imana ku Bisiraeli...
 Nkukw abisiraeli babatirijwe kumvira Mose, ni kw abakristo babatirijwe...
 mvir'intumwa (Paulo na w'azirimo). Mur'aya magambo Paulo asesereza ku...
 tage y'abakorinto, basheger'intumwa zimwe, bagasuzugur'izindi zirimo Pa...
 Ati: Ibyo ntibikwiriye, kuko mur'ubgoko bumwe nkukw abisiraeli bari bam...
 Soma 10:3,4. Kubg'ibyo ntibakwiriye KWIVOVOTERA imihugurire ye, ntibab...
 ibigande (10:10-12). Wibuke ko KUGERAGEZ'IMANA kuvugwa muri 10:9 kwar...
 vovota Mose wabatumweho n'Imana (Kub. 21:4-6). Aya magambo yos'agaraga...
 bury'Imana yang'urunuka kwivovota kw'abantu bivuga ko bari mu bgoko bgo...
 Nubgo babatijwe, bagasangir'ifunguro ryera, bazarimbuka buheriheri bata...
 mutse bihannye kwivovota kwabo no kwirem'ibice.
 (d) 10:7,8. Wite ku bukorintiza buhanditswe. Uko Paulo agererany'abakorin...
 n'abisiraeli ba kera. Bigereranye na 10:8 no Kubara 25:1-5. y'abadasim...
 kumeza y'Umwami no kumeza y'... igikombe cy...
 (e) Gereranya 10:19 na 8:4. Igikombe cyo kumeza y'Umwami igikombe cy...
 (f) 10:21. Abapagani baryaga ku nyama z'intonorano, bakanywa no ku binyobg...
 babaga babituy'ibigirwa-mana byabo. Gererany'uwo murongo na Rom. 14:2...
 witaye kur'iri ngo: vino. Ibyiza n'ukutary'inyama cyangwa ikinda...
 (g) Zirikan'agaciro k'iri jambo ngo: "Abanyabgenge" ryo muri 10:15. za mu...
 (h) Sobanukirwa na 10:22. Nubgo kumenya ibiz'n'ibitaziri...

Twegutez'umwuka ishyari nti tumunush'amw...

(i) Shak'amagambo yose yo muri 10:1-22 asesereza ku kaga kari mw itorero ry'i Korinto mur'iyo minsi.

rero ry'Imana rikwiriye kub'irinyagahunda. 11:1ff. Duhereye ku mu-
Paulo agaragaz'ubury'itorero rigira gahunda irutana: 11:2,3. Duhereye ku mu-
gore: umutwe we n'umugabo; umutwe w'umugabo ni Kristo; umutwe wa Kristo n'I-
mana Data wa Twese. Amagambo yos'akurikiyeho ashingiye kur'ibyo; cyane cyane
iri jambo ngo: UMUTWE, ar'ukuvug'umukuru cyangw'urugingo rw'umubiri.
Ibyerekey'umugabo n'umutwe we. 11:4,7. Umugabo ntakwiriye gutwikir'umutwe
asenga, kuk'umutwe wo ugereranya Kristo (ku mpamvu z'uko Kristo ari we mutwe
w'umugabo. 11:3). 11:7 ngo: umugabo ntakwiriye gutwikir'umutwe, kukw ar'ishu-
sho y'Imana n'ubgiza bgayo. Gererany'ibyo na Heb. 1:2,3 hagaragaz'iyo shusho
y'Imana n'ubgiza bgayo uw'ari we. 11:4 ngo: umugabo utwikir'umutwe we (urugi-
ngo rw'umubiri we) ab'akojej'isoni umutwe we (ni wo Yesu). Mu yandi magambo,
umugabo utwikir'umutwe we ab'ameze nk'ugir'isoni za Yesu, akab'ashaka kumuhisha.
Kurongorwa na Kristo s'icyo kuduter'isoni, ahubgo dukwiriye kubigirir'ishema,
twebg'abagabo tukamwererez'aho tuba turi hose. Soma Mariko 8:38. Ben'ubgo
butwari tukabugaragarisha kudatwikir'umutwe dusenga.

Noneho, kuk'umugore yakomotse ku mugabo, akaba yararemwe kubg'umugabo, ni cyo
gitum'umugabo w'umugore yitw'umutwe we. N'ubundi ni w'ushingw'iby'urugo, aka-
ruhagarikira, akarurwanaho. Kuk'umugabo ari we mutwe w'umugore, ni cyo gituma
(mu gitekerezo cy'abakorinto) ntikwiriye k'umugore ajya mu ruhame rw'abantu a-
datwikiriy'umutwe kugira ngo adasa n'uwambits'umugabo we (ari we mutwe we) ubu-
sa. Iy'umugore amaze kurongorwa n'umugabo akwiriye kwirind'amaso y'abandi amu-
rarikira. Ubg'uburanga bg'umugore bugaragarira mu maso he, akwiriye gutwikira
umutwe, ng'ubgo buranga bgagenew'umugabo we gusa, butabonwa n'abandi bagabo, ba-
kamurarikira (11:7b). Uko ni kw abakorinto bibgiraga, kandi na n'ubu abagore
bo mu bihugu byo mw Asia ni ko bakibigenza. I Korinto nta mugore wiyubaha wa-
gendag'adatwikiriwe mu mutwe. Kwambara ku mutwe kwar'ikimenyetso cyo "gutwarwa
n'umugabo" (11:10) mu bapagani, cyangwa se kuba yararongowe na we. Arikw aba-
gore bamwe b'abakristo bamaze guc'ubgenge mu by'umwuka, barihimbaza bati: Uwo
n'umugenzo w'abapagani; ubu turi mu mudendezo wa Kristo, tuwureke! Ibyo biga-
tuma basebywa ngo: n'ibyomanzi. 1 Kor. 5:6a; 8:1b; Rom. 14:16
11:10. Simbuza: "abamarika" iri jambo ngo: "intumwa." N'ukuvug'intumwa zatu-
mwaga n'abandi zo kubashakir'abo gusambana na bo. Ni kw abakorinto babigenzaga.

Indunduro: Kuko Kristo ar'umutwe w'umugabo, ntakwiriye gutwikir'umutwe we, ngo
bib'ikimenyetso cyo kwishimira kurongorwa na Kristo. Nah'umugore rero, kuko ya-
remew'umugab'umwe, uwo mugabo we akab'ari we mutwe we, byari bimukwiriye gutwi-
kir'umutwe ari mu ruhame, kuko byar'ikimenyetso mu bapagani b'i Korinto kivuga
ngo: Narongowe n'umugabo. Sindi malaya.

Kubg'abapagani, abakristo bari bakwiriye kurinda gahund'iyo igaragaz'ubusumbane
bg'umugabo n'umugore. Mu gitekerezo cyabo baravugaga bati: Umugabo agerwa ku
Mana, nah'umugore akagerwa ku mugabo we umutwaye. Ariko muri Kristo si ko bi-
ri: 11:11,12. Bigereranye na Gal. 3:28. Nyamara kubg'abo hanze n'abanyante-
genke, ati: 8:9. Mur'iki gihe no mur'iki gihugu ntitugira gahund'iyo ngiyo
yo kwifata dutyo dukurikij'igitsina, ngw abagore bagende bitwikiriye mu maso;
ariko rero dukwiriye kwirinda, ng'ubgenge turush'abo hanze budatuma dukor'ibi-
ntu bituma bibgira ko twashiz'isoni. Twirind'igisa n'ikibi cyose. Icyiza
cyacu cye gusebywa. 1 Tos. 5:22; Rom. 14:16.

(7) Gahunda nke mw Ifunguro Ryera, bitewe n'abakorinto bigan'imigirire y'abapagani
bari mu muhango wabo wo kunywera no kurir'ibigirwa-mana byabo, utarimw ikinya-
bupfura. 11:17-34.

(a) Abibutsa ko Yesu yavuze kw ibyo barya bakanywa bigerereny'umubiri we n'ama-
raso ye bikwiriye kubahwa no kwitonderwa. 11:23-25. Kuko byerekan'ibintu

Scanned with CamSc

byera cyane, ababisangira bakwiriye kubisangira babyitondeye bifashe neza. 11:27-31.

(b) Ngo: Uyu n'umubiri wanjye (11:24; Mat. 26:26,28). S'ukuvuga k'umutsima wo mw Ifunguro Ryera uhinduk'umubiri wa Yesu bgite (nkukw abagatolika babivuga mu nyigisho zabo za TRANS-SUBSTANTIATION), ahubgo n'ukuwushushanya gusa. Suzum'iyi mirongo irimw amagamb'avug'ibigereranywa nkahw ar'ibyo agereranya bgite: Yoh. 10:7; Mar. 4:15,18; Luka 12:1; Gal. 4:24. amasezerano 2 Ninjye rembo ry'intama izabibye munzira, mumahwa Sara, Hagari.

...witonze 1 Kor. 12. Havug'ubury'impano z'Umwuka Wera ari nyinshi, arik'umwuka ...mwe. Kubg'ibyo ntihakwiriye kub'amakimbirano n'ishyari mw itorero bitewe n'a...ar'atar'amwe n'ubushobozi butari bumwe byagabiw'abakristo.

...witonze 1 Kor. 13. Urukundo ni rwo mfura mu mpano zose z'Umwuka. (12:31; Gal. 5:22).

...y'impano yo guhanura igirir'itorero umumaro kurush'iyo kuvug'indimi z'abanyamahanga. 14:1-24. Wite cyane cyane kuri 14:22.

1) Kubg'ibyo Paulo ababuza gusakuriza mu materaniro y'abakristo bavug'izo ndimi, kandi zari zigenewe kubgiriz'abanyamahanga. Baramutse babikoreye mu materaniro ya bene wabo babitewe no kwihimbaza byabagayisha. 14:14-20,23-25.

2) 14:26-33. Reb'ukuntu bagirag'impano z'Umwuka zo mu buryo busesekaye butangaje cyane. Icyaduha natwe tukagendererwa n'Umwuka hen'ako kanya. Bizaba! Imvura y'itumba ntitur'imbere? Mutyo tubisabire ku Mana tubyitayeho cyane.

3) Iby'abagore b'inkubaganyi bashirag'isoni bagasakuriza mu materaniro babaz'ibibazo. 14:34,35. S'ukuvuga kw abagore badakwiriye kugir'ibyo bakorera mu materaniro. Biragaragara ko bahanuraga na bo, kukw Imana itarobanura ikurikij'igitsina. Ar'abagabo, ar'abagore, bose n'abantu Yesu yapfiriye. Gal. 3:28; 1 Kor. 11:5. Uhereye kera Imana yagirag'abahanuzi-kazi bo kuyivugira mu ruhame rw'abantu: Ntamuyeko ntanugiriki

(a) Miriamu. Kuva 15:20,21.
(b) Debora. Abac. 4:4,5.
(c) Hulida. 2 Abami 22:14.
(d) Muka Yesaya. Yes. 8:3.
(e) Abakobga 4 ba Filipo. Ibyak. 21:9.
(f) Elena White.

Mu nama y'Imana, ih'abagore agaciro gahwanye n'ak'abagabo. Bose n'abantu; bose bacunguwe na Yesu. Ubupagani ni bgo bgazany'itandukaniro. Ah'ubupagani bgarushijeho gukomera, ni hw abagabo barushijeho guhinyur'abagore. Muri Kristo no mu nama y'Imana nta tandukaniro. Ef. 2:18.

Icyatumye Paulo avug'iby'abagore, akabahana cyane mur'uru rwandiko yandikiy'abakorinto, n'ukw abagore baho bisa nkaho bashirag'isoni kurush'ab'ahandi. Wibuke kw i Korinto ari ho ba "bakobga" 1000 babaga, ingeso zabo za kabutindi zikokoma ab'igitsina cyabo. Agakiza kabonekera muri Yesu

...yo kuzuka kw'abapfuye. 15:1-58. Icyatumye Paulo yandikir'Abakorinto iki gice n'uko ...ri habonetse muri bo abantu bamwe bashaka kwemer'inyigisho z'abaginoso bavugaga umubiri udashobora kuzuka.

1) 15:1-8. Paulo atang'ubuhamya bginshi bgemez'abantu ko Yesu yazukany'umubiri, akabonekera bensho no mu bihe bitari bimwe.

2) 15:12-19. Ahinyuz'amagambo y'abakristo bamwe bashaka kwihuza n'abaginoso.

3) 15:20-28. Agaragaza gahunda yo kuzuka.

(a) Kristo ni we muganura wo kuzuka. 15:20. Wibuke ko Yesu yazutse ku munsi wo kuzunguriz'imiganur'imbere y'Uwiteka, uwabaga buri mwaka kw itariki ya 16 abib (Lewi 23:5-11). Kuzuka kwa Yesu ni ko kwaheshej'abandi bose ibyiringiro byo kuzazuka. Iy'atazuka, abantu bose bari guhera mu bituro, n'abari

baramaze kuzuka (nka Mose na bandi bazutse Yesu apfuye) bari gupfa buheriheri.
(b) Paulo ahinyuz'inyigisho z'ubuginoso zari zatangiye kubon'ishyikizo mu Bakristo zivuga yuk'umwuka w'umuntu umuvamo iy'amaze gupfa, ukajya mw ijuru rya x3 ukishimira kubana n'ibyiza byaho. 15:23 herura k'umuzuka utazaba keretse Yesu agarutse.

(c) Urupfu, abaginoso ntibarwitag'urupfu, ahubgo ngo n'umuryango uhesh'umwuka w'umuntu kubaturwa ukava mu mubiri wahoz'uwubata. Muri 15:26-28 Paulo agaragaza k'urupfu ruzakomeza gutwar'abantu, ntirubabature, ahubgo rukabakoma mu nkokora kugez'ubgo Yesu azagaruka. Ati: Ni rwo mwanzi uzaheruka gukurwaho. Ni bgo ya ntambara yahozeho hagati ya Satani na Yesu Kristo (ari we Imana Mwana) izab'irangiye. Ni na bgo Yesu (wahozeho kubg'iyo ntambara ngw arwane na Satani, agenderer'abanyabyaha badashobora kwihanganira kureb'Imana Data) azihwanya na Imana Se, kubera yukw ibibi byose bizaba bishizeho, ntihabe hakirihw impamvu yo gutum'Imana Umwana igaragar'ukwayo, ahubgo bose bazishimira PLEROMA y'Imana, ibabereye byose, kand'iri muri byose na bose. → Dikosa ryo kudosoma

15:29-34. Paulo ahwitur'abakristo bahakan'iby'umuzuko, ahereye ku myizerere y'abapagani bihumanurishaga umubatizo wa taurobolium kubg'abazimu.

(a) Kubatizwa kwabo kubg'abapfuye kwerekanaga ko bizeraga yuk'urupfu rudaherana abantu buheriheri. Ahubgo bibgiraga yukw imyuka y'abapfuye yabagendereraga ar'abazimu, bakabaterekera, bakihumanurisha kubatizwa, kubg'abo bazimu, kugira ngo be kubatera. Paulo ahera kur'iyo myizerere ya gipagani ati: Niba abapagani bataz'ukuri, bizera kw abapfuye bazuka, bakanabatizwa kubgabo, nkanswe twebg'abaz'ukuri, ntidukwiriye kubarusha kwizera rwose k'ufupfu rudaheran'abapfuye?

(b) Sobanukirwa na 15:31 (reb'ubusobanuro bgo muri Biblia buhari kubg'uwo murongo) na 15:32, ukurikije context y'ibyanditswe haruguru. Arik'umwuka siw' Ubanza

15:35-49. Paulo asobanur'iby'imibiri y'abazuka, abitewe n'inyigisho z'ubuginoso n'ubudokeo zabadutsemo. (Wite cyane kuri 15:44b). 15:46 -- mbes'uwo murongo n'umwiza wo guhinyuz'inyigisho z'abagatolika zivuga yuko roho z'abantu zibanza kujya mw ijuru bamazo gupfa, hakazazuk'imibiri yabo hanyuma Yesu n'aza?

Indunduro: 15:5-58. Bisa nkahw abakorinto bamwe bo mw itorero bari baratangiye gusubira mu by'isi kubg'inyigisho zihakan'umuzuko, bavuga nk'abapagani bamwe bati: Reka twirire, twinywere, twisambanire, kukw ejo tuzapfa, bikaba bishize (15:32). Ni cyo cyatumye ababurira muri 15:33,34, no kubahumuriza muri 15:58, kugira ngo bamenye yuk'urupfu rutarangiza byose, ahubgo hasigay'ingororano ku bagenda neza, iyo bazahabga bamazo kuzuka. 44 Ubibg'arumubiri wakavukire ukazazurw' arumubiri w'umwuka

...ilo atang'inama zitari zimwe:
Izerekey'ibyo gusonzorany'amaturo yo gufash'abakristo b'abakene. Meny'uko wasubiz'umuntu ukomeza dimanche, akishingikiriza kuri 16:2 avuga ko herekana kw abakristo bo mu gihe cya Paulo bagirag'amateraniro ku wa 1 iteka mu cyimbo cya samedi.
Izerekey'ingendo ze zitaha n'ubutumwa butari bumwe, n'intashyo: 16:5-24.
Umurongo w'imena wo kwibukwa: 1 Kor. 5:6a. KWIRATA KWANYU SI KWIZA.

...ubiramo ry'ingingo z'imena z'uru rwandiko:
Indamutso. 1:1-3.
Ishimwe ryo gushimir'Imana ubuntu yabagiriye. 1:4-9.
Paulo asobanur'iby'ubupfu n'ubgenge (gnosis) n'imbaraga (dunamis).
Abagayir'amajyambere make.
Umwuka w'amatage wabay'intandaro y'inyigisho zo mur'iki gihe zubahiriza Petero.
Paulo yerura kw ari nta rundi rufatiro rw'itorero kerets'urwari rwarashyizweho.
Yitondesh'abakozi uko bubaka kur'urwo rufatiro. 1 Abak 16:2
a- Hari kuwa 1 ntihari kw isabato
b- N'ukubikiwabo s'ugulurira murusengero

Scanned with CamScanner

33

Indi nama nto nto:
(a) Kukw imibiri yac'ar'insengero z'Umwuka Wera, dukwiriye kuyifata twitonze.
(b) Ababurira ngo birinde kwishingikiriza ku bgenge bg'ab'isi birat'abantu. 6
Abagayir'ubusambanyi bgabonetse muri bo. 5
Kwitandukanya n'abagend'ukundi uko kumeze. 5
Abagayir'imanza iz'ari zo zose. 6
Kurind'imibiri yacu. 6
Abasubiza ku by'ishingirwa. 7 8
Ibyerekey'inyama zaterekerejw'ibishushanyo bisengwa. 8
Imwanaho kubg'agasuzuguro k'abakorinto bamwe b'abanyabuguga basheger'abandi. 9
Abo mw'itorero ntibakwiriye kwigira shyashya, kuko na bo batabura kugibgaho n'u-
rubanza ni bakora nabi. 10
Itorero ry'Imana rikwiriye kub'irinyagahunda muri byose. 11
Iby'impano z'Umwuka Wera no gufatanyiriza hamwe. 12
Iby'impano ihebuje; ni yo rukundo. 13
Ubury'impano y'ubuhanuzi irush'iy'indimi kugirir'itorero umumaro. 14
Ibyo kuzuka kw'abapfuye. 15
Inama zitari zimwe; n'ubutumwa butari bumwe, n'intashyo. 16

-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*

II Korinto.

Ura kwiyibutsa witonze cyane ibyo muri A:I:19 (cyane cyan'ingingo ya i); na
I:20 kugeza ku ngingo ya (i); na C:4. Page 6 (i) Page 7 (1) Page 10 (4)

Impamvu zo kwandik'uru rwandiko:
(a) Kubashimira kumvira kwabo, n'uko bemey'inama yabagiriye mu rwa I Kor. Aba-
garagariz'umutim'utururutse. 2:6-11 (wa wundi-1 Kor. 5:1ff).
(b) Kubagir'inama zerekey'imfashanyo yo kugemurir'abakristo b'ahandi bakennye.
(c) Kwiregura kubg'ibirego by'abigisha b'ibinyoma bateye mw itorero ry'i Korinto,
bishingikiriza kuri Petero no gusheger'imihango yo mw Isezerano rya Kera.
Ibirego byabo n'ibi:
(i) Paulo s'intumwa.
1. Ntiyabonye Yesu.
2. Nta rwandiko afite rwo kumuranga.
3. Nta masekuruza ye muzi, agaragaza ko yakomotse k'ukomeye wo mw itorero.
4. Nta kimenyetso atanga. 13:3.
5. N'umuntu w'igisuzuguriro, unamuka mu mvugo no mu migirire. 10:10.
(ii) Icy'abashakaho n'indamu. Bati: Ntebareuka kubak'amafranga ngo n'ay'abake-
ne, ati: Mujye muyabik'i wanyu ukw icyumweru gitashye (1 Kor. 16:2)?
Bati: Ntimukayamuhe, azayirir'ubusa.

Kwiregura kwa Paulo:
(a) Ikirego: S'intumwa kukw atabonye Yesu. Ikireguzo: 1 Kor. 9:1. Sind'intumwa
(b) Ikirego: Nta rwandiko rumuranga agira rwaturutse ku bakuru rumuhesh'ububasha
bgo gukor umurimo w'intumwa. Ikireguzo: 2 Kor. 3:1-3; Gal. 1:1. Ni mwe rwa[ndiko]
(c) Ikirego: Nta kimenyetso na kimwe agira cyerekana kw ar'intumwa. Ikireguzo:
12:11,12,13; 1 Kor. 9:2. Nakoze ibimenyetso byerekana ko nd'intumwa
(d) Ikirego: Icy'abashakaho n'indamu. Ikireguzo: 12:14-18. Aho kuzibukir'iryo
jambo ryo gusonzorany'amaturo kubg'abakene, nkaho rimushinja, Paulo arikome-
reraho mu gice cya 8 na 9 abagir'inama yo kurushaho kugir'umwete wo gufashi-
sh'abakene ubutunzi bgabo, akazakir'amaturo yab'ubg'azagaruk'i Korinto.
Sibyanyu nshaka n'imitima yanyu.

Scanned with CamSc

Mubogira kw ... ntaza
ariukwanga Kubaterlagahinda
Ati: Noneho nzaza.



(e) Ikirego: N'umuntu w'igisuzuguriro kuko:

(i) Ahindur'amagambo. 1:15-19. Ikireguzo: 1:15-19,23; 2:1-3; Gerera-ny'ibyo na 1 Kor. 4:18-21 na 2 Kor. 13:1-3.

(ii) Nta masekuruza ye tuzi yerekana ko yakomotse k'uwo kwitabgaho. Ikireguz... Ati: Ibyo ntaho bihuriye n'umurimo w'Imana (5:14-20); byongeye kandi a... Nta wundush'ibisekuruza kuko nd'umuyuda nyawe. 11:18,22-31. Bigerera... nye na 1 Tim. 1:3,4; Tito 3:9-11. Ntawe twatekereza dukurikije...

(iii) Paulo arundura; yireguz'ijambo rigaragaza ko yahawe n'Imana amahirwe ata... ngajo yo kwerekw'ibyo mw ijuru, iby'abandi benshi b'intumwa batahawe ku-menya. 12:1-10. Agaragaza k'umurimo w'intumwa nyayo iterekeye ku bi-ntu bigaragara, by'inzandiko, n'inyuguti, n'ibitangaza birebga; ahubg'ar' umurimo w'umwuka uhindur'intekerezo z'abantu, ukab'ar'umurimo w'Imana, udashoboker'umuntu buntu uw'ari we wese. 3:4-6. Nz'umuntu wo muri Kristo waz...

(3) Gusesengur'ingingo zo mur'uru rwandiko:

(a) Soma witonze cyane 1:1-4:18, ube ushoboye gusobanur'ibi:

(1) 2:6. "Wa wundi" ni nde? Igihano wawundi yahanwe kiramuhagije
(2) 2:17. "Abenshi" ni bande? N'abagoreki ijambo ry'Imana Abigisha...
(3) 3:2. Uburyo bamuberey'urwandiko n'ubuhe? Nimwe rwandiko rwac...
(4) 3:6-18. UHASOME UHITONZE CYANE.

(b) Ubusobanuro bga 3:6-18. Mur'iyi mirongo Paulo agaragaz'uburyo "imitegekere y'Umwuka" yo mw Isezerano Rishya (3:8) irusha "imitegekere y'urupfu" yo mw... Isezerano rya Kera kugir'ubgiza n'umumaro. Ya mitegekere y'urupfu ni yo b... ba bigisha b'ibinyoma bashegeraga.

(1) Icyatumyo imitegekere yo mw Isezerano rya Kera ayit'iy'urupfu, n'uko yashingiraga ku rupfu rw'ibitambo byasūrag'urupfu rwa Mesia wajyaga kuz... bapfira. Isezerano Rishya, aho rikur'imbaraga yaryo ikorera mu mitima yacu ni ku muzuko wa Yesu. Irya kera ryerekezag'ibitekerezo ku rupfu rw'Umukiza, nahw irishya ryerekez'imitima y'abakristo ku Mukiza wazutse uri muzima. Nta bgo duteg'agakiza ku Mukiza wapfuye waheze mu gituro; ... twetse ku Mukiza wazutseho, akaba muzima, akaberaho kuturengera, akadu-... ca kuri kamere mbi twavukanye. Icyakora, ya mitegekere yo mw Isezerano rya Kera yashyirirweho gutum'abantu bateg'amakiriro kuri Yesu wajyaga ku... ... apfira no kubazukira; arik'ubuhenebere bgo mu mitima yabo bgatumy'imi... ... ma yab'ihuma, bigez'ubgo bishingikiriza ku mategeko n'inyuguti yayo ... ose, nkahw ari yo yabakiza. Ben'abo bashegerag'amategeko ni bo Paulo ... itaga "ab'inyuguti." (3:6).

(2) ...ko Paulo yagereranij'iyo mitegekere yombi:

a. Inyuguti iricisha, arik'umwuka uhesh'ubugingo. (3:6). Inyuguti ni ... zigir'amategeko; ni zo ziyarema; ni zo bayandikisha. Ar'amategeko ... Mose, yatumaga bic'amatungo yabo bakayatamba; ar'amategeko ya Dekal... gosi, ni y'ashinj'umunyabyaha, akazamwicisha ku munsi w'imperuka (R... ma. 7:7-13). Amategeko nta w'akiza, ahubg'aberaho gushinja no kwic... sh'uyica (Rom. 7:9.) Ariko rer'Umwuka Wera wa Yesu uduhesh'ubugingo (3:6). Kw ar'umwuka wa Yesu uhavugwa, ubihamirishe gusoma 3:17a. ... w'utubashish'ibidashoboker'umuntu utamwihaye, ukiremerewe na kamere ye yononekaye. Rom. 8:1-7.

b. Umuyobozi w'imitegekere y'urupfu, ari we Mose, yarabagiranaga mu mas... ho iy'abonanye n'Imana; arik'uko kurabagirana kwar'uk'umwanya muto ... sa kugashira. Ariko rero, umuyobozi w'imitegekere y'umwuka ni Yesu, kand'ahoran'ubgiza butagajuka kukw ar'Imana bgite, akaba no kurabagi-rana k'ubgiza bgayo n'ishusho ya kamere yayo (Heb. 1:3). Soma na

No. 35

2 Kor. 3:7-11.

c. Mose yagombaga gutwikira mu maso he, kugira ngw abantu be kubon'uk'ubgo bgiza bgamushiragaho (3:13), ngo bitababer'intandaro na bo yo gushir'ubgiza bg'ingeso. N'ubundi bisanzwe kw abantu bakurikiz'abandi bagir'ingeso zihwanye n'iz'uwo bakurikiza. Si cyo cyatumag'abaheburayo ba kera banamukaga cyane, bakaba beza himy'umwami utunganye, bakab'ibyohe himye umwami w'ikigoryi? Umwambari w'umwana ntagenda nka she-buja se? Mbese umwana ntasa na se? Uwib'ahetse ntiyigish'uwo mu mugongo? Ni cyo cyatumye Mose atwikira mu maso he, ngo batabon'ubgiza bge bumushiraho, batabon'urwitwazo rwo guhenebera ku bgiza bg'ingeso babikurije ku cyitegererezo babaga bamurebeycho.

Ntibishoboka kw abantu bakurikiz'undi muntu, bagaharanira gushimwa na we, cyangwa se kuratwa na bagenzi babo bahinduka beza, ngo bahor'ari beza. Baba beza ku mwanya muto, bari kumwe n'aboza, bari mu mahoro; ariko bagera mu mpatānwa, bakadohoka ku ngeso nziza, bga bgiza bukagashiraho, bakabeshya bakiba, etc. Ubgiza bg'ingeso bur'inyuma gusa ntiburamba. Ni cyo cyatumaga Mose atwikira mu maso he, ngo batabon'uk'ubgiza bg'inyuma bumushiraho, na bo bagakurizahw intandaro ya gusubir'inyuma.

Ariko twebg'abo mw Isezerano Rishya, dufit'amahirw'atangaje yo kureba mu maso ba Kristo, atagombye kuhatwikira, kuk'ubgiza bge butar'ubg'inyuma bushiraho, ahubg'ar'ubg'iteka ryose. Ni cyo gituma tubgirwa kenshi muri Bibliya kub'ari Kristo duhang'amaso, tukamutumbira (nka Heb. 12:2), tukomotana na we, kuko tubikoze, twahindurirwa gusa na we, tukagir'ingeso zifit'ubgiza bg'imbere, budaheneberа; ahubgo tugahora tujya mbere, tuva ku bgiza bg'urugero rumwe, tugasingir'ubg'urundi rugero rurushijeho gutungana, bityo bityo kugez'ubgo dufatanya na kamere y'Imana (2 Pet. 1:4). Soma 2 Kor. 3:18 witonze mu gifranse no mu kingereza wibuts'ibyo nanditse haruguru byerekey'ubgiza bg'ingero zitari zimwe.

Ni cyo gituma Paulo avuga kw imitegekere y'umwuka (utagaragara, uri mu mutima w'umuntu, ari wo Kristo (3:17a), yo mw Isezerano Rishya iter'abantu gukiranuka (3:9), bakaba beza ku mugaragaro no mu rwiherero, kuko baba bafite Kristo mu mitima yabo, uwo ubgiza bge budashiraho.

3:14. "Imitima yabo yarahumye," bareb'ibiri hafi gusa (ibitambo, amaturo, imihango, imirim'igaragara y'inyuguti z'amategeko) bakabitegahw amakiriro, ntibarebe kure ngo bamenye kw ibyo byose bisūra Mesia, ngw ab'ari we bishingikirizaho (2 Pet. 1:9a). *Ben'uko guhuma kw'imitima ko gutuma badasobanukirwa n'impamvu z'imitegekere y'imihango ni ko kugereranywa n'igitwikirizo mu murongo wa 14 n'inyegamo mu wa 15.

3:17. Umudendezo uhavugwa n'uwo kudahambirwa ku mihango yo mu mategeko ya Mose, no kwihatira gukomez'amategeko ya Dekalogosi, nkamw ari byo byadukiza. (Bamwe bavuga k'umudendezo uhavugwa ugaragaza kw abakristo bo mw Isezerano Rishya badakwiriye gukomeza Dekalogosi. Ibyo s'iby'ukuri; n'ukugorek'uyu murongo ukawuvana muri context yawo. Paulo nta bgo yigeze ahinyura Dekalogosi. Reba Roma. 6:12.)

3:18 Indunduro ya context ya 3:6-18 mu magamb'ahiniye hafi: Irya kera ryerekezag'ibitekerezo by'abantu imbere; ryagirag'imihango myinshi yo gusūr'ibyajyaga kuzaza, ndetse iyo mihango yagenewe kubah'uburyo bgo kugaragaza kwizera kwabo no kugukomeza. Isezerano rya Kera ritandukanye n'irishya. Hanyuma batangira kuyoba mu bitekerezo byabo, bibagirwa yukw imihango iberaho gusūra gusa ibizaza (ni cyo cyatumag'abakristo batari bamwe bakomeza kuyiziririza Yesu amaze kubisohoza byose), ndetse bamwe bakatishegera babitegaho

Scanned with CamScanner

amakiriro aho kuyakesha Yesu byasuraga.

b. Isezerano Rishya ryorekez'intekerezo zacu inyuma ku rupfu rwa Yesu no kuzuka kwe no koherez'Umwuka kwe ku munsi wa Pentekote. Ntirishyigikirwa n'imihango ahubgo risohorora mu mikorere y'Umwuka Wera. ISEZERANO RYA KERA riti: Nzaboherereze'Umukiza, nuko rero mwerekanishe ko mubyizeye gutamb'ibitambo. ISEZERANO RISHYA riti: Nzabohererez'Umwuka Wera, ngw abatsinde, abayobore mu kuri kose, ababature muri kamore mbi mwavukanye.

Abakera bari bafit'amategeko yakorogoshowe mu mabuye; ariko ku b'Isezerano Rishya Imana iti: Yer. 31:31-33. (UHITONDERE CYANE N'AH'INGENZI RWOSE). Mbese kwandik amategeko mu mitima y'abantu n'ukuvug'iki? N'ukuvuga kw irari ryabo ryose n'ibishinja byose byo mu mitima yabo bizaba bihuje n'amategeko. Bazararikir'ibyiza bihuje n'ubushake bg'Imana, kandi bazihutira gukomez'amategeko yayo batarurahije babyihatira na hato, kuko bizaba byahindutse kamere yabo.

Ben'uko guhinduka kw irari n'ibishinja guturuka he? Uko Elena White yabisobanuye (muri Kugana Yesu, pp. 45,46):

"... Kristo ahindur'imitima. Aba mu mutima wawe kubgo kwizera. Ukwiriye gu... ugir'umushyikirano na Kristo kubgo kwizera, no kujy'umwegurir'umutima waw'iminsi yose. N'ugenz'utyo, azajy'agutera gukor'ibihuye n'ubushake bge. Ni bg'uzaba kuvug'uti: Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizer'Umwana w... na wankunze, akanyitangira. Gal. 2:20. Uku ni ko Yesu yabgiy'abigishwa b'a... Si mwe muba muvuga, ahubgo n'umwuka wa So uzabavugisha. Mat. 10:20. Maz'uko Kristo azajy'akorera muri wowe, uzamwigana, ugir'umutim'uhwanye n'uwe, kand'uko imirimo akora, ari y... mirimo yo gukiranuka no kumvira."

Byongeye kandi muri Desire of Ages, p. 668 ati:

"Ni tumwemerera, Yesu azaduhwanya na we rwose mu byo dutekereza no kugambirira... Azafat'imitima yacu n'intekerezo zacu, maz'abihuze n'ubushake bge, ... isanga n'ingoyi, bitum'ibishinja byacu byose bib'ibyo kumwumvira, tutaruhije tubyiha... tiye na hato."

a. 6) Menya nez'itandukaniro ry'ab'inyuguti n'ab'umwuka (2 Kor. 3:6).

a. Ab'inyuguti n'abateg'agakiza ku mirimo igaragara ihuje n'amategeko, bakigera... sera ku nyuguti yose y'itegeko nkahw ari byo bya bakiza. Nyamara ben'abo b... mu kaga gakomeye cyane, kuko bidashobokor'umuntu wese gukomez'amategeko by... mu mutima nosoye. (Yer. 13:23). Ni koko, yayakomeza ku mugaragaro, akayica mu mutima we (Mat. 5:27,28); cyangwa se yayakomeza ari mu nahoro, ariko yagera mu ka... akayica (nko kubeshya, kwiba). Naho yakomeza yose, akica inyuguti 1, yab'... she yose (Yak. 2:10). Ni cyo cyatumye Paulo avuga ko "inyuguti yicisha" (2 Kor. 3:6). N'ubundi amategeko ntaboraho kudukiza, ahubgo n'umushinja-cyaha (Rom. 7:9). Umuntu wese wiringir'amategeko kw amukiza ari mu kaga, kuk'uh... kera kose yabinaniwe kubg'intege nke za kamere yacu; ni cyo cyatumy'Imana ... turinganiriza inzira irushijeho kuba nziza. Rom. 8:3,4. Aba kamere y'umwuka...

b. Ab'umwuka n'abita ku by'umwuka n'umutima, bakabirutish'ibigaragara bikorerwa imbere y'abandi kubgo kurangamir'ishimwe ryabo. Icyakora, s'ukuvuga kw a... mwuka birengagiz'amategeko, ahubgo ni bo bonyine bashobora kuyakomeza byino soye, kuko bita ku mwuka wa Kristo, bakifuza gusa na we, bakamwiha burundu ngw abahirure'ukundi, atume bakomez'amategeko mu mutima no ku mugaragaro, ... ngw abahindure ukundi, kandi batabitewe n'uko ba... batabyihatiye kuko biba byahindutse kamere yabo, ka gushimwa na bagenzi babo. Soma witonze Roma 8:3,4.

Kugira ngo gukiranuka kw amategeko gu shoregwe muri twe ... dakurikiza ... kamere y'Umubiri ... ahubgo abakurikiza ...

Abak 5:9 Niyo gituma tugir'umwete wo kumunezeza iyo tur'iwacu mu mubiri cyangwa tudahari- Gerer gupfa.

Ikte 12:2 Nz'umuntu wo muri Kristo wazamuw'akajyanwa mw ijuru rya gatatu ubu hashiz'imyaka 14 niba yari mu mubiri simbizi.
Ikko 37 uwo ni Paul

Soma witonze 2 Kor. 4:1-18 wibutse context y'ibyo umaze kwiga byo muri 2 Kor. 3.
Ite kur'ibi no kubifutukirwa:

4:4b. Mbese bifitanye sano ki na 3:7ff?
4:6 ngo: "Ubgiza bg'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo," mbese bifitanye isano na 3:13,18 (reb'ubusobanuro bgo kuri 1). Ukutumburir'ubgiza bga Yesu, twahabg'ubwiza kubak
4:7. . Ubutunzi n'ubuhe? Inzabya z'ibumba zigererany'iki? (Reb. Itang. 2:7). mu muku gu
4:10,11,1?,17. Urupfu rwa Yesu no kuzuka kwe. Amaherezo yabyo mu kubaho kwa Abakristo b'ukuri:
a. Urupfu rwa Yesu: kurenganywa k'umubiri no gushiraho kwawo: 4:8-10a,11a,16a,17a. (Bigereranye na 1 Pet. 2:21). Nubgo tumubabarizwa, ntiducogora.
b. Kuzuka kwa Yesu: Sobanukirwa n'uburyo dufit'Umukiza muzima ushaka gusangira natwe ubgiza bg'imiboroho ye. Abantu benshi bashimir'Imana urupfu rwa Yesu, nyamara kuzuka kwe ni ko kw'ingenzi rwose kuri twe, kuko kwaduheshej'uburyo bgo gusabana n'Umukiza wacu uhoraho. Soma Inyigisho z'Amahame (Ni zo byigisho bya Doctrine, p. 19, F.) Mas'usom'iyi mirongo yo muri 2 Kor. 4:8-11, 14-17 witaye ku by'ukubaho kwa Yesu bitumariye.
4:18. Hasesereza ku bihe bintu byo mu gice cya 3? Ismo ibiboneka by'igihe gito n'ubgiza bushira, ibitaboneka by'iteka ryose n'ubgiza bga Yesu budashira

Ubusobanuro bg'igice cya 5: nka Mose

5:1-3.
a. Inzu igerereny'umubiri, kuk'umubiri ari w'uber'intekerezo n'ubugingo bgacu ubuturo. N'iki cyatumye Paulo agererany'uyu mubiri dufite kur'ubu n'inzu y'ingando? (5:1). Inzu itubatswe n'intoke igererany'uwuhe mubiri? (Reba 1 Kor. 15:40,42,44,53,54). Umubiri wo mw ijuru n'umubiri wa Kavukire (ingando)
b. 5:2,3 ngo: Twifuza kwambikw'inzu yacu izava mw ijuru, kugira ngo tuyambare tutazasangwa twambay'ubusa. Kwambar'ubusa kugererany'urupfu, kuk'upfuye aba abuz'iyi ngando kandi akab'ataragera muri ya nzu nshya izava mw ijuru. Icyo Paulo yifuje n'uko Yesu yaz'akiriho, akamuh'umubir'udapfa ataruhij'apfa. Ni ko kwifuza ko azasangwa atambay'ubusa.

5:5. Imana yadusezeranije yuko Mesia n'amara gusubira mw ijuru izatwohererez'Umwuka Wera ku rugero rusesekayo ngo aduhindur'ukundi, atubashishe kugera ku rugero rwatuma duhabg'ubugingo buhoraho n'imibiri itazapfa. Reba kw iryo sezerano ririmw amagamb'akomeye 2: (1) Guhabg'Umwuka Wera; (2) Guhabg'umubir'utazapfa. Mu gihe cya Paulo abakristo bari basanzwe guhabg'Umwuka mu buryo butangaje (Soma Inyigisho z'Amahame, p. 17; ingingo ya 6 na 7.) Nuko Paulo ahera ku bigwi byabo ati: Ubgo Imana yaduhutse'Umwuka wayo bitangaje rwose, bituberey'ikimenyimenyi cyangw'ubuhamya yukw itazabura kudusohoreza iryo sezerano ryayo ryerekey'imibir'idapfa na ryo.
Gereranya 5:7 na 4:18 na 1 Kor. 13:12.
Gereranya 9:9b na 5:3 na 12:2.
Wiyibuts'umumaro wo kuzuka kwa Yesu, ugereranije 5:15 n'ingingo ya 4.b iri haruguru.
Wiyibuts'icyatumye Paulo yandik'ibyo mur'uwo murongo (reba p. 34; e, ii). Amas
5:16. Wiyibuts'icyatumye Paulo bayobojwe Kristo no kwibuka ko yakomotse ku ba-
Abantu bonshi bo mu gihe cya Paulo
kene (Mat. 13:55-57a). Siwa mwana w'umubaji nyina Maria bene se Yakobo, Yosefu. na undi wazutse akaba muzima: • 5:17, 21b. // Reba Yu
Umumaro wo kuba muri Kristo, Umuntu we wese
kandi ko hariho gukiranuka kw'Imana gutandukanye no gukiranuka abantu bih'ubgabo.
Gereranya 5:21b na Rom. 10:3,4. Tuzarushaho gusesengur'iby'uko gukiranuka tugeze mu gitabo cy'Abaroma.

Imico y'abagabo batumwe n'Imana by'ukuri. Hasome winira ubyiyerekezaho.
11-13. Umurongo 12 ugaragaz'ukunt'umutima we war'ubagukiye, afitiy'umuntu wese wo muri bo umwanya mu mutima we.
Umurimo w'Imana ukennye cyan'abagabo barangwaho ben'izo ngeso zitangaje.

ndiko 38

(f) Soma 6:14-7:4 no gusobanukirwa n'ibihanditswo byose. Ntimwifatanye n'abatiz

(g) 7:5-16. Paulo abandikir'iby'urwandiko rwe rwa I Kor. Wiyibuts'ibyo wize kuri pp. 6f # 20a-i na pp. 10f, #4.

(h) 8:1-9:15 har'inama zerekey'amaturo y'ubuntu yo gufash'Abakristo bakennye.
(1) 8:1-8. Abatez'umwete kubibuts'ubuntu bg'ab'i Makedonia.
(2) Shak'ibimenyetso bigaragaza kw abakorinto batagirag'umwete wo gusohoz'uwo murimo (8:6b,7,8,10,11).
(3) Icyatumye Paulo atuma Tito i Korinto: 8:6. Kubabgira gufasha
(4) Icyatumye amutumana na "mwene Data wundi." 8:18. Mbese har'aho bihuriye na p.33, #D:(1):c:(ii)? Bifitany'isano se na 1 Kor. 16:3,4? Soma na 2 Kor. 12:16-18. → n'ibirego bamureze
(5) Gereranya 9:5 na 1 Kor. 16:1-3.
(6) Umutima wemerwa n'Imana mu byo gutang'amaturo: 8:5,10b,12; 9:7. Umuntu wo ...
(7) Umumaro wo kugir'ubuntu: 8:2; 9:6,8,12,13,14.

(i) Paulo yiregura kubg'ijambo ryabo ngo: N'umuntu w'igisuzuguriro. 10:1-18.

(j) Abahwitura kubg'intumwa z'ibinyoma zabateyemo. 11:1-12:13.
(1) Abagereranya na Eva wohejwe na Satani kubgo kwitandukanya n'umugabo we, ... Satani abon'akito ko koshy'ab'itorero (ni ryo mugore) iyo barets'umugabo ryo (Kristo) 11:2-4a.
(2) Ubury'intumwa za Satani zishukana bitangaje: 11:13-15a. Ibiyishushibibinyoma
(3) Paulo yiregura kubg'ibyirato by'izo ntumwa; ngo:
(i) Nta masekuruza Paulo agira. 11:18,22.
(ii) Paulo n'umunyantege nke w'umunyamwete muke usuzuguritse:
a. 11:20,21a; 23-30.
b. Yireguza kubabgir'uko Imana yamuhay'iyerekwa. 12:1-11; 13:4. Wi... ts'ibyo tumaze kwiga byerekey'iryo yerekwa.
(iii) Nta bimenyetso agira: 12:12,13. Nakoz'ibimenyetso bigaragaza ko hagati yanyu

(k) Indunduro, 12:14-13:14.

## INDA Y'URWANDIKO RWA 2 KORINTO:

Ibyishimo bya Paulo: 1:1-14.

1. Yishimir'Imana kurinda kwayo. 1:3-14.
2. Abashimira kumvira kwabo.

Ibiregurzo abireguraho: 1:15-2:17.

1. Agaragaz'icyatumy'ahindur'inama z'urugendo. 1:15-24. Kwar'ukubababarira
2. Asobanur'icyatumy'abandikir'urwa 1 Kor. 2:1-17.
3. Yiregura kubg'ubutumwa bgo. 3:1-7:16. ... urwandiko ...
(a) Ingaruka yabgo nziza mu miberoho y'ababgakiriye igaragaza kw atagomb'urwandiko rwanditswo n'abantu rumurenga. 3:1-3.
(b) Yerekan'ubury'ubutumwa bg'Isezerano Rishya, bushingiye kuri Yesu wazutse w'umwuka, burut'ubgo mw Isezerano rya Kera bushingiye ku nyuguti z'amategeko y'imihango isura Yesu. 3:4-4:6.
(c) Asobanur'uburyo buhosh'abagabura babgo kwihangana bitangaje. 4:7-6:13.
(d) Uburyo butum'ababgumva bahinduk'ukundi. 6:14-7:1. Ntimwifatanye n'abatizera
4. Yongera kuvug'ibya rwa rwandiko rwa 1 Kor. 7:5-16. ashimishwa n'agahinda kwihana

agahinda kameze nk'ukw'Imana gatera kwihana.

...iko (39)

Ibyo gutang'imfashanyo kubg'abakristo b'abakene: igice cya 8 n'icya 9.

1. Paulo abashimir'amatorero y'i Makedonia kubg'ubuntu bgabo. 8:1-5.
2. Abahwiturira gusohoz'umurimo bari barasezeraniye ko bazawukora. 8:6-9:5.
3. Amaherezo meza yo kugir'ubuntu. 9:6-15.

Yongera kwiregura: 10:1-12:13.

1. Ku byo gusuzugurika: 10:1-18.
2. Ku nyigisho z'abigisha b'ibinyoma bayobej'abakorinto: 11:1-15.
3. Ku by'ibisekuruza: 11:16-22.
4. Ku by'imihati yukw atar'umunyebute w'ubgoba: 11:23-33.
5. Ku byo kutagir'agaciro, asobanur'ukw Imana yamwerereje, ikamuha kwerekw'ibyo mw ijuru: 12:1-6.
6. Ku byo kugir'intege nke z'umubiri: 12:7-10.
7. Ku byo kutagir'ibimenyetso by'intumwa: 12:11-13.
8. Ku byo kubashakahw indamu: 12:14-18.

Indunduro: 12:19-13:14.

1. Asobanur'impamvu zitum'abiregurah: 12:19-21.
2. Abagir'inama ababurira kwivanamw abagenda nabi niba bagisigaye: 13:1-10.
3. Abasezeraho; atum'intashyo: 13:11-14.

Umurongo w'imena: 2 Kor. 3:2. Nimwe rwandiko rwacu.

fin du 1er Trimestre
*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*

...andiko rw'Abagalatia:

...yibutse neza:

... Ibyo wamaze kwiga byerekey'Abagalatia n'uru rwandiko: p.5; #13-15; pp.11f,#5.
... Kw icyatumye Paulo arwandika, ar'uko hari hatey'intumwa zaturutse mu Buyuda zivuga ko zatumwe na Petero kuvuguruza Paulo, ngo: Ntibihagije kwishingikiriza kuri Yesu, ahubgo ngo abantu bakwiriye gukubitiraho no gukomez'amategeko ya Mose yose ngo babone gukizwa. Mur'uru rwandiko Paulo ahinyuz'izo nyigisho, agaragaza kw agakiza gashingiye ku mutima umuntu agira wo kwizera Yesu (ari ko gusabana na we no kumwiha burundu), bikaba bidaturutse ku mihati umuntu yagira yo gukomez'amategeko: 2:16,21; 3:10; 5:4. ⇒ Amatorero yo kedą tsirdishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko.

...ahunda y'uru rwandiko n'ubusobanuro bgarwo:

... Indamutso: 1:1-5.

... Interuro: Abagayira kunamuka kwabo, agaragaza k'ubutumwa bg'Imana bg'ukuri ari bumwe rukumbi, bukaba budahinduka: 1:6-10. Wibuk'iri somo, aho ryanditswe: 1:8. Sinshaka kunezez'abantu kuretse Kristo.

... Paulo areguz'ubutumwa bge kubabgir'ibyabaye byo mu kubaho kwe: 1:11-2:21.

1. Uko yabuhawe na Yesu ubge, akab'atabgigishijwe n'undi muntu uw'ari we wese: 1:11,12.
11. Uk'ubge yahoze ker'ar'umuyuda ushegar'amategeko, ndetse kurush'abandi ...

Yesu amaze kumwiyereka, ahinduk'ukundi rwose, ibyo yashegeraga akabireka burundu. 1:13-15,(23).

iii. Ukw atigezo kugish'umuntu wes'inama, cyangwa kumushakahw inyigisho amaze kwerekwa Yesu, bigatum'abantu batangazwa no kumva yigish'ibya Yesu kandi yahoze abirwanya: 1:16-24.

iv. Uko yagiy'i Yerusalemu abibgiwe n'Imana mw iyerekwa, kubg'abantu bamwe bari baratangiye kuzan'inyigisho zishingiye ku mategeko, zigapfoby'ububasha bga Yesu bgo gukiz'abantu: 2:1,2.

v. Uko mu nama zaberey'i Yerusalemu:

(1) Batahatiye Tito gukebga nubg'atar'umuyuda, nubgo kandi hariho bamwe bo muri bo, biremy'igice bagasheger'amategeko ya Mose: 2:3-5. (Soma Ibyak. 15:1-7 usobanukirwe n'ububata buvugwa muri 2:4; ukuri k'ubutumwa bgiza (2:5) kwari mu kaga mur'icyo gihe n'ukuhe?)

(2) Abakuru b'inama nta cyo bamwongoreyeho ku butumwa yahoraga yigisha: 2:6-10 (Wibuke ko gahunda y'amazina bgite yo muri 2:9 igaragaza neza ko Petero atarut'izindi ntumwa, ngw abe "papa" wa mbere. Ahubgo Yakobo ni we w'imbere, akab'umukuru w'inama zaberey'i Yerusalemu. Reba Ibyak. 15:13-19.

vi. Uko Petero atar'uwo wo kwishingikirizaho kuko yanamukag.. (kandi za ntumwa z'Ibinyoma zavugaga kw ari we wazitumye kuvuguruza Paulo): 2:11-16. Mur'izo mpaka Paulo yongeye kwibutsa Petero kw abayud'ubgabo baheshw'i gakiza n'uko bizeye, bitari kubg'amategeko; nk'answ'abanyamahanga! (2:15,16. Ng'ubyumve neza, hindur'iri jambo ngo: "tumenye" ryo muri 2:16a utya ngo: 'tumenya", cyangwa ngo "tuzi.")

d. Paulo asobanur'imibereho ya Gikristo iy'ari yo: 2:17-21:

i. 2:17. Asobanura k'umuntu wihaye Yesu adahinduk'uwera mu kanya nk'ako guhumbya amaze kwakira Yesu ho umukiza. Nta bg'ashok'asesa ngo y ire de by'ubukonikoni. Kubg'ibyo ntidukwiriye guhakana ngo Kristo ntahagije, tumitewe n'uko tubony'a bakristo bacumura, Ubukristo n'ugukura, tuva mu bgana bg'ingeso, tugan'urugero rushyitso rwo umera nka Yesu mu mico yacu; ariko rero ntibisohora mu kanya. Twifuza kwera, ariko kamere idushiraho ni ruto ni ruto, niba twomotanye na Yesu.

"Kwera s'umurimo w'akanya gato, cyangw'uw'isaha nzima, cyangw'umunsi'umwe; ahubgo n'uw'ukubaho k'umuntu kose. . . . N'uguhora dupfa ku byaha, tugahora tubaraho kubga Kristo. . . . Igihe tugihumekaho, ntihaba harihw indaro yo kuruhuka; cyangw'aho guhwomora, cyangw'ah'umuntu yagera akavug'ati: Ubu mmaze gusohora rwose." Acts of the Apostles, pp. 560f.

ii. 2:19. "Amategeko yanteyo gupfa ku mategeko." Ate? N'uko yitsindish'ubgayo

(1) Paulo ubge yari yarageragejo kwitsindishiriza kubg'amategeko, akabona yuko akigir'umu im'udatunganye (Filip. 3:6; Rom. 8:3). Ibyo ni byo nyine byatumye yemera kw amategeko adahagije, ni ko kuvug'ati: Amategeko ni yo yanteye gupfa ku mategeko; narayagerageje, ariko ntiyanyura, ni cyatumye ndeka kuyategahw amakiriro mbony'inzira irushijeho kuba nziza. Igituma abantu bo mw itorero bonshi bahuhuka mu by'umwuka n'uko bishingikiriza ku mategeko. Hanyuma bagonga kw ir'umutwaro ubashengura, bakayaharurukwa, bakadohoka. Ariko rero, soma Mat. 11:28-30.

(2) Kukw amategeko y'imihango yasuraga Kristo, ni yo nyine ya umye Paulo ayareka, amazo gusobanukirwa na Yesu; ni ko kuvug'ati: Amategeko yanteye gupfa ku mategeko. Ni yo yasaga n'atungira Yesu urutoke ati: Nguriya

Jevrin 3: 22. P47



umwana w'intama w'Imana. Nuko rero nmaze kumurabukwa, ndamumenya, mmumenye-shejwe na ya mategeko, ndamwakira ndeka ya mategeko yamusuraga.
Nabambanywe na Kristo ariko ndiho

2:20. Fat'uyu murongo wose mu mutwe. Mwene Data, ndasab'Imana ngw iguh'ibigwi by'igitangaza rwose bivugwa mur'uwo murongo. nwa n'amategeko Kristo yaba yam simpindur'Ubusa ubuntu bg'Imana, kuko niba gukiranuka kuza

2:21. Gukiranuka kwemerwa n'Imana s'uk'umuntu yakwiha kubgo gushishikarira gutungana. Ahubgo n'impano y'Imana iduhor'ubuntu. Bigereranye na Ef. 2:8,9. Wakijijwe n'ubuntu kubgo kwizera Ntibyavuye kuri mwe n'impano mo agereranyʼumumaro wo kwizera n'uw'imirimo: 3:1-29.

Abagalatia bemewe n'Imana kubgo kwizera, ikabah'impano z'Umwuka zo gukor'ibitangaza; kandi rero yabemeye bataragir'umutima wo gusheger'amategeko nkahw ari yo yababeshaho. 3:1-5. Ita kur'ibi:

(1) Ukuntu Paulo yababgirije Kristo, bigatuma bamumenya neza rwose. Kubg'imvugo ya gipica yo mu bibgirizwa bye, barebaga Kristo (mu bgenge bgabo), nkahw ar'u-kumurebesh'amaso. Icyaduha natwe tukabgiriza dutyo! 3:1.
(2) 3:4. Imibabaro ivugwa n'iyo kurenganyirizwa Kristo, bazi kw ahagije, ar'u-kwiriye kurenganyirizwa koko w'ingira-mumar'uhebuje.

Aburahamu yemewe n'Imana kubgo kwizera: 3:6,7.

Razumvy, uwub yarorwawe
(1) Aburahamu yizey'iki? Soma witonze: Itang. 15:5,6; Rom. 4:18-22. Yizey'Uw, bimuh
(2) Yemewe n'Imana ataruhij'agir'icy'akora. Rom. 4:9a-11. Nuko Aburahamu niris yemewe n'Imana atarakebga, ni ko n'Abagalatia bashoboraga gukizwa batakebge.

Uwiringira kwizera wese na we yemerwa n'Imana: 3:8-14.

(1) 3:8. Ben'uko kwizera gukiza n'ukuhe? Onger'usome witonze mu NYIGISHO Z'AMAHAME, pp. 24-26; igice cya 16 ngo: KWIZERA N'IMIRIMO, cyane cyane # A,C,D, E,I. Abiringira ben'iyo mimerere y'umutima, mu kigwi cyo kwiringir'imirimo itegetswe n'amategeko, ni bo bemerwa n'Imana.

(2) 3:10. Igituma havuga kw ar'ibivumo, n'uko byanditswe ngo: Havumw'umuntu wese udakomez'amategeko, kand'ari nta wabishobora (Yer. 13:23). Umuntu wese uteg'amakiriro ku mategeko ari mu kaga kukw adashobora kuyakomeza byinonosoye; maze rero ya mategeko amuber'umushinja-cyaha, umuhindur'ikivume aho kumubera umukiza. Arik'uwishingikiriza kuri Kristo akizw'uwo muvumo mu buryo bubiri:

(a) Iy'umuntu yitwaye ku Mana, yizoye koko kand'ababaye, amaraso ya Yesu asa flamwezahu ibyaha byose yigeze gukora (1 Yoh. 1:9). Nubg'uwo muntu ab'atahindutse kamere, Imana iramutsindishiriza imubaraho gukiranuka, ukw adafite by'ukuri. Ben'uko gukiranuka Imana ibara ku muntu kubgo kwizera tugukesh'urupfu rwa Yesu (Gal. 3:13). Uko gukiranuka Imana ibara ku muntu wicujij'ibyaha bye ni ko kumukiz'umuvumo w'amategeko yishe. Ariko rero ntiguhagije; kerets'uwo munt'apfuye akimara kwihana (nk'igisambo cyo ku musaraba)..

(b) Hariho gukiranuka k'ubundi buryo bga 2 kurushijeho kuba kwiza.. Tuguheshwa kubgo kuzuka kwa Yesu. Yesu ntiyaheze mu gituro, ahubgo ni muzima; kandi rero, iy'umuntu asabanye na we mu mutima we, imico ya Yesu iramuhinduza, igasimbura za ngeso za kamere mbi, ni ruto ni ruto, kugez'ubg'uko gukiranuka kwa Yesu nyako gusimbura kwa kundi Imana ibara ku muntu ngo gutwikir ingeso ze zidashyitse. Kubg'ibyo hariho gukiranuka k'ubury 2 kwemerwa

Amahame nshingiro P.61-

n'Imana, tukaba tuguheshwa n'urupfu rwa Yesu n'umuzuko we. Ukwa mbere tugu habga iyo twemeye Yesu h'umucunguzi; ukwa kabiri tuguhabga iyo twomotanye na Umukiza muzima. Mu yandi magambo, hariho:

1. GUKIRANUKA KUBARWA N'IMANA KU MUNTU IYO YICUJIJE, UKO IMANA YAGENEYE GU- TWIKIR'IBYAHA UWO MUNTU YAKOZE N'INGESO ZIDASHYITSE ASIGARANYE, KUMEZE NK'AGATEGANYO.

2. GUKIRANUKA NYAKO KO KUMERA NKA YESU MU NGESO ZISHYITSE. KUGENDA KWIYO- NGERA UK'UMUNTU AJYA MBERE MU KUBAHO KWE KWA GIKRISTO KO GUSHYIKIRANA NA YESU, AVA KU BGIZA ASANGANYWE AKIMUKIR'UBUNDI BURUSHIJEHO KUBA BGIZA. IMIGAMBI YACU UBE GUTUM'UKO GUKIRANUKA NYAKO GUSIMBURA KWA KUNDI KWA MBE IMANA IBARA KURI TWE KW'AGATEGANYO, TUBIHESHEJWE NO KWIHA YESU BURUNDU BURI MWANYA W'UKUBAHO KWACU.

Mu magambo ahiniye hafi, Kristo adukiz'umuvumo w'amategeko iyo tumwicujijeho amaraso ye agatwikir'ibyaha byose twakoze. Ni dukomeza kubana na we, yiyu nga natwe, akaduhindurira gusa nka we, maze kamere yacu ikab'iyo gukomez'am tegeko tutabyihatiye, tugashobor'ikidashoboker'umuntu wes'uharanir'amategeko arikw agafite Yesu. Ng'ubgo uburyo Kristo adukiz'umuvumo w'amategeko.

(3) 3:11 na 3:12 bisa nkaho havug'ibihabanye. Bigereranye:

(i) 3:11 ngo: Nta munt'uzatsindishirizwa n'amategeko ... kuk'ukiranuk'aza sh[illegible]aho no kwizera.
(ii) 3:12 ngo: Uzakomez'amategeko azabeshwaho na yo.

Ni bite? Nta bgo bihabanye. Ibyo tuzi n'ibi:

(i) Kuko, nta wutsindishirizwa n'amategeko, ahubg'amategeko abereyeho kum n'a aramuts'akoz'icyaha; kandi rero bose baragikoze (Rom. 3:23).
(ii) Arikw iy'umuntu amaze kwizera Yesu (kwa kwizera gukiza ko komotana na m urukundo), Imana imuharir'umwenda wose, ikamubabarir'amafuti ye yose
(iii) Noneh'uwo muntu n'akomeza kubeshwaho n'uko kwizera ko gusabana na Yesu azajy'ahabga gukomez'amategeko bitamuruhije na hato, akayakomeza mu ma no mu migirire yo ingaragara. Nuko rero, mu rubanza, ni bahinduki umategeko bati: Mbese mumushinjahw iki? azasubiz'ati: Nta cyo, mumu kako yakomeje yose. Mur'ubgo buryo amategeko azamubeshaho, kuk'uwo ntu azasangwa ahuje na yo mu kubaho kwe.

Paulo agaragaza yukw amategeko atakuyehw isezerano ryayabanjirije: 3:15-29. HAS OSE UHITONDEYE CYANE. N'UMARA KWIYIGISH'IBYO MUR'IYI NGINGO BYOSE WONGER'UHASUBI JBGA KABIRI UHASOME NA NONE.

(1) Aburahamu yasezeranijwe yukw amahanga yose azaherw'umugisha mu rubyaro rwe, we Kristo. Ibyo ni byo byasezeranijwe bivugwa mur'iyi mirongo yose. 3:16.

(2) Isezerano iyo rimaze gukomera, ntiryahinduka hanyuma (3:15). Nuko rero, kwa ib[illegible]yo, amategeko yatanzw'i Sinai hanyuma y'imyaka 430, ntiyarikuyeho, ngw ab'H yo noneho amahanga yose aherwanw umugisha. Imana ntiyahinduye gahunda yayo yic'isezerano yasezeranij'Aburahamu. 3:17.

(3) Paulo agaragaza kw ibyasezeranijwe birut'amategeko: 3:18.

Scanned with CamSc

(4) Paulo asobanur'impamvu yAtumy'amategeko abaho, yukw atariho ngw atuber'umukiza: 3:19.

(i) Ngo: yabayeho hanyuma (yo kuVa mw Egiputa kw'abaheburayo). Byongeye kandi ni hanyuma yo gusezerana kw'Imana isezerana n'Aburahamu.

(ii) Ngo: yabayeho kubg'ibicumuro (by'abaheburayo, bibagiw'Imana n'inama yayo yo kuzabaha Mesia h'Umukiza, maze bakajya bahuza n'abanyegiputa muri byinshi). amate

(iii) Ngo: yabayeho kumar'umwanya runaka gusa, agashira. amategeko mu mitima ye ko yabaye hanyuma kuko abaheburayo bari bafite amategeko yo mu mutima Imana yayo ntuyu bg'ibyaha yabayeho kubg'i... kubibutsa amategeko yabayeho kubg'i

(5) Paulo agaragaz'amategeko avug'ay'ari yo:

(i) N'ayagenewe kurangir'iyo rwa rubyaro rumaze kubonoka: 3:19a. N'ayaho? Kol. 2:14; Ef. 2:15; Heb. 9:10. Som'uk'urwo rubyaro ubgo yayapfobeje amaze kuboneka, n'uko yakomeje aya Dekalogosi: Mat. 5:21,22; 5:27,28. 5:38,39; 5:43,44; 15:1,2,3,19,20.

(ii) N'ayahawe abamaraika ngo bab'ari bo bayashyira Mose (ni we umuhuza uhavugwa). 3:19b. Ariko Dekalogosi, Imana ubgayo ni yo yayihaye Mose bahanganye (Gut. 5:4,5,ff.)

(iii) N'ayashyiriweho kub'umushorera ubageza kuri Kristo (kuko yamusuraga no kumushushanya): 3:24. Wibuke kw ibitambo byaberagaho guh'abo mw Isezerano rya Kera uburyo bgo kwerekana kwizera kwabo, bizeye ko Mesia azaza kubatambirirwa. Icyabatsindishirizaga mu gihe cy'Isezerano rya Kera s'ibitambo batambaga, ahubgo n'umutima babitambanaga. Uwatambaga yizeyo yemerwaga n'Imana, nah'uwabikoraga afit'umutim'udatunganye ntiyemerwaga. Heb. 11:4. Onger'usome Gal. 3:24 noneho, witaye ku magamb'andra.

(6) Paulo asobanur'icyatumy'amategeko akurwaho:

(i) Kristo amaze kuza, abantu ntibaba bagikennye wa mushorera. 3:25.

(ii) Umuntu abarwa n'Imana kw ar'umwana wayo, iy'amaze kwizera ko Yesu amuhagije rwose; ibyo bikaba bihagije byo gutum'umunyabyaha ahinduk'umwana w'Imana atagombye kuba yakwishingikirizamokumategeko yasurage Yesu. 3:26.

(iii) Uwizera Yesu by'ukuri, akomotana na we mu bitekerezo byo kumukunda, agez'ubgo ahinduka nka Yesu ku ngeso, akab'isanga n'ingoyi na Yesu, mbes'akaba MURI Yesu, Imana ni ko kumuhwanya na Yesu, ikavuga ko na w'ubgo abaye rwa rubyaro rwasezeranijwo. Kandi rero ubay'urubyaro aragwa wa murage w'agakiza, atabiteye n'ukoyashishikariy'amategoko nkahw ar'igihembo, ahubgo n'umurage w'ubuntu, uw'ahabga kubga rya sezerano ryasezeranijw'Aburahamu ubgo hari hasigay'imyaka 430 yose, amategeko agatangwa. Noneh'usome 3:21.

(7) Ibindi byo kwitonderwa:

(i) Imyaka 430 yo muri 3:17. N'uguher'igih'Aburahamu yimukiy'i Kanani (akaba yahawe rya sezerano), kugeza umwaka abaheburayo baherew'amategeko i Sinai.



(ii) 3:20 herekana ko Mose atamaze byose, ngw ab'ari we twishingikirizaho.
Mose yar'i Sinai yar'umuhuza gus'uhagararahagati y'Imusumba n'abantu. Y
ntihagijo; ndets'amategeko yahay'abantu yagombye kuyakomora ku wundi, ni
Mana imwe yihagije, yihariy'ubushobozi bgose, itagombye gukomor'iby'itan
ku wundi; nkahw ari yo muhuza gusa igendera hagati y'abantu n'undi uyis

Byongeyo kandi, ryasezerano, Imana yarisezeranij'Aburahamu bahanganye,
nta muhuza uri hagati yayo n'Aburahamu. Kubg'ibyo, iryo sezerano ni ry
rikomeye kurush'amategeko ya Mose.

Indunduro: Mose yar'umuhuza gusa (Gut. 5:5), nahw Imana n'imwe yihariye
ububasha bgose. Kubg'ibyo, uwo kwishingikirizaho si Mose, ahubgo n'Ima
Byongeye kandi, amategeko y'imihango, bisa nkahw Imana yayapfobeje ho ha
kukw itayahay'umuntu wese bahanganye, ahubgo yayahay'abamaraika, na bo b
yaha Mose; naho rero rya sezerano ry'uko abantu bazakizwa na Yesu, Imana
yabonye ko rikomeye cyane, ni ko kurih'Aburahamu bahangany'amaso.

(iii) 3:22. Ibyo mw isi byose byakozweho n'ibyaha, ar'isi ubgayo (kuvumwa kw
kwatumy'ihinduka nabi, nk'i Sodomu n'i Gomora, ntirumbuke neza nka mbere
ar'ibimera (kutamera neza, kutera neza, kumerahw amahwa, etc.); ar'inyam
(zahinduts'inkazi n'inyabgoba); cyangw'abantu (kononekara kwa kamere y'i
kerezo n'imibiri yabo).

Byakingiraniwe hamwe mur'iyi si (Imana ntiyemeye ko Satani abyandurish'
masi), ngo biber'abazira-nenge bo mw ijuru akabarore k'ingaruka mbi y'ib
bgha, kugira ngo batazasigaran'ishiti yukw Imana yarenganije Lusiferi.

Paulo agaragaza k'Ubuturwa Bgiza bga Kristo bgatubatuye mu bureri bg'amategeko
y'imihango: 4:1-7.

(1) Umwana agengwa n'abarezi n'ibisonga kugez'igihe cyategetswe na se (4:1,2
Ni ko n'abantu bahoze barerwa n'amategeko n'imihango bari mu gihe cy'I
sezerano rya Kera (3:23,24). 934 Arikw igihe cyategetswe n'Imana gisohoye,
Yesu aravuka, arapfa, arazuka (4:4,5), atuma ya mategeko y'imihango ashi
ho (3:25). Kuv'ubgo, abantu b'Imana ntibaba bagitwawe n'ayo mategeko,
ahubgo baba mu mudendezo, batagombye kwerekanisha kwizera kwabo gutamba
cyangwa gukomeza'indi mihango yasuraga Kristo. Ubgo bari bamaze "gukura
kubera yukw igihe cyategetswe cyahise, bahinduts'abaragwa. Kubg'ibyo,
ntampamvu yo kwiyambira ku mategeko y'imihango, ahubg'agakiza kabay'umurage
Imana iduher'ubuntu. Uburyo n'Umugisha

(2) Abapagani nabo bagirag'imihango yabo ibaboshye bataramenya'Imana y'ukuri
(4:8). Ariko bamaze kuyimenya, no kwiyiha, babibaturwamo (4:9).

Paulo agayir'Abagalatia ubupfu bgabo bgo gusubira mu bya kera, kandi bari babibat
wemo: 4:8-20.

(1) Bamwe bari bara subiye mu migenz'imwe ya gipagani, abandi bagasubira mu mihang
ya kiyuda: 4:10. Ubusobanuro bg'uwo murongo:

(i) "Muziriri'iminsi"--Ku bayuda n'ukuvuga ya masabato 7 y'imihango.
Ku bapagani n'iminsi yabo mikuru (nka Noeli, Sunday)

(ii) "Amezi" -- Ku bayuda n'ukuvug'imboneko z'ukwezi (Ez. 46:6,7; Yes. 66:22,
Ku bapagani, wibuke ko basengag'ukwezi ku minsi kubonetseho (
7:18; 44:17,25).

bamugirag'Umwabakazi wo mw ijuru umukisima

(iii) "Ibihe" -- ni bya bihe byo mu mwaka byo kuza kw'imbeho (ubg'abagore baririraga Tamuzi) no kugaruka kw'izuba (ubgo barigirirag'ibirori bikomeye mu gihe cya Noeli).

(iv) "Imyaka" -- abayuda bagirag'imyaka y'isabato n'iya yubile. Kuva 23:10,11; Lewi. 25:8-12.

(v) Indunduro: Ibyerekey'abayuda: 1 Ngoma 23:31; 2 Ngoma 31:3. Ibyerekey'ab'iki gihe bavuga yuko Paulo ahinyuz'abakomez'isabato. Nta na rimwe Paulo yavuze yuko Dekalogosi yakuweho ngo turore gukomez'isabato (Rom. 2:13), ahubgo mur'aya magambo yose yandikiy'Abagalatia yagiye yerekeza ku mategeko y'imihango kukw ari yo ba bigisha b'ibinyoma babateyemo bashegeraga. Yavuze yeruye kw amategeko avuga yategetswe hanyuma 3:19 (ariko Dekalogosi yahozeho uhereye mw iremwa ry'isi (It. 2:2,3; It. 26:5; Kuva 16:4; 18:20), kugez'aho urubyariro (Yesu) ruzazira, 3:19 (naho Dekalogosi izahorahw iteka ryose iyi s'ikiriho: Mat. 5:17,18).

Devoir 4:20

(?) Abingingira kuger'ikirenge mu cye, bakitandukanya n'imihango ya kiyuda, kuko na w'ar'umukristo nka bo, kandi bikaba bidakwiriye kw abakristo bagend'ukubiri. 4:12. Abibuts'uko kera bamwumviraga, nubgo yabarushyaga kubg'intege nke z'umubiri n'umuze yagiraga. Mbes'inenge y'umubiri yagiraga n'iyihe?. Ntitubihamya:

(i) Bamwe batekereza kw indwara yavuze (4:13) ari malaria yamufatiye mu bihugu bishyushye biciye bugufi by'aho yabanjirije kubgiriza mw Asi Nto (biri hafi y'inyanja Mediteranea), bati: Iyo ndwara ni yo yatumye Paulo azamuka akerekera mu misozi y'i Galatia (4:13).

(ii) Abandi bati: Iyo ndwara yavuze n'iy'amaso. Bati: Guher'igihe wa mucyo ukaze wamutunguye ari mu nzir'ijy'i Damasiko ukamuhum'amaso, ntiyongeye kureba neza. Bati: Ni cyo cya gishakwe cyo mu mubiri yavugaga (2 Kor. 12:7-9). Ibyo bitekerezo byenda guhura na Gal. 4:15b.

(iii) Ariko birashoboka kw indwara yavuze ari malaria cyangw'indi ndwara runaka, igakubitirwaho n'inenge yo kutagir'amaso mazima, bigatum'abagalatia bamugirir'impuhwe bakifuza kuba bakwinogor'amaso yabo bakayamuha. Gal. 4:15b.

(?) Ibindi byo kwitondera mu gice cya 4:

(i) 4:4. "Igihe gikwiriye." Bigereranye na Dan. 9:25-27 na Luka 3:21,22; 4:1, 14,18,21. Yesu yabatijwe umwaka wahanuwe usohoye rwose, na we yabimenye:
 Mar. 1:9-15a: "Igihe kirasohoye".
 Luka 4:21: "Uyu munsi ibyo byanditswe bisohoye mu matwi yanyu."
 Gal. 4:4: "Igihe gikwiriye gisohoye, Imana yoherez'Umwana wayo.
Yesu yapfuye mu mwaka wahanuwe, amaz'imyaka $3\frac{1}{2}$ amaze kubatizwa; kandi yapfuye ku munsi wa Paska, azuka ku munsi w'imiganura le 16 abib.

(ii) "Atwarwa n'amategeko." Ya yandi yahoz'avuga mur'uru rwandiko y'imihango. Yar'atarakurwaho Yesu atarabambga. Reb'urugero: Luka 2:21-24.

(iii) 4:19. Hagaragaz'umutim'uhagaz'umupastoro-nyakuri agira kubg'abantu ayobora batagenda neza. Wibuk'uko yigeze kuvuga kenshi ati: Sinihagarikir'umutima, kerets'amatorero. Uko ni k'umutima w'umupastoro w'ukuri ukwiriye gutwarwa no kuzirikan'abantu ayobora ku Mwami. Abonongera kuramukwa

(?) Mugani w'Isaka n'Ishimaeli werekan'itandukaniro ry'ububata bg'amategeko n'umudendezo wa Kristo: 4:21-31. Ubusobanuro bg'ibiruhije byo mur'uwo mugani:

(?) 4:23. Ishimaeli yavutse "nkukw iby'umubiri bigenda," i.e., mu buryo busanzwe bga kamere y'abantu. Isaka we yavutse "kubg'isezerano ry'Imana" (kandi bitari gushobokera kamere kuko Aburahamu yashaje na Sara yar'amaze gucura). Rom. 4:19.

Scanned with CamScanner

(2) 4:24. Iby'amasezerano abiri:

(a) Iry'abantu bar'i Sinai bati: "Tuzabikora." (Nkahw ar'ukuvuga bati: Ni twe
tuzabishobora), Kuva 19:1,8.
(b) Iry'Imana iti: "Ni jy'uzabikora." (Yer. 31:31-33. Bigereranye na Yes. 6[...]
21).

Bamaze ku[...]
Iryo sezerano ry'abantu rishingiyo ku mbaraga zabo n'imihati yabo. [...]
mv'amategeko y'Imana bati: Tuzayashobora, nyamara nta wuyashobora ku mbaraga z[...]
ubgo. Iryo sezerano ry'imbura-mbaraga Paulo yarihwanyije n'Ishimaeli, wavuts[...]
mu buryo bga kamere kubg'imbaraga z'umuntu no kubg'ubushake bg'umugab'ubge. H[...]
Nuko rero, kukw Ishimaeli n'iryo sezerano bihwanye mur'uyu mugani wa Paulo,
gari akab'ari we wabyay'Ishimaeli, naho Sinai ikaba yarabyay'iryo sezerano rya[...]
shingiye kuri kamere, ni cyo cyatumye Paulo ahwanye Hagari na Sinai -- kuko bo[...]
mbi babyaye kimwe: ni cyo ikigenda gikurikije kamere.

Noneho Paulo akubitiraho kuzanamw izina ry'umudugudu w'i Yerusalemu yo mu gihe[...]
cye, kuko na yo "yabyaye" ab'imbata (n'ukuvug'abayituyemo, bategekwaga n'abaro[...]
ma babatwaz igitugu). 4:24,25.

(a) Suzum'uko kugereranya kw'inyabutatu:

HAGAR ............ SINAI ............ YERUSAREMU Y'ICYO GIHE
↓ ↓ ↓
ISHIMAELI ............ ISEZERANO RY'ABANTU ............ ABAYUDA

ISHIMAELI (Yavutse kubga kamere no kubga ubushake bg'umuntu).

ISEZERANO RY'ABANTU (Rishingiye ku bushake bga kamere y'abantu)

ABAYUDA (Bari mu bubata bg'abaroma n'amategeko y'imihango yab'itabarika)

Dor'uko yamugereranije[...]
(b) Muri 4:26 Paulo ahindukirir'igitekerezo cya Sara.

SARA ............ YERUSALEMU YO MW IJURU ............ MAMA WA TWESE
↓ ↓ ↙ ↘
ISAKA (4:28) ............ ISEZERANO RY'IMANA ............ KRISTO ............ ABAKRIST[...]

ISAKA (4:28) (Urubyaro rwavutse kubg'imbaraga y'Imana y'indenga-kamere.)

ISEZERANO RY'IMANA (Ridashingiye kuri kamere y'abantu kerotse ku mbaraga y'Imana ishobora gutsinda kamere)

KRISTO (Wavutse mu buryo bg'indenga-kamere kand'akaduKiza kamere yacu mbi)

ABAKRIST[...] (Bakizwa k[...] mere mbi [...] bg'imbarag[a] y'Imana. [...] 29; 4:28)

Byasohoye bite mu gihe cya Paulo[...]
(c) Sobanura 4:29 ukurikij'ibyo haruguru. Abayuda bayyagia barengeway' abakristo
(d) Sobanura 4:30. Byasohoye bite muri 34 A.D. na 70 A.D.

(e) Insunduro: 4:31. "Ntitukir'abana b'inshoreke" bisobanurwa ngo: Ntitukir[...]
al[...]kurikiz'imihango, ngo twibgire yuko tuzatshindishirizwa n'imihati yac[...]
tuti: Mana ibyo wavuse byose TUZABIKORA, n'ubundi dusaruzwe tur'abagabo; [...]
b[...] atunanira. Ahubgo tur'abana b'umugoni, bisobanurwa ngo: Tur'abakurik[...]
[...]bitagenda bikurikije kamere yacu; ahubgo turangamiy'i Yerusalemu yo mw'[...]
[...]juru, aho Yesu aba, ngw ab'ari w'udusohorezahw isezerano ry'ukw azandik[...]
[...]ategeko ye mu mitima yacu, akaducu kuri kamere mbi. [...]ukuy'ibitekerezo[...]
[...]yac'i Yerusalemu ya none aho batamb'ibitambo, bagakob'abato. Tuvuye m[...]

bubata bgabyo ubutazasubiramw ukundi: ntitugihambirwa ku mategeko, ahubgo turi mu mudendezo wa Yesu.

Paulo yihanangiririz'abagalatia kwifat'uko bikwiriye abakristo: 5:1-6:18.

Devoir 5.6.

(1) Abahwiturira guhagarara bashikamye mu mudendezo wa Kristo wo kudahambirwa ku mategeko (5:1).

Ag 1.6; 5:10 = Rom 12:1; gal 2:20; 1 Pi 2:5

(a) Kuko uteg'amakiriro ku mategeko ab'avukije Kristo uburyo bgo kumukiza. Burya nta wukez'abami babiri. Byongeye kandi Yesu abasha gukiza gus'abamwizera kwa kwizera gushingiye ku rukundo rwo kumunambaho rwose no kumukesh'amajyambere y'umwuka yose. 5:2.

(b) Kuk'ushaka gukebga ab'akwiriye no gusohoz'andi mategeko ya Mose yose, nk'ayerekeye ku bitambo byose. Kandi rero, uwatamb'ibitambo yaba yihwanyije n'abayuda banze kwemera Yesu h'umukiza, bakagumya gutamba kugeza 70 A.D., na n'ubu bakaba bagitegereje ko Mesia aza. Mu yandi magambo, umukristo wes'ushaka gukebga kubg'idini, ab'akwiriye no gutamb'ibitambo bisura yuko Mesia ataraza, akihakana Yesu ben'ako kageni. 5:3,4. Amigisho ya gal P 85

(c) Kukw agakiza katar'igihembo dukorera, ahubg'ar'ak'ubuntu turagwa n'umubyeyi twihaye. Ushatse kugakorera rero, ab'ahakany'ubuntu bg'Imana. 5:4. // = actes 19:1- (4 Commandement)

Amahame Shingiro P 171 byerekeye Umubatizo.

(2) Paulo asobanur'aho gukiranuka nyakuri guturuka, 5:5,6.

(a) Gukiranuka kuhavugwa n'ukuhe? N'ugukiranuka kuba mu muntu, kwahindutse kamere ye, kwamubatuye muri kamere yononekaye. (Reba ko Paulo akuvuga ko kuri mu nza-gihe; bakaba bataragushyikira kose).

(b) Umwuka uhavugwa wo kutubatura muri kamere mbi n'uwuhe? Soma witonze 2 Kor. 3:17, witondey'amagambo yose.

(c) Mu ruhande rwacu dukwiriye kwizera. Kwizera kuhavugwa n'ukuhe? S'uku: Yak. 2:19. Ahubgo n'uku! Gal. 5:6. Kwizera gukorera mu rukundo.

(3) 5:9. Iri jambo ngo: "igitubura giko," risesereza kuri bande? ? Abayuda gito

(4) Paulo yerura yukw atigeze kwigish'abantu gukebga: 5:10-12. Abitangahw iki kimenyetso: 5:11. Meny'ibi:

(a) Abamurenganyag'ab'ari bo. Abayuda gito

(b) Icyatumaga bamurenganya. Goreranya 5:11b na 1 Kor. 1:23.

(c) Impamvu yavuz'ibyo muri 5:12.? Kuko bashingikiriza gukebga

(5) Ababurira ngo be kwibgira k'umudendezo wa Kristo ubakura mu rutabi rw'amategeko y'imihango ngo bakubitireho no kwifata nkaho wabakuye no mu rutabi rw'amategeko ya Dekalogosi na yo: 5:13-25.

(a) Igih'usoma 5:13, wibuke kw amategeko ya Mose yagengag'iby'imihango, naho Dekalogosi igeng'ibya KAMERE (kutica, kudasambana, kutabeshya, etc.).

(b) Intandaro yo gutsind'irari rya kamere yononekaye: 5:16. Kuyoborwa n'Umwuka Umwuka uhavugwa ushobora kutubatura muri kamer'iyo: 2 Kor. 3:17.

(c) Ushaka kwigenga, agakurikiza igishinja cya kamere mbi yavukanye, ajy'akora nabi (5:17), amategeko akamushinja, akamuhoza ku nkeke y'umutima, ati: Ntukibe! Ntukabeshye! Ko wasambanye se? Ntugasambane! Agahor'amutwar'atyo.

Scanned with CamSc

(d) 5:18. Uwemera kwiha Kristo burundu ng'umwuka we amutware, abaturwa muri kamore mbi, ni ruto ni ruto (2 Kor. 3:17), kugez'ubg'ab'atacyumva ya mate-geko amutontomer'ati: Ntukagenz'utyo n'utyo! kubora yukw atakibikora (5 Ni ko kuvuga ko atagitwarwa na yo. Bigereranye na 1 Tim. 1:7-10.

(e) Paulo agaragaza k'uteg'amakiriro ku mubiri azapfa burundu nkuko na w'upfa ukabora: 6:8. Umuntu yawubibira mu buryo bubiri: Bigereranye na 1
(i) Kwiha gutegekwa n'irari ryawo (5:24; 1 Pet. 2:11b. (Mwiriindi irari ry'Umubiri kukoriswa ry'ub 5:5). Kugirang'Uwo muntu muhe Satani umubiri wi upimbuke Umwuka we Ubone
(ii) Kwikundira gukebga nkaho byadukiza. Mbes'iyo wihuts'uwo Mwuka Paulo avug'nw'ari wo, kuwubibira bisobanurwa ng iki? N'ukwiha Kristo

(f) Paulo yerur'arundur'ibyo gukebga: 6:11-18. Mu wa 6:17 asa n'uhinyur'abi ratan'inkovu zo gukebga. Inkovu yiratanag'ubgo n'izihe? N'izo gukebga se, ko yakebge koko? n'izo yakubiswe azira Yesu-

Cahunda y'ingingo zivunaguye zo mur'uru rwandiko:

A. Indamutso: 1:1-5.

B. Interuro: 1:6-10. (Abagayira kunamuka kwabo).

C. Aregız'ubutumwa bge kubatekererez'ibyabaye byo mu kubaho kwe: 1:11-2:21.

1. Uko yabuhawe na Yesu ubge, ari nta muntu buntu wabumwigishije.
2. Uk'ubge yahoz'asheger'amategeko y'imihango atarab'umukristo.
3. Uko yagiye mu nama z'i Yerusalemu abibgirijwe n'Imana, n uko byagenz'ageze
4. Uko Petero atar'uwo kwishingikirizaho.

D. Asobanur'iby'imibereho ya Gikristo: 2:17-21.

E. Agereranya umumaro wo kwizera n'uw'imirimo: 3:1-29.

1. Ukw Abagalatia bemewe n'Imana kubgo kwizera bataramenya'ibyo gukebga.
2. Ukw Imana yemeye Aburahamu kubgo kwizera kwo ataruhij'agir'icy'akora.
3. Uk'umuntu wese wiringira kwizera gukorera mu rukundo yemer'a n'Imana, atag gukebga.

F. Paulo agaragaza yukw amategeko atakuyehw isezerano ryayabanjirije: 3:15-29.

G. Agaragaza k'ubutumwa bgiza bga Kristo bgatubatuye mu burezi bg amategeko y'im hango: 4:1-7.

H. Agayir'Abagalatia ubupfu bgo gusubira mu bya kera, kandi bari b bibatuwemo!

I. Umugani w'Isaka n'Ishmaeli: 4:21-31.

J. Yihanangiririz'Abagalatia kwifat'uko bikwiriy'abakristo: 5:1-6 18.

Imirongo y'imena: Gal. 5:4; 2:20. Nabambanywe na Kristo
Mwebge abashaka gutsindishirizwa n'amategeko mutandukanijwe na K

Ihdiko 49.

Urwandiko rw'Abaroma. Devoir

Ingingo zivunaguye zerekey'umudugudu w'i Roma.

a. Wahanzwe n'abagabo b'impanga bitwaga Romulusi na Remusi muri 753 M.K. Romulusi ab'umwami wawo wa mbere, arawiyitirira.
b. Abandi bami 7 bamukurikiraho, bigarurir'imisozi yo hafi. Batwaz'abant'igitugu, bakomeza kurushaho kubakomerera ukw ibihe byahag'ibindi.
c. Bigejeje nko muri 500 M.K., rubanda baragoma, bahanga republika. Umuturage wese ahabg'ijwi ryo gutorany'abategek'igihugu. Republika iyo iramba nk'imyaka 500 yose. Mur'icyo gihe ab'i Roma bagarura mw Italia yose n'ibihugu byose bikikij'inyanja ya Mediteranea.
d. Ubga mbere muri republika iyo, igihugu cyategekwaga n'umutwe w'abajya-nama witwaga Senate, bagafatanya n'aba-bourgmestre 2 batorwaga buri mwaka. Hanyuma hab'amahane hagati ya za parti, bigez'ubg'intambara y'ubupolitike ibatahaho. Amaherez'ubutegetsi bushyirwa mu maboko y'abandi bagabo 3, ukw ari Yuliusi Kaisari na Krassusi na Pompey, ariko bafashije na none na ya nama ya senate.
e. Bukeye Krassusi aratanga, maze Kaisari atsinda Pompey, ab'ari we wenyin'usigara ku butegetsi, asa n'umwami. Yagura republika cyane mu gih'ari ku butegetsi.
f. Bamwe babony'ukunt'akomeye, bibgira kw ashaka kugarur'ubgami, ngo yiharir'ubutegetsi bgose kand'adaheshejw'icyiciro cye n'amajwi ya ba rubanda. 44 M.K. abanzi be bamucur'inkumbi, maz'intambara y'ubupolitike yongera gutera mu gihugu. Amaherezo ubutegetsi bgongera gushyirwa mu maboko y'abagabo 3 (Antoni, Oktaviani na Lepidusi).
g. Na none barahimana, abandi bamaze gushiraho, muri 31 M.K. hasigara Oktaviani gusa. Akomeza kugarur'ibihugu (Egiputa muri 30 M.K.). Bigejeje muri 27 M.K. inama nkuru zimwegurir'ubutegetsi bgose. Hashiz'iminsi 3, yitwa Agusto (wibuke ubusobanuro bg'iryo zina).
h. Kristo yavutse ku ngoma y'uwo, atanga ku ngoma y'uwamuzunguye, ukw ari Tiberio.
i. Gahunda y'abakaisari bo mu gihe cy'Isezerano Rishya:

| | | |
|---|---|---|
| 27 M.K.---14 A.D. | Agusto. | Umwami Yesu yavutse ku ngoma ye. |
| 14 A.D.---37 A.D. | Tiberio. | Kristo abambga ku ngoma ye. |
| 37 A.D.---41 A.D. | Kaiusi Kaligula. | Yategekaga nk'umusazi. |
| 41 A.D.---54 A.D. | Kilaudio. | Ni we wirukany'abayuda bar'i Roma. |
| 54 A.D.---68 A.D. | Nero. | Yar'icyohe. Muri 64 A.D. umur'ir'ukomeye urimbur'umugabane munini w'umurwa w'i Roma. Babonye Nero ahagaze hakurya abyishimiye kand'acuranga bati: Ni we wabikoze. Abiherereza ku bakristo ashaka kwikiza. Akarengane kabageraho, gareza kuri Petero na Paulo nka 68 A.D., barapfa. Mur'uwo mwaka nyine Nero agerageza kwiyahura, arapfa. |
| 68 A.D. | Galuba na Otho na Vitelliusi. | |
| 69 A.D.---79 A.D. | Vespasiani. | I Yerusalemu yarimbuwe ku ngoma ye, 70 A.D. |
| 79 A.D.---81 A.D. | Tito. | |
| 81 A.D.---96 A.D. | Domitiano. | Twibgira ko intumwa Yohana yapfuye ku ngoma y'uw |

Imigambi y'imena yo mur'uru rwandiko:

a. Kumenyesh'abaroma kw abazirikana, akifuza kuzabasura bidatinze.
b. Kubamenyesh'ingingo z'ikubitiro rya mbere z'inama y'agakiza; ni zo z'izi:
(i) Yukw abantu bayobye kuko batitaye ku mitima yab'ibahana.
(ii) Yukw Imana yita ku mutim'uhana, kwurutish'ubgoko cyangw'igihagararo cy'umuntu.
(iii) Aburir'abayuda kutihimbaza bibgira ko barut'abanyamahanga. Asobanura yuko

andiko 50. bose bahinduts'imbata z'ibyaha, atar'abanyamahanga gusa. Kubg'ibyo, nta tandukaniro ry'umuyuda n'umunyamahanga imbere y'Imana, nubgo ryabanje kubah...

(iv) Yerura yuk'umuntu atatsindishirizwa no gukomez'amategeko 10, akayahindur'um... kiza we. Ahubgo Yesu wenyine ni w'ushobora gukiz'umuntu, iy'amwizeye kwa... kwizera ko kumukunda birengutse.

(v) Asobanura yuko Yesu akiz'umuntu mu buryo 2:

(a) Kumutsindishiriza kubg'urupfu rwe, akamubaraho gukiranuka kand'atarab... mukiranutsi.

(b) Kumugabira gukiranuka kwa kamere n'ingeso, abiheshijwe n'ukw ar'umuki... muzima wazutse.

(vi) Aburir'abanyamahanga kutishyira hejuru no gukerens'abayuda, babitewe n'uko Imana yabakuyeho imigambi yayo (abo bavugwa n'abayuda) ya mbere (yo kubag... ubgoko bgayo bgatoranijwe).

3. Ubusobanuro bg'ingingo z'imena zo mur'uru rwandiko rw'Abaroma:

Wite no kur'ibi...

a. Interuro: 1;1-17. Hasome witonze; umeny'ingingo zirimo.

(i) Intandaro yo kumvira no gukiranuka kwemerwa n'Imana: 1:5b,17.

(ii) 1:16. Ubutumwa bgiza n'imbaraga (dunamis) y'Imana.

b. Ubury'abantu bose baguye mu byaha; ar'abanyamahanga cyangw'abayuda. 1:18-3...

(i). Gukiranirwa ko mu banyamahanga: 1:18-32.

(a) Ingaruka yo gushayisha no kugumiriza kwanga gukuri[kiz'ukuri] kand'u... n'ukurekwa n'Imana: 1:24a,26a,28. Icyo cyaha cyitw'icyo gutuk'U... Wera, kukw ar'uguhinyur'ijwi rye rikubgiririza mu mutima, kandi re... gikoz'ib'akoz'icyaha kitababarirwa.

Elena White avug'iby'icyo cyaha ati: "Imana ikora mu mitima y'aba... kubg'Umwuka wayo. Iyo bawanze, bakanga no kumvira gutoteza kwawo... gukor'ibyaha bazi kw ari bibi, kandi babyitumye, bakabigumirizamo... baciy'umuyoboro umwe rukumbi uhabuza n'Imana. Iyo bamaze guhez'... w'Imana buheriheri, nta kind'Imana yashobora kubakorera." D.A. 2...

Baba bakoz'icyaha kitababarirwa.

"Icyakora s'Imana ihumy'amaso y'abantu no kunangir'imitima yabo, ... rimo wayo n'ukuboherereza'umucyo ngo basobanukirwe n'inenge zabo, ... bore mu nzira y'amahoro. Kwang'uwo mucyo ni ko guhumy'amaso ya... kunangir'imitima yabo. Icyakora ntibiba mu kanya gato, ahubgo ... horo buhoro, ni ruto ni ruto, ndetse kenshi nyir uwo mutima bimu... atabizi. Umucyo w'Imana urasir'umutima kubg'Ijambo ryayo, no ... ry'Umwuka Wera ubge. Iy'um... ntu wawo, cyangwa kubg'ijwi rito ... erak'utangira ... mwe w'umucyo wirengagijwe, ugahinyurwa, umutim'uherak'utangira ... nya. Ibyo bigatum'iy'Imana imurikiy'uwo muntu uboga kabiri n'u... tu. umutim'utabimonya neza nka mbere. Mur'ubgo buryo umwijim'u... gu ura kugez'ubgo mu mutima haba n'ijoro." DA 299. Bigereranya... 1:28.

Bamwe bakunda kwibgira yukw imbabazi z'Imana zitagir'aho zigar..., amaraso ya Yesu yabitwikira, ... Nubgo bakomeza gukor'ibyaha nkana, ... ongw ikurik... bababarira. Si ko biri; soma witonze cyan'iyi m...

Abac 16:19,20 Samson Imána yari yamuretse.

Mark 3:27,28 Ubuk: Umwuka wera ntazubabarirwa

51. ~~Ntako mugabane ibyaha byanyu,~~ ~~Ntako muryi~~ yatabishana: kareka'umu
Mat. 3:28,29. 29Ntiba akukor' ibyaha nkana ntagitambo,
Heb. 10:26,27; uzarimbur' inkozi z' ibibi
Yes. 55:6; Yoh. 8:21. Nimushak' Uwiteka bigishoboka kw abonwa.
1 Ngoma 28:3; Yer. 6:8. Emera kwigishwa Yerusalemu we kwigishwa.
Amosi 8:11,12; Imig. 1:24-31; 5:11-13. Ajiwe, kananze kwigishwa ... ni y'ijambo ry na
Nzoteza inzara mu gihugu ... 
Arik'urebe yukw Imana yikubura ku bakoz'icyaha kitababarirwa bakiriho.

Rom. 1:24a,26a,28. Imana yarabataboe

(b) Ingaruka ya kabiri yo gukor'ibyaha nkana igaragara mu mubiri kenshi: Rom. 1:27b; Gal. 6:8a. Bigereranyo na 1 Kor. 5:1,4,5. Urugero:
Ubusambanyi -- imitezi na mburugu.
Kunyw'ibishindisha -- ubgonko n'umwijima bihinduka nabi.

(1) Ubury'abayuda na bo badakwiriye kwigira shyashya: 2:1-29.

(a) Nta mpamvu yo gucir'abanyamahang'urubanza babahinyura, bakabanena, kukw abayuda ubgabo batar'imbonera zera de, ahubgo na bo bakor'ibyaha. 2:1-5.

(b) Imana ntirobanura ku butoni, ikurikij'ibisekuruza cyangw'ubgoko. 2:6-11.

(c) Urugero Imana izazirikana mu rubanza n'umutima w'umuntu: 2:12-16. Ama-
tegeko avugwa mur'iyo mirongo n'aya Dekalogosi cyane cyane. Mu gitabo
Paulo yandikiy'Abagalatia, yahinyuj'abashakaga kwishingikiriza ku mategeko
y'imihango. Mur'uru rwandiko rw'Abaroma, yahwituy'abakristo b'i Roma
bibgiraga yuko kwishingikiriza kuri Dekalogosi byabakiza. Dukurikije 2:
12-16 biragaragara yukw Imana izakiza ndetse n'abapagani, niba bataciy'u-
kubiri n'imitima yab'ibahana. Mu rubanza Imana izazirikan'umuntu wes'u-
kwe, yibuts'aho yavukiye, iby'imibereho ye, igihugu yabagamo, etc., (Zab.
87:6 mu Giswahili cyangw'ikingereza; cyangwa mu runyarwanda usimbuz'iri
jambo ngo: ishyanga iri ngo: umuntu). Imana izacir'umuntu wes'urubanza ru-
ikurikij'umutima w'umuhana. Biragaragara ko bose batazacibg'urubanza ru-
mwe. Uwahawe byinshi azabazwa byinshi; nah'uwahawe bik'azabazwa bike.
Abayobozi ntibazacirw'urubanza ruhwanye n'urw'abo bayobora, ahubgo bazaci-
rw'ururut'iz'abandi (Yak. 3:1). Uzi gukora neza ntabikore ab'akoz'icyaha.
Arik'utabizi ntabikore ntazabihorwa. (Yak. 4:17). Gerereny'ibyo n'iyi
mirongo: Yoh. 9:39-41. Mw ijuru hazabonek'abantu batazi ko Yesu yabapfi-
riye (Zek. 13:6). Bazaba bagejejweyo n'uko bakiranikiy'ibyo bari bazi.
Icy'Imana izatangah'umugabo mu rubanza n'umutima w'umuntu. Ni w'uzamutsi-
ndisha cyangwa se kumutsindishiriza. Imana ntiyita ku gihagararo, cyangwa
icyubahiro cya kavukire cyangw'ikindi kigaragarir'amaso, ahubgo yita ku
buryo umuntu yumvir'umutima w'umuhana. 1 Sam. 16:7.

Uyu murongo ngo: Mat. 21:31 uhuriye hehe n'ibyo tumaze kuvuga haruguru?
Wibuke ko Yesu yavuz'ayo magamb'ayabgir'abapastoro b'abayuda (ni bo bafa-
risayo). Ati: Ikigereranyo cy'umubyeyi watumy' abana be 2.
Abasoresha n'abakoresha b'uburaya bazabatanga mu ijuru.

(d) Ntibihagije kwivuga k'ur'uw'Imana, ukabihakanish'imibereho yawe. 2:17-27.
Wibuke ya magambo yabgiw'umuyobozi wo mw itorero ngo: Ninumv'iby'uvuga
kubg'urusaku rw'iby'ukora.

(e) Umuyuda nyamuyuda womerwa n'Imana uw'ari we: 2:28,29. "Agahimbaz'Imana kava mu mutima." Umuyuda wo mu mutima ni we Umuyuda nyakuri.

Mu gico cya 1:18 kugeza 2:29 amagambo ya Paulo yose yerekeye ku MUTIMA w'umuntu.

1. Iy'umunt'atitaye ku MUTIMA wahabona, akagumiriza gukor'ibyaha by'ibyitumano, bigez'ubg'UMUTIMA we ugw'ikinya, Imana ikamwikuburaho, ikamureka, [illegible] he cyapfuye gihagaze.
2. UMUTIMA uhana ni w'Imana izatangah'umugabo w'umuntu wese mu rubanza.
3. Uw'ubgoko bg'Imana, y'ukuri s'uwakobg'ahagaragara, ahubgo n'uwakebgo mu MUTIMA. Mbesé ben'uko gukebga ko mu mutima gusobanurwa ngw iki?

Paulo asobanur'iby'agaciro k'abayuda bo ku mubiri: 3:1-8.

1. Agaragaz'amahirwe barushij'abanyamahanga, yukw ar'uko:

(i) Batoranirijwe n'Imana kub'umuyoboro wo guhesh'abantu bose kumeny'ubushake bgayo. Ni ko kubabikish'ibyavuzwe na yo (ni byo Byanditswe Byera). 3:2.

(ii) Baheshej'Imana uburyo bgo kugaragaza kw ikiranuka, ar'inyanga-mugayo. 3:3-8. (Wibuke kw Imana isa n'iri mu rubanza imbore y'abo mw ijuru kubgo guca Satani).

A yo magambo yavuzwe ku Mana. Urubanza.

(a) Urubanza ruvugwa muri 3:4b. Amagambo yawe uboneke k'uki[illegible] a n'ucitw

(b) Gukiranirwa kw'abayuda ni ko kwemoz'abo mw ijuru icyah'icy'ari kutibonez'amaherezo y'umurimo wa Satani ku b'Imana yatoranirije ku bagabir'imigish'itarondoreka iyo bayinambaho. 3:5a,7a. Bisa nkahw abayuda babay'umugabo wo guhamya Imana yatoranije mur'urwo rubanza rwo kwiregura.

(c) 3:5b, "Guhanish'umujinya." Wibuk'ibi byitegererezo by'akaba-rore:
   (1) Mu gihe cy'intambara yo mw ijuru, ubg'Imana yacanaga Satani n'abamaraika bagomanye na we.
   (2) Mu gihe cy'umwuzure. (It. 6:5).
   (3) Mu gihe cyo kurimbuka kwa Sodomu n'i Gomora, abaho babay'akahebge.
   (4) Mu gihe cy'intambara yo kunyag'abamori n'abandi banyakanani b'ibinanira-mana, ibagabije mu maboko y'abaheburayo. (Guhera 1406 MK.

(d) Mbose nib'Imana ishaka kugaragara kw ikiranuka, n'iki cyatumy'ihanisha umujiny'ityo? Ntiba yitsindishije? (3:5b). Igisubizo: 3:6.

(e) Sobanukirwa na 3:7,8a. Gerageza kuvumbur'ubusobanuro bg'ayo magambo uhereye kuri context y'ibyo wise byanditswe haruguru.

Paulo agaragaza kw Abayuda batarush'aband'agaciro, KUKO BOSE BIHAYE GUTWARWA N'IRARI RYO GUKOR'IBYAHA, ar'abanyamahanga cyangw'abayuda. Imana yashatse kubarutish'abanyamahanga ikabereresa, ariko barahemuka, baba nk'abapagani bose, nukw Imana irek'imigambi yar'ibafitiye, ibak'agaciro yabageneye. 3:9-20.

1. 3:9. Mbes'iri jambo ngo: TURABARUTA -- abo Paulo abgira ni bande, n'ab'avuga ni bande? a) Abaroma. b) Abayuda n'abagiriki.

2. Asobanur'amendeze yo kwemerwa n'Imana ay'ari yo: 3:19-26.

(i) Yukw atar'ukwiringir'imirimo yo gusohoz'amategeko. 3:19,20. Aberurira yuk'amategeko ar'umushinja-cyaha atar'umukiza, ngo be kuyishingikirizaho. Hasome witonze.

(ii) Yukw ar'ukugukiranuka ko mu mutima kuva ku Mana guheshwa no kwizera Yesu. 3:21-31. Som'iyo mirongo yos'uyitondeye cyane.
   (a) Wiyibuts'ubury'amategeko ya Dekalogosi yerekana imico y'Imana yo gukiranuka. 3:21. Som'INYIGISHO Z'AMAHAME, p.26 #C.
   (b) Wiyibuts'uko kwizera kuvugw'ukw ari ko, n'uko gusobanurwa. 3:22. Kwizera Yesu gushingiye mu rukiz[illegible]

Scanned with CamScanner

(c) Reba ko ben'uko gukiranuka ar'impano y'ubuntu, kukaba kudashing... ku mirimo itungany'umuntu yakora. 3:24.

(d) 3:25 havuga kw Imana yirengagij'ibyaha byakozwe mbere yo gupfa... Yesu. Bisobanurwa mu buryo bubiri:

(1) Kwirengagiz'ibicumuro by'Henoki na Elia na Mose kw'Imana, ... ikabagarukiyana mu ijuru impongano itaraboneka. (Yuda 9a).

Satani na Yesu bapf'intumbi ya Mose - Umwami Imana

(2) Kwirengagiz'ibicumuro by'abaheburayo bimwe, batazi kw ar'i... muro. Urugero: Ibyo gusend'umugore no gucyur'abandi.

i. Mu gihe cy'Isezerano rya Kera Mose yahay'Abaheburay'ubu... nzira bgo kugir'abagore benshi. Ariko yabikozo kubg'i... yab'inangiyo. Mat. 19:8a. Reba ko mur'uwo murongo Ye... ruyo ko uhereye mbere na mbere si kw Imana yabigennye. 19:8b.

ii. Mu yandi magambo, mbere na mbere ntibyar'inama y'Imana... gab'agir'abagore 2 cyangw'abasaga; ariko rero, kuko Mos... byihonganiraga kubg'imitima yab'inangiye, byagez'ubg'ab... bibgiraga kw ar'umugenz'uhuye n'ubushake bg'Imana. Kub... jiji bgabo Imana irabyirengagiza. Arik'uherey'ah'uku... mariye kumvikana, itegek'abantu bose kubyihana. Soma... Ibyak. 17:30 na Rom. 3:25.

(e) Paulo arundur'agaragaza gukw abayuda batabay'abatoni b'Imana... mategeko yababikije, nkaho batsindishirizwa na yo, ahubg'asob... ku abanyamahanga balwany'amahirwe na bo kuko bose bashobora g... shirizwa no kwizera, kandi ben'uko kwizera ntikwagabiw'abayuda... ne. 3:27-31. Ita cyane kuri 3:31 hahimyuz'abaprotestante ba... vuga bati: Nta mpamvu yo kwita ku mategeko 10 kuko bihagije... Yesu. Duhindurz'ubusa amategeko kubgo kwizera. Tuyakomeze

e. Paulo abibutsa gukw inyigisho zerekeye gukiranuka gukomoka ku kwizera ar... kera. 4:1-25. 1876 M.K

1. Aburahamu yatsindishirijwe no kwizera kwe, bitari kubg'imirimo yakoze... Imana imwit'umukiranutsi. 4:1-5.

2. Ben'uko gukiranuk'ukw ari ko: 4:5-8. {Kwizer'utsindishiriz'abanyabyaha / Kumuharwanirizwa no gukiranuka / Hahirw ababariw ibicumuro b...}

3. Ahamya kw ayo mahirwe atagenew'abayuda gusa, kuko yasezeranijw'Abura... tarakebga kand'ataragir'uw'akeb'uw'ari we wese. 4:9-25.

4. Amategeko nta w'akiza, kuko agakiza ar'ak'ubuntu. 4:14-16.

Aburahamu uwo yiringiraga ibitakwiringirwa ngw ab...

i. 4:17. Sobanukirwa n'impamvu y'ayo magambo ukurikije context ikuri... am...

ii. Amahirwe yacu ashingiye ku Mukiza wapfuy'akazuka. 4:25.

f. Amahirw azanwa no gutsindishirizwa no kwizera. 5:1-11.

1. Amahirw'atar'amwe atondagurwa. 5:1-8. Amahirwe, Yesu ubuntu, ...
2. Umurur'uhebuje w'umuzuko wa Yesu. 5:9-11. Bigereranye na 4:25. Yazutiye kugira ngo dutsindishirizwe

nt'Umwe cyaheshej'abantu bose ... bagabaho Ubugingo. 5:18.



yaha n'urupfu bihuriye n'amategeko. 5:12-14.

5:12.

... rwazanywe n'umuntu umwe, rugera kuri bose kuko bose bakoz'ibyaha. Urupfu rwazanywe n'ibyaha nik'urupfu ... bose

... ha byahozo mw isi amategekw ataratangwa (i Sinai), ndets'abahozeho mbere ya ... M.K. bapfuye babizize. 5:13,14. Hariho bamwe batanga 5:13 h'umugabo wo gu-... kw amategeko ya Dekalogosi atahozeho mbere yo "gutangwa" i Sinai. Ibihinyu-... yo gitekerezo:

Context yo hafi: Nta w'icyaha kibarwaho amategekw adahari, nyamara uhereye kur'Adamu ukageza kuri Mose urupfu rwabatwayo bose (baziz'amategeko). 5:13,14.

Context ya kure: It. 20:5; Kuva 16:4; 18:20.

... kumvira kw'Adamu wa mbere gutandukaniye no kumvira kw'Adamu wa kabiri: 5:14b-21.

... itonderwa: Umuntu wa mbere niwe Adamu yabay'ubugingo buzima. Nahw Adamu wanyuma yabay'umwuka utang'ubugingo (Reba 1 Kor. 15:45).

... Adamu yasuraga nde? Mu buryo ki? Amategeko yaje nyuma ngw ibyaha bigwire. Wi-... Sobanukirwa n'ubury'amategeko "yagwijij'ibyaha" amaze gutangw'i Sinai. ... yukw abataz'amategeko yose kubg'ubujiji, bazakor'ibihabanye na yo, batazabi-... niba batazi ko hari amategeko abibuza. Imbere y'Imana baba bakoz'ibyaha, a-... Imana ntiyabibabaraho, kukw ikurikiz'ibizwi n'umutim'uhana w'umuntu wese. ... 4:17; Yoh. 9:39-41; Luka 12:47,48.) Uwahawe byinshi azabazwa byinshi nabyo cuza azahabg'ubuntu bginshi

... kwizera nyako gushingiye ku rukundo kwez'umuntu kukamuhindur'ukundi. 6:1-8:39.

... ibikiz'umuntu no kumwez'akera ni 2: (1) Kwizera k'umunt'ubge; (2) Ubuntu ... Ef. 2:8. Mwakijijwe n'ubuntu kubgo kwizera.

... risto w'ukuri ahabga n'Imana gushushany'urupfu rwa Yesu (kubgo gupfa ku byaha, ... tuy'akabyicuz'akabibabarirwa), no gushushany'umuzuko wa Yesu (kubgo guhinduka ... di rwose, abaye nk'umuzuko ku ngeso nshya, abiheshejwe no kometana n'Umukiza ... akaba MURI we. Soma witonze 6:1-11. Ntibihagije gupfana na Yesu, ahubgo du-... riye no kuzukana na we.

... mu miberoho yacu ya buri munsi: 6:12-23. Ubusobanuro ... erezo yo kubanaho na Yesu ... werekeye mu

6:15: Tureguwa.

Gutwarwa n'amategeko n'ugushinjwa na yo, n'uguhor'utegekwa na yo. Umuntu wazukiye ... bibi, ati: Ntubikore! Ntukibe! Ntugasambane! bityo, bityo. ... yukw ari nta cy'akimushinja.

... ingeso zera ntab'agitegekwa n'amategeko kubera ... (cyane cyane 1:9a).

Gererany'ibyo n'iyi mirongo: 1 Tim. 1:8-10 ... gutwarwa n'impano (y'Imana), ni

Gutwarwa n'ubuntu (bg'Imana) bisobanurwa ngo: ... wo mu by'umwuka (Ef. 5:31,32),

... yo Yesu. Iy'umunt'akunze Yesu, ahinduk'umugore ... Ingeso za Yesu ziramwandura (6:16), maz'a-... akarongorwa na we (2 Kor. 11:2). ... yukw atakigir'ukw amushinja.

... amategekw akamuburah'urutabi kubera ... kwic'amategeko, uko bamwe ... Nta burenga-nzira na buke umurongo wa 6:14 uduha bgo ... 6:15.

... babyigisha. Ndetse context yo hafi irabitwemeza. ... ngw ahinduk'umuntu

... amategekw atwar'umunt'akiriho (atarapfa kuri kamere mbi, ... mu bi-... shya). 7:1-13. Hasome witonze cyane.

(a) 7:1. Umunt'ukiriho agereranya wa "muntu wa kera" wa kamere, ukigendera mu bi-bi byose (6:6).

... gipagani cyangw'abayuda bo

(b) 7:2,3. Umugore agererany'abantu (bo mu madini ya ... Isezerano ryá Kera.) mw itorero ry'Imana ryo kuri gahunda

Umugabo wa 1 wo mur'uwo mugani:
(1) Ku bapagani agereranya Satani.
(2) Ku bayuda agereranya Mose.

Abaroma

Amategeko y'umugabo wa 1:
(1) Ku bapagani agererany'amategeko yerekey'imihango n'imitukiro n'imiziro ya gipagani.
(2) Ku bayuda agererany'amategeko y'imihango (ya Mose).

Umugabo wa 2: 7:4.

(c) 7:4. Gupfa ku mategeko: n'ukuva mu rutabi rwayo, ar'aya kera y'imihango (y[a] Mose cyangw'aya gipagani), ndetse n'aya Dekalogosi na y'arahavugwa. Icyak[o] ntibivuga kudakomeza Dekalogosi keretse "kudatwarwa" na yo. Umaze kumeny[a] tandukaniro ry'ibyo byombi.
Kubg'umubiri wa Kristo: 1 Pet. 2:24; Ef. 2:15; Kol. 1:22.
Kwerer'Imana imbuto: Ntibishoboka niba tutacyuwe na Kristo.

(d) 7:5. Irari rijya ribyutswa n'amategeko iy'abay'agitegek'umuntu wa kamere[,] Ukurikij'akamenyero ka kamero, icy'umuntu abuzwa gukora ni cyo yihutira gu[...]ra. Iy'ubujij'umwana gukor'ikintu runaka, ni bgo yiyumvamo kw ashaka kug[...]ra; n'abakuze bagitwarwa n'umugabo wa mbere ni ko na bo bameze. Bigerera[nya] na 7:7-11.

(e) 7:12,13. Hasesereza ku rubanza rw'Imana na Satani, rwo gutum'abo mw ijuru sobanukirwa n'ubunyo ibyah'ari bibi koko.

(f) 7:6. Dukenny[e] kumera nka Agustino igihe malaya wajyag'asambana na we yash[...] kumwoshya. Ariko Agustino yari yarihannye by'ukuri, ni ko kumwangira. [...] gor'ati: Ariko ni jye, Agustino, ni jye. Und ati: Byab'ari wowe, ariko [...]bikiri jye. Iyo dupfanye na Kristo ku bya kera, tuba tuzukanye na we mu [...]gingo bg'umwuka bushya, butagitwarwa n'amategeko adushinja no kuduhoza ku [...]ke z'umutima. Gal. 2:20. Nabambanywe na Kristo

4. Intambara ya kamere mbi irwany'umwuka wo gukiranuka. 7:14-25. Har'ikosa mu[...] 7:23. Hahindu[w]'utya ngo: "ariko mbon'irindi tegeko ryo mu ngingo zanjye rir[...] itegeko ryo mu mutima, rikampindur'imbata y'itegeko ry'ibyaha ryo mu ngingo za[...]

5. Imibereho mishya y'umwuka mushya y'abari muri Yesu. 8:1-39.

(a) Amahirw'atangaje Imana yageney'abari muri Kristo Yesu, yo gusohorezwabo guk[...]nuka kw'ingeso. 8:1-11.
i. Som'INYIGISHO Z'AMAHAME, p. 18, #D, ngo wiyibutse iby'iri jambo ngo: [...] MURI KRISTO.
ii. 8:10. "Umubiri ub'upfuy'uziz'ibyaha." Ibyo bisesereza ku buhenebere mibi[...]i yacu (nko kurwara, gusaza, etc.) bgatewe n'ingaruka yo gukor'ib[yaha].

(b) Ubury'Umwuka Wera atubatura mu bibi byose. 8:12-30. Ubgoba buhavugwa n'ubgo gushinjwa n'amategeko, butum'umunt'adag[...] (Bigereranye na Yobu 33:10,11).
i. 8:1[5]. Ubgoba buhavugwa n'ubgo gushinjwa n'amategeko, ... mbere y'Imana imuberey'umuca-manza. ... iy'umuntu yihaye kuyoborwa n'Umwuka w'Imana, uwo Mwuka amusohorezaho gu[...] nu[k]a ko mu mutima (8:4), akamuhindur'umwana w'Imana nyir'ingeso nk'iza[...] (8:14). Ni bg'ubgo bgoba bgo gutiny'igitsure cy'Imana bgose bumutamu[...] ho, maz'akareban'Imana urukundo n'ihumure, azi kw ari Se, atar'umuca-m[anza] umaka kumuhor'ibyaha yakoze. (8:15).

rije Iyabahdys ubgiza ROMA



ii. 8:17b. Shakumw ibisesereza ku mumaro urupfu n'umuzuko bya Yesu bitugirira mur'uku kubaho. Ubgiza buhavugwa n'ubuhe? Reba 8:30. Mbes'ubuvugwa muri 8:18a n'ubuhe? Bufit'imimaro y'iki gihe ntigereranywa n'ui
iii. 8:18ff. havug'iby'iherezo rya rwa rubanza rw'Imana na Satani, rwazanywe n'ibirego Satani areg'Imana.
iv. 8:28. HAFATE MU MUTWE. Ariko tuzi yuko kubakund'Imana byo
v. 8:29,30. Turabizirikana ni tugera muri 9:11-18.

(c) Ibyiringiro birumye by'u 'ari mu ruhande rw'Imana, ibahereye Se. 8:31-39.

Ibyerekey'Abayuda. 9:1-11:36.

Agahinda ka Paulo kubgo guhemuka kw'Abayuda: 9:1-5. Gereranу'umutima wa Paulo (9:3) n'uwa Mose (Kuva 32:31,32).

Yihumuriza, yibutse yukw Abayuda bo ku mubiri atari bo bonyin'Imana yagiz'ubgoko bgayo. Ahubg'abisiraeli nyakuri n'abavuka mu buryo bg'indenga-kamere, kubg'isezerano, bagahinduk'ukundi mu mitima yabo. S'ubavutse bakurikije kamere y'umubiri bakishingikiriza ku bisekuruza by'Aburahamu. 9:6-8. Ibi bifitany'isano na Gal. 3:6-9; 4:22-31.

Kugena kw'Imana iherеye mbere na mbere. 9:9-18. Bigereranye na 8:29,30. Mbese ayo magamb'avuga yukw ari nta cyo bimaze k'umuntu yashaka kwiyunga n'Imana ngw Imana yatoranirije gukizwa azakizwa byanze bikunze, nah'uw'Imana yanze iherеye kera kose, ndots'ataravuka, adatezo kujya mbere mu by'umwuka nubgo yabyifuz'ubgahe? Mbese n'ukuvuga yuk'uw'Imuhindur'ukundi, kukw iy'itabimugeneye bitamushobokera? Nta bg'ari byo.

(a) Imana ntabgo yitaye kuri bamwe ngw it'abandi mu kangara-tete. Yoh. 6:37. uzahond'singamwiruka
(1) Nta n'umwe ushak'Imana ngw ahezwe. Yoh. 3:16.
(2) Uwizera Yesu kwa kwizera gukiza wese azakizwa. 1 Tim. 2:4.
(3) Imana ishaka kw abantu bose bakizwa. 2 Pet. 3:9.
(4) Ntishaka ko hagira n'umwe urimbuka. Yoh. 1:12.
(5) Umuntu wese wemera Yosu ashobora guhindurwa mwiza. Ez. 33:11; 18:32.
(6) Imana ntinezezwa no gupfa k'umuntu mubi. Ibyak. 17:30.
(7) Kubg'ibyo itegek'abantu bose kwihana.

(b) Biri mu maboko y'umuntu wese guhitamo Yesu no guhindurwa na we; cyangwa se kumwanga. Nta n'umw'Imana ibigomwa, ahubgo yifuriz'umuntu wese gukizwa. 2 Pet. 3:9. Ariko rero Imana iz'amaherezo y'umuntu wese iherеye kera kose (Yes. 46:9,10), maz'ubgo bumenyi bgo kumeny'ibintu bitaraba bgitwa na Paulo: "gutoranya kw'Imana" cyangwa se "guhamagara kwayo." S'ukw Imana yatoranije no guhamagara bamwe gusa, ngo yirengagiz'abandi. Ahubgo yar'izi yuko bamwe bazita kw ijwi ryayo ribahamagara, ikabon'ukw ibatoranya no kubakiza, bamaze kuyitaba. Maz'uko gutoranya kwayo ikakuvuga nkaho kwabayeho mbere na mbere, ukutariho ikakuit'ukwabayeho, ibitewe na bga bumenyi bgo kumenya byos'iherеye mw itangiriro. Bigereranye na Rom. 4:17b. Imbere y'amaso y'Imana byose biri mu nda-gihe, kukw iroh'ibazaba nkaho biriho.

(c) Nta wuzabura kugera mw ijur'abitewe n'ukw Imana yamwanze, ahubg'uhora mu byaha ni w'uzapfa buheriheri. Ez. 18:20.

ROMA



Reka tugererany'ibyo bitekerezo n'ibyo Paulo yandikiy'Abaroma:

(a) Ngo: "Yakobo naramukunze, nahw Esau naramwanze." Abo bombi bata[...]
yar'[illegible] k'umwe azaba mwiza, und'akaba mubi, ni ko kwiyumvamo k[...]
ikang'undi, nubgo babaye bataravuka. [illegible] rwateye Ya[...]
nayo, ahubgo rwasabye mu mutima w'Imana, ibitewe n'uko yabonye ko [...]
yiber'inkora-mutima. Na none, si rwa rwango rwabujij'Esau kwemerwa, [...]
rwatewe mu mutima w'Imana ubgo yabonaga mu gitekerezo cyayo ko Esau aza[...]
mu. Twibuke kw Imana iz'ibizatubaho byose tutaravuka, maz'uko tuzifat[...]
kayinezeza cyangwa kuyibabaza.

(b) Ubu mmaze kunezez'Imana cyangwa kuyibabaza, mbitewe n'ibyo namaze gukor[...]
ngwa s'ibyo ngambiriye gukora, ndetse n'iby'izi ko nzabikora nkaba ntar[...]
koreza. Ahw ibyanjye bitandukaniye n'ibya Yakobo n'Esau n'ukw ibyanjye[...]
tahanuriw'umuntu wese, nahw iby'abo bahungu bombi byabgiwe nyina batara[...]
kandi har'impamv'ikomeye yatumy'Imana ibivuga:

(1) Yatanze Isaka hw icyitegererezo cyo kutugaragariz'iby'Isezerano rya[...]
ry'agakiza, yuko rishingiye ku mbaraga zayo z'indenga-kamere, bitari[...]
bushake cyangw'imbaraga cyangw'imihati by'umuntu (Gal. 4:23).

(2) Ni cyo cyatumy'Imana yerur'ibya Yakobo na Esau na bo (kukw ari bene[...]
bataravuka, ngo he kubonek'impamvu n'imwe yatum'abantu bibgira yukw[...]
za k'Imana tugaheshwa n'ibyo dukora; kuko dore, yemeye Yakobo atara[...]
agir'icy'akora na kimwe, ndets'ataravuka. Onger'usome 9:11-14.

(c) 9:15. Nta wahatir'Imanakubabarir'umuntu (kubg'umwete we wo kwigaragaza[...]
mwiza, cyangwa kubg'imimuriko myiza igaragarir'amaso, cyangwa s'indi mp[...]
igaragara inyuma ku maso y'abareba). Imana yita ku biri mu mutima, ka[...]
byo biyitera kubabarir'umuntu iyo biyishimishije. Nta yindi mpamvu cy[...]
umuntu wese wayitera kubabarir'umuntu. Nta wayihata, kandi ntawayibuza[...]
umunt'akwiriye kugirirw'impuhwe n'Imana, azazigirirwa na yo nta kabuza.[...]
84:11. Rom. 9:16.

(d) 9:17. Ibyerekeye kuri Farao:

(1) Nubgo Farao yar'ikinanira-mana, Imana yamwemereye ko yim'ingoma. N[...]
ubugoryi bge ni bgo bgatumye kw Imana imwimika. Yar'izi kw abisir[...]
batsinzwe ku ngoma ya Farao mwiza wakundaga Yosefu. Mu cyimbo cy[...]
r'abanyegiputa umucyo, abisiraeli bagaruwe n'umwijima w'ubupagani [...]
mw Egiputa. Imana imaze kubur'uburyo bgo kwiyerekanisha no guhin[...]
nyigisho za gipagani zo mw Egiputa, kubg'ubuhenu bg'abaheburayo, m[...]
hindukirir'icyohe, ngo kib'ari cyo gisohoz'imigambi yayo. (Dusanga[...]
Biblia ibyitegererezo byinshi by'ubury'Imana yakoreshej'ibigoryi n[...]
sohoz'ibyiza byayo bitabizi. Wibuke ko Nebukadinesari na Kuro ba[...]
b'abapagani maz'usom'iyi mirongo: Nebukadinesari Yer. 27:5,6; Yes. 44:28 Kuro. Onger[...]
no mu gitabo cy'UBUSOBANURO BG'IGITABO CYA DANIELI, p.20, Igice cy[...]
ingingo ya B; na p.25 isentens'iheruka.

(2) Ibyaha bya Farao uwo, wazunguye Farao wa wundi wakundaga Yosefu, b[...]
birenz'urukiriro. Imana yar'izi kw adateze gucira kuko yakoz'icy[...]
kitababarirwa, nuk'Umwuka w'Imana aramureka, ab'akahebge. Ni bg[...]
yamusanze, ngw amusabire kurek'abisiraeli bagende. Iyo Farao as[...]
byemora, ukuri kw'Imana yo mw ijuru ntikwari kumenyekana. Nukw [...]

yemera ko Satani akorera mu mutima wa Farao ngw awunangire, yange kw abi-
siraeli bagenda. Ibyo bih'Imana inzira yo kubatez'icyago cya mbere cyo
guhinyuz'inyigisho zabo zo gusenga Nili. Na nono, icyo cyago kimaze kuba,
iyo Farao aherakw arek'abaheburayo, Imana ntiyari kubon'ukw ihinyuz'izindi
nyigisho zabo ziyobye, nko guseng'ibikeri n'izuba, n'imfura y'umwami, etc.
Nukw Imana iborerekera Satani ngw anangir'umutima wa Farao, yange kurekur'
bisiraeli. Mur'ubgo buryo Imana yongera kubon'uburyo bgo kwiyubahiriza m
maso y'abantu bose no guhinyurish'ubuyobe bgabo ibyago. Icyago cyose
cyo muri bya byago 10 cyahinyuj'inyigisho runaka y'abanyegiputa. Iyo
Farao atanangirw'umutima amaze kubarekura, Imana ntiyajyaga kwimenyekani-
sha ku nyanj'itukura mu buryo butangaje bgamamaye mu mahanga yos'ahakiki-
jo (Kuva 14:3,4,17,18). 2 Ingoma 18:18 - 22

Uko Satani yahinduts'Umwuka wibinyoma agashukashuka Ahabu.
Ni kensh'Imana yemerera Satani gukorera mu mitima y'abantu babi ngo baso-
hoz'iby'igambiriye byiza (Rom. 8:28). Wibuk'ukw abayuda banangiw'imiti-
ma Yesu amaze gupfa, bakagoz'ubgo bica Stefano no kurengany'abakristo.
Ariko mur'ako kaga ni mw'Imana yakuy'amendeze yo kwamamaz'ubutumwa hose,
kukw ari ko katatanij'abakristo mu bihugu by'amahanga, nuko bagenda ba-
bgiriz'ibya Yesu hose. (Rom. 11:25,11).

(3) Gereranya Rom. 9:17 n'iyi mirongo: Kuva 9:13-16 (cyan'uwa 15 na 16);
Kuva 10:1,2. Uwa 16 mba nkurimbuye n'ukucira ngo nkwereke imbaraga zanjye n'izina ryanjye ryamamare mu...

Hater' uubruru

(e) 9:18: Ko havuga kw ar'Imana yanangiy'umutima wa Farao? Ndets'ubigereranye
na Kuva 4:21; 9:12. Mbes'Imana iyoby'abantu? Som'amagamb'atangaje yo muri
Yes. 63:17. Kokw Imana ni y'ikomokwaho n'ibibi bimeze bityo? Reba Yes. 45:
None tuvug'iki?

(1) Igisubizo: Mu by'ukuri, ibyiza bisa bitunganye rwose ni byo byonyine biva
mu kuboko kw'Imana. Nta mwijima cyangwa kuyoba biyarangwaho, kukw ari
yo So w'imicyo n'iby'igikundiro bisa. Yak. 1:13-17; 1 Yoh. 1:5.
(2) None se, kw iyo mirongo inyuranyo na Rom. 9:18 n'indi yanditswe mu ngingo
ya (e) haruguru, ni bite? Uko bisobanurwa. Ibabari Uwishaka, ikanangira Umushaka

* – i. Satani ni w'utwaz'abant'igitugu, akabakoresh'ibibi. (Ibyak. 10:38).
Nta ng'ar'Imana. Igakiza abo Satani
– ii. Arik rer'Imana ni yo nyir'ibintu byose, ni y'ibeshaho bose, ndetse
na Satan'ubgo itamuretse. Kubg'ibyo, nta kibaho, ari cyiza cyangwa
kibi, keretse gihaw'uburenga-nzira n'Imana. Icyakora, s'ukw Imana
ishaka ibibi, ariko Satani ntiyakor'ibibi cyangwa kubikoresha nib'a-
tabishojweho n'Imana.
– iii. Uko bisanzwe, ibikorwa ku ngoma y'umwami bijya biherezwa kuri we.
Urugero: Tujya tuvuga ko Nebukadinesari yubats'umurw'ikomeye w'i
Babuloni. Nyamara si we wafash'ibikoreshwa ngo yubake, ahubgo n'ab
kuri bo ku ngoma ye. Ni bo babikoze, bikahererezwa kuri Nebukadine
sari, kukw ari we nyir'ibyaho byose.
iv. Nuko rero, iy'Imana iborerekeye Satani ku mpamvu runaka, (nkuko mbes
Imana yamwemereye gukora kuri Yobu), uwo murimo mubi wa Satani ujy'u
hererezwa ku Mana kenshi muri Biblia, kukw Imana ari nyir'ibintu byo
kand'isumba bose. Suzum'ibi byitegererezo:
 · Ibya Yobu: Soma Yobu 10:8. Nyamara tuzi kw atar'Imana yabikoze,
ahubgo ni Satani wakundiwe n Imana kugirira Yobu nabi, (1:9-2
· Ubundi kandi muri 1:16 ngo: "Umuriro w'Imana wavuye mw ijuru,
utwik'intama n'abagaragu." Ariko ntiwar'uw'Imana. Muri 1:21

Yobu amazo kwamburwa n'abambuzi ati: "Uwiteka ni w'ubintwaye."
mara s'Uwiteka ahubgo n'inkozi z'ibibi (1:15).
Ibya Yesu: Umuhanuzi Yesaya yeretswe Yesu ari ku musaraba, ati: "Ya
biswe n'Imana (53:4). Ariko tuzi kw ar'abayuda n'abaroma bamuk
Ibya Farao: Tuzi kw atar'Imana bgite yanangiy'umutima we, ahubgo ya
rerekeye Satani ngw abikoro yibasiy'Imana, atazi yukw asohoz'imig
yayo myiza yo kwimenyekanisha mu mahanga. Umurong'utwemeza kam
yukw atar'Imana yanangiy'umutima wa Farao: 8:15,32.

✱ (f) 9:19-24. Gererany'ibihanditswe na 9:15. Mur'iyo mirongo yose tubo
bi:

(1) Kw Imana itagengwa n'undi.
(2) Kw ikoresh'abeza n'ababi kwiyubahiriza.

4. Gukiranuwa kw'Abayuda kwatumy'abanyamahanga bahinduk'ubgoko bg'Imana: 9:25-29

5. Icyatumy'abanyamahanga batsindir'ahw abayuda batsindiwe: 9:30-10:21.

(a) 9:32. Ibuye risitaza n'Urutare rugusha bigererany'iki? N'iki cyatumye
iryo Buye risitaza, cyangw'urwo Rutare rugusha?

(b) 10:34. Sobanukirwa neza no gukiranuka kwemerwa n'Imana ukw ari ko, n'uk
itemer'ukw ari ko. Suzum'ibi:

- GUKIRANUKA
  - UKWEMERWA N'IMANA
    - UKW'IBARA KU MUNT'IYO YICUJIJE (Kubabarirw'ibyaha yakoze). TUGUHESHWA N'UKO YESU YAPFUYE
    - UKW'IMANA ISHYIRA MU MUNTU. (Guhindurwa kamere n'ingeso). TUGUHESHWA N'UKO YESU YAZUTSE
  - UKUTEMERWA N'IMANA
    - UK'UMUNTU YIH'UBGE. Yes. 64 (Ashaka kugaragara kw ari mw TUGUHESHWA N'UMWETE WAC'UBGA

(c) 10:6,7. Havug'ibyo kumanurira Kristo kugira ngw abane n'umwihaye. Ur
no kuzuka bya Yesu ni byo bih avugwa mu buryo bgo guhesh'uwizera gukir
k'uburyo bga kabiri (mu kwemerwa n'Imana).

6. Amaherezo meza y'abisiraeli: 11:1-36.

(a) Nubg'Imana yakuy'ibyiringiro kw ishyanga ry'abayuda, ariko ntirakarek
yuda wes'ubge. 11:1-6.
(b) Nubg'abayuda bamwe babay'intore z'Imana, akaga n'uko abenshi binangiy
tima yabo. 11:7-10. 11:8-10 havuga kw Imana yabahumy'amaso no kunang
mitima yabo. Nyamara si yo, ahubg'ibi, ubigereranye n'ibyo kuri p. 5
inginw iheruka ya (a), kw isubi ritangira ngo: "Icyakora s'Imana ihu
so ... ." Bihwanye n'ibyo kuri p. 58, ingingo ya (e).

Scanned with CamSc

(c) Nubg'ishyanga ry'abayuda ryahemukiy'Imana, ikarireka, s'ukuvuga yuko rihabye ubudahabuka. 11:11,12.

(d) Paulo aburir'abakristo b'abanyamahanga, abasobanurira uburyo kugwa kw'abayuda kwabaheshej'amahirwe, ngo be kwihimbaza bakerens'abayuda. 11:11-36. Sobanukirwa n'ingingo zose zo mu mugani zihari. (11,16,18, "igishitsi" kihavugwa n'urufatiro rw'imyizerere y'ishingiro Imana yahay'abayuda).

Ubury'imibereho y'abakijijwe na Yesu imera: 12:1-15:13. Imico yabo ib'iyi:

N'ukumaramaza. 12:1-13. Ita kur'aya magambo avug'ibyo kumaramaza. Hariho n'and

12:1 -- Ibitambo bizima (ibitapfuye, ibitagabanutse, ibitarihw inenge).
12:2 -- Muhinduke rwose.
12:6 -- Duhanure uko kwizera kwacu kungana.
12:7,8 - Iri jambo ngo: umwote ryanditswemo kano mur'iyo mirongo yombi.
12:9 -- Kwang'ibibi urunuka.
12:10 -- Mukundane rwose.
12:11 -- Ku by'umwete, muhirimbane mu mitima.
12:12 -- Musenge mushikamye.
12:13 -- Mushishikarire gucumbikir'abashyitsi.

N'ugutang'icyitegererezo gikwiriye turi kumwe n'abandi, tunesh'ibib'ibyiza. 12:14-21.

N'ukugandukira l'etat. 13:1-7.

N'ugukundana. 13:8-10.

N'ukuba maso, kubg'umunsi w'Umwami, no kwambara Yesu. 13:11-14.

6 N'ukudaciriran'imanza, cyane cyane mu byerekey'imyizerere itari imwe y'abakrist batarakomera (yerekey'imihango ya kiyuda). 14:1-23. Gererany'ibihanditswe ibyo wize muri 1 Kor. 8:1-13; 10:23-33.

7. N'ukwihanganirana no kwemerana batitaye ku bwoko cyangw'ishyanga. 15:1-13.

Ubusobanuro bumwe bw'indunduro. 15:14-33.

Intashyo zitari zimwe, 16:1-27 n'inam'iheruka, 16:17-20.

Intashyo zitari zimwe, 16:1-27 n'inam'iheruka, 16:17-20.

Gahunda y'urwandiko rw'Abaroma mu ngingo zivunaguye:

Interuro.
Ubury'abantu bose bahinduts'inkozi z'ibibi, ar'abanyamahanga cyangw'abayuda.
Paulo asobanur'agaciro k'abayuda.
Paulo asobanur'abanyamahang'amahirwe, kubgo gutoranywa n'Imana.
(a) Ko barushij'abanyamahang'amahirwe, kubgo gutoranywa n'Imana.
(b) Ko batakirush'abandi agaciro kuko bahemutse.
Asobanura yuw inyigisho zo kwishingikiriza ku kwizera mu cyimbo cyo guteg'ama
ku mirimo myiza, atar'inshya y'inzaduka.
Asobanur'umumaro mu kubaho k'umuntu wa ben'uko kwizera.
Asobanur'ahw ibyaha n'urupfu bihuriye n'amategeko.
Asobanur'ahw ibyaha n'urupfu kwatandukanye no kuvira kw'Adamu wa kabiri
Uburyo kutumvira kw'Adamu wa mbere kwatandukanye no kuvira kw'Adamu wa kabiri
Amaherezo yo kubanaho na Yesu mu mibereho y'umuntu.
Ibyerekey'abayuda.
Imibereho y'abakijijwe na Yesu, ukw imera.
Indunduro n'intashyo n'inam'iheruka.

Umurongo w'Imena: 14:23 ahahera: Igikorwa cyose kidakoranywe kwizera kib'ar

rw'Abefeso. Ni rwo rwa mbere Paulo yandits'ar'imboh'i Roma. Izindi zanditsweyo
bafilip., Abakol., na 2 Tim.

1. Soma witonze: p. 7f, #21-24; p. 13, #7. Mw isoma ryawe wite kur'ibi:
i. Context y'ibyamubayeho nw ab'imboho.
ii. Imigambi ye kwandik'uru rwandiko.
Pirurira bishingiye kur'uyu mutwe nawo: UBUMWE MURI KRISTO.

2. Ubusobanuro bg'ingingo z'imena.

a. Indamutso: 1:1,2.

b. Umubiri w'uru rwandiko rurimo'imigaban'ibiri: (1) Inyigisho zerekey'ubumwe mu myizerero no mu mwuka; (2) Inyigisho zerekey'ubumwe mu migirire.

(1) Inyigisho zerekey'ubumwe mu by'umwuka: 1:3-4:16.

(a) Amahirwe Imana yageney'abizera. 1:3-2:10. Ita kur'ibi:

i. Mur'uru rwandiko har'amagamb'aseseroza ku buginoso n'inyigisho za gipagani. Yashake muri 1:8,9,10.
ii. Ubumwe bushyitse buzaboneka ryari? 1:10.
iii. Ubumwe bg'itorero bubonwa no gushyikirana na Yesu. 1:22,23.
iv. Sobanukirwa na 1:13,14. Ubigereranye na 2 Kor. 5:5. Reba p. 37, 2.
v. Umumaro w'urupfu rwa Yesu. 1:7.
Umumaro w'umuzuko we. 1:19,20; 2:1-6. Imbaraga
vi. 2:1. Gupfa kuhavugwa ukw'ari ko: Rom. 7:9 na Ef. 2:5.
2:2. Umwam'utegek'ikirere ni Satani. Ikirere n'ukuvug'ijuru rya
N.i hw imyuka mib'iba. Bigereranye n'ubuginoso.
2:6. Imana ibony'uko tuzagera mw ijuru, isa n'itwicazanya na Yesu
ubu mu bitekerezo byayo, bikayishimisha. Wibuke kw imbere y
mana byose bihora mu nda-gihe, naho byab'ar'ibitaraba.
2:8,9. HAFATE MU MUTWE.

(b) Abayuda n'abanyamahanga bungishijw'ubumwe umusaraba wa Yesu. 2:11-
Gereranya 2:15 na Kol. 2:
Hasome witonze no gusobanukirwa na byose. Gereranya 2:15 na Kol. 2:
na Heb. 9:10. Meny'impamv'amategeko y'imihango yarangiriye ku musar
ba, n'ukw ari nta ho muri Biblia havuga yukw ar'andi mategeko yakuweh
(nka Dekalogosi), kerets'ay'imihango. Kubg'ibyo, aya Dekalogosi n'a
ibyokurya n'ibyo kunywa yahozeho mbere y'i Sinai aracyariho na n'ubu

(c) Ubgiru bg'Imana bgo gukiz'abanyamahanga. 3:1-13.

i. Iyibuts'ibyo wize by'iryo yerekwa byose (p. 13#7b).
ii. 3:5,6. Gererany'iyo mirongo n'ibyo wize by'ubury'Imana yahinduye ibyiringiro (ni ko twabivuga), ibyo yar'ifitiy'abayuda; cyane cyan usobanukirwe na 3:5a.
iii. 3:10,11. Haseseroza ku bo mw ijuru barangamiye rwa rubanza rw'Ima na Satani.
iv. Reb'uko Paulo aseseroza ku ngoyi ze muri 3:1 na 3:13.

(d) Paulo asabir'Abefeso ku Mana. 3:14-21. Reb'uko Paulo abasabir'ik ntu cya ngombga gihebuj'ibindi byose: 3:17. Ni kwa kwizera gushing

ku rukundo, gukorera mu rukundo. Reb'amaherez'atangje yo kugir
ben'urwo rukundo: 3:19. Mur'uwo murongo kandi asesereza kuri
pleroma y'Imana.

(e) Ubumwe mu bizera: 4:1-16.

i. 4:8. Iminyago n'abo Yesu yanyazo Satani, ubgo yabazamuraga
ijuru. Mat. 27:51-53. Yabanje gusubira mw ijuru, maze ku
nsi wa Pentekote ni bgo yahay'abant'impano (z'Umwuka). Ni z
vugwa muri 4:11,12.

ii. 4:9,10. Herur'iby'umurimo ushyitse Yesu yadukoreye kubg'uru
rwe no kuzuka kwe. Iyo Yesu adapfa, tuba duheze. Iy'ataz
na none tuba duheze, kukw iy'atazuka, tutabon'uko dufashwa
ka we, ngw aduhindur'ukundi. Twabarwaho gukiranuka n'Iman
ko ntikwahinduka kamere yacu; kukw ibyo bisohorera ku muntu
iyo yomotanye na Kristo muzima, akamutegahw amakiriro yose,
mutabaza ngw amurengere ageze mu moshya. Duhimbarize Imana
Yesu dusong'ar'uyu ngo: Uwamanutse ni we wazamutse.
Amajuru yose avugwa: n'atatu (2 Kor. 12:2). Havug'ukunt'I
yamwerereje bihebuje. Bigereranye n'ubuginoso.
Gusohoza byose: N'ukuvug'ibyo mu nama y'agakiza; ukw ar'ibi
Gusohoza byose: N'ukuvug'ibyo mu nama y'agakiza; ukw ar'ibi
Kera bumwerekeyeho.

* (1) Ubuhanuzi bgo mw Isezerano rya Kera bumwerekeyeho.

(2) Isezerano rye bgite ryari rifatanye n'ubuhanuzi bgo mw I
rano rya Kera ryo kutwoherei ez'Umwuka Wera ku rugero ru
tse, ngw adukoreremo, aduh'impano zo kurangiz'umurimo w
kiza wo mur'iyi si.

(3) Gusohoza kamere y'Imana mu bantu bamwihaye; (uvugwa ni

iii. 4:11-16. Impano z'Umwuka zagabiw'ab'itorero ngo zirihesh'u
bg'imyizerere n'imirimo n'imvugo; ngw abakristo base na Yes
bagere ku rugero rushyitse rw'iginagararo cye bgite. Mbes
gitangaza? Ongor'usomo 1:4.

(2) Inyigisho zerekey'ubumwe mu migirire. 4:17-6:4.

(a) Nta bumwe abakristo bafitanye n'abapagani, ntibagenda nka bo,
bar'ukubiri rwose. 4:17-24.

(b) Imico irang'umukristo w'ukuri: 4:25-5:21.
4:26. Hariho kurakara kutar'icyaha. Ubuhenebere n'ubuhanya
Umwuka bikwiriye kubabaz'umuntu w'Imana, ndetse hab'ubgo yarak
na byo. Umugabo nyamugabo ntiyakwiyoroshya iy'ageze mu mwany
gukomer'agahagarikir'ukuri n'ibyiza asaikamye. Har'ubgo Yesu
kazwaga no kwinangir'imitima kw'abantu (Mar. 3:5). Ariko re
ben'ubgo burakari bukiranuka ntibgerekor'abantu, ngo duse n'a
ahubgo twang'icyaha kibarimo no kurakarir'umwanzi ubakoresh'ib
butindi.

(c) Mu rugo rw'Abakristo b'ukuri hab'ubumwe 5:22-6:4.

i. Sobanukirwa n'ubgiru bukomeye buvugwa muri 5:31,32.

ii. Amaherezo y'ubgo bgiru aratangaje: 5:25-27.

iii. 6:2. Hagaragaza neza yuko mu mwaka wa 62 A.D., ubgo Paulo
kirag'Abefeso uru rwandiko Dekalogosi yar'icyigishwa n'in
Ntiyarangiriye ku musaraba, nkuko bamwe babyigisha. Ubgo
yigishag'iby'itegeko rya 5 ntiyaburaga kwigisha n'irya 4 n

(d) Ubumwe bg'abagaragu na ba sho-buja: 6:5-9.

c. Indunduro: 6:10-24. Umutima wa kigabo wa Paulo ugaragara neza mur'iyo rongo. Nubgo yar'imboh'ubge ntaragacik'intege. Som'indunduro witonze wisabiye mu mutima ng'uhabge gusohoz'ibyo mur'urwo rwandiko, uzahagarar'u kamye, ukomejwa mu mutima nka Paulo wa kera.

). Gahunda y'ingingo z'imena zo mur'uru rwandiko:

a. Indamutso, n'interuro.
b. Umubiri:
  (1) Inyigisho zerekey'ubumwe mu by'umwuka n'imyizerere.
    i. Amahirw'Imana yageney'abizera.
    ii. Uk'urupfu rwa Yesu rwunz'ubumwe bg'abayuda n'abanyamahanga.
    iii. Ubgiru bg'Imana bgo gukiz'abanyamahanga.
    iv. Paulo abasabira ku Mana.
    v. Ubumwe mu bizera.
  (2) Inyigisho zerekey'ubumwe mu migirire.
    i. Nta bumwe bg'Abakristo n'Abapagani.
    ii. Imico irang'umukristo w'ukuri.
    iii. Ubumwe bgo mu rugo rw'abakristo b'ukuri.
    iv. Ubumwe bg'abagaragu na bashe-buja.
c. Indunduro.

rw'Abafilipi.

. Wiyibutse context y'amatoka y'uru rwandiko (p.6 #19), n'ibyo wamaze kurwigaho p.13 #8.

. Ibyerekey'itorero ry'i Filipi:

a. Ni ryo rya mbere ryo guhanga mu Bulayi.
b. Paulo yabanje kuhabgiriz'ubutumwa ari mu rugendo rwa 2. Yongeye kuhasura ari mu rugendo rwa 3, abana na b'igihe cya Paska (Ibyak. 20:6).
c. Itorero ryaho ryari rifite gahunda y'abakozi, ar'abapastoro n'abadiakoni (
d. Abakristo baho bakomeje kurenganywa mu myaka myinshi. Wibuke kw iryo tore ryavukiye mu karengane nko muri 50 A.D., Paulo na Sila bagashyirwa mu nzu mbohe. Ubgo Paulo yabandikirag'uru rwandiko imyaka isaga 10 yar'imaze ariko bakirenganywa. Bar'abihangana koko.
e. Hari habonets'abantu bake badafataniriza hamwe neza, cyane cyan'abagore 2 reba n'iyi mirongo ibisoserezaho: 1:27; 2:2-4,14-16; 3:15,17.
f. Nta kajambo na kamwe Paulo yanditse ko kubahan'ubusambanyi cyangwa gusubi bupagani. Ku ngeso nyinshi bar'indatwa (4:1a).
g. Abenshi bar'abantu b'urukundo rwinshi, bakundan'ubgabo, kandi bakund'aban Urugero: 2:1,2,26-28; 4:14-16,18. Paulo na we yabakundaga cyane: 1:3, 4:1.
h. Paulo yabihanangirijo ku bintu 3:
  Reba #e haruguru.
  i. Kutirem'ibice. Reba #e haruguru.
  ii. Kutita ku bashegeř'umubiri, bakurikiz'ibisekuruza no gukebga. 3:1-6; 3:17-21.
  iii. Kudakurikiz'ipfa n'irari ry'umubiri. 3:17-21.
i. Amajyambere y'Abafilipi yari meza kand'adakuka no mu karengane, kuko bab na Yesu. Paulo akomeza kumwerereza cyane mur'uru rwandiko: 1:21-24; 2 3:7-14; 4:13.

Soma witonz'urwandiko rw'Abafilipi rwose, urusom'icyarimwe uruhetuye. Igih'uruso-ma wita ku bimaze kwandikwa haruguru, ugerageze kumv'imyerorekeze ya Paulo, no gu-sabana n'umutima war'afit'ubgo yandikag'urwo rwandiko. Imana iguh'umugisha igihe ubikora.

Ibindi byo kwitabgaho byo mur'urwo rwandiko:

a. 1:1. Umwepiskopi n'ijambo ryo mu rugiriki rigirwa r'amagambo 2 ngo: EPI = hejuru SKOPOS = kureba. Umwepiskopi rero n'umuhagarikizi cyangw'umushumba cyangwa se umurinzi. Ni we twita UMUPASTORO. Umudiakoni mu rugiriki risobanurwa ngo: umufasha.

b. 1:4. Ita kuri AIONIOS yo mur'uwo murongo. akihagera ngo n'igihe afitiye.

c. 1:6. N'umurongo w'ihumure rwose ku munt'unamba ku Mana, yiringiye kw izamuno-zahw inenge zose, ikamuhindur'imbonera mu ngeso. Reba kw atar'umurimo umunt'akora Ukukunda

d. 1:9. Gerageza kuvumbur'amagambo abuje n'ibitekerezo by'ubuginoso ho hato. Kuvumbura Ubgenge no kumenya kose

e. 1:12-20. Umutim'utangaje wa Paulo, ar'umukozi w'Imana, ugeragarira mur'iyo mi-rongo. Yisome witonze. Paulo yanze gucik'intege cyangwa gucogozwa n'ikizira icy'ari cyo cyose. Nta nabi yagirirag'abageragezaga kumurwanya mu murimo ngo bikururire w abantu; nta nzika, nta rwango. Uwo ni wo mutima umukozi w'Imana w'ukuri agira. Igitum'adacik'intego cyangwa gushaka kwihorera n'ukw abazi kw ari nta gishobora gukom'umurimo w'Imana mu nkokora; s'umurimo w'ubge, ahubgo n'uw'Imana; kubg'ibyo ntushobora gutsindwa. Bigereranye na Dan. 4:35; Yes. 43:

f. Ibyereke urupfu bivugwa muri 1:21-25, umeny'uko wabisobanura. Bamwe bavuga ko bigaragara k'upfuye aherakw ajya ku Mana mw ijuru; nyamara si ko Paulo yizeraga: 1 Kor. 15:22,23; 1 Tes. 4:13-15. Wibuke k'urupfu rumeze nk'ibitotsi bitarimw inzozi. Iy'umunt'amaze gusinzira, ntameny'ukw amasah'ahita. Ni ko n'urupfu ruzatumerera. Umunt'upfa mw idakika rimwe, nta kind'amenya naho hahit'imyaka ibihumbi. N'azuka bizamubera nkaho yapfuye mw idakika rishize. Wibuk'ibyo i-gih'usoma Fil. 1:23. N'ugupfa agahambga

g. 1:28. Ikimenyetso kivugwa n'icy'imbaraga z'indenge-kamere zizarimbur'inkozi z'ibibi, zigakiz'abihay'Imana burundu.

h. 2:1-11. Umutima w'umukristo nyakuri n'uwo kwiyirengagiza no gushyir'aband'imbere; imaherezo yaw'akaba gushyirwa hejuru. 2:10,11, haseseroza ku maherezo y'u-rubuza Imana irimo. Bigereranye na Yes. 45:23; Ibyah. 5:13, na 1 Kor. 15:24- amavi yose azamupfukamira indimi zose abantu zirahira

i. 2:19-21, na 3:17-21 herekan'ubury'ubudohoke bgari bgatangiye kuboneka mu bizera ndetse no mu bakozi b'Imana bo mu gihe cya Paulo.

j. Ubukristo n'urugendo: 3:12-16. Wita cyane kuri 3:16. Bigereranye na Yes. 2:5 Soma witonze INYIGISHO Z'AMAHAME p.16 #3(b). Ubukristo n'urugendo

k. 4:3. "Uwo dufatanij'umurimo by'ukuri" cyangwa: "Suzugosi." N'izina bgite bg'u mugabo. yari umukuru witorero ry'i Filipi

l. Abagore na b'iyo babay'aba Yesu by'ukuri ntibabura kumukorera, bakamwamamaza. ubund'Uwakiz'ir'ub'arayiganira, uw'ari we wese. 4:3. Ewodia, Sintike. ?

m. Uwa Yesu ahor'akeye, kukw ab'azi ko byose bifataniriza'hamwe kumwungura, a...
byi za, ari n'ibibi. 4:4-7; 1:17,18; Rom. 8:28.

n. Imirongw itangaje: 4:12,13.

o. Amaherezo meza yo gutang'iby'ubuntu, ubikuye mu by'utunzo: 4:15,19. Bige...
na 2 Kor. 8:2. Imana yanjy' izabamar' ubukene

5. Imirongo y'imona kub'uru rwandiko: Filip. 2:5; 4:4; 4:13. Imirongo y'ime...
y'urwandiko rw'Abefeso: Ef. 2:14; 4:3.

-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*-*

Urwandiko Paulo yandikiy'Abakolosayi:

1. Soma witonze p. 14 #9.

2. Iby'umudugudu w'i Kolosayi:

a. Wubatswe nka za km. 150 i burasira-zuba ho mw Efeso, i ruhande rw'umuhanda... Kubg'ibyo bagendwa wavaga mw Efeso, ukajya mu bihugu by'i burasira-zuba. Hanyuma bahindur'umuhanda, bawucish'a... losayi hahoz'ar'umudugud'ukomeye. nukw i Kolosayi harahenebera.

b. Umudugudu w'i Kolosayi uteganye cyane n'i Laodikea n'i Hierapoli. (Hasha... karata no kumeny'aho haherereye). HIERAPOLI n'ijambo ry'urugiriki riso... ngo: Umudugudu w'ingoro. -I Kolosayi har'ingor'ikomeye y'ikigirwa-mana... cyo kubyara bitaga Arutemi (ari we Ishtari, Gran Madri di Dio, etc.).

c. Bisa nkahw abakristo b'i Kolosayi bateraniraga mu rugo rwa Filemoni, arik... kuru w'itorero yabanje kub'Epafura, hanyum'aba Arukipo (Kol. 1:7; 4:17; F...

3. Paulo yabandikiye kubg'akaga k'uburyo 2:

a. Akatewe n'abashoger'imihango y'abayuda.

b. Akatewe n'ubuginoso, katumy'abantu bashaka kwibabaza bibgira ko byabaton... Mana. Byongeyo kandi bisa nkahw izindi nyigisho z'ubuginoso zari zatang... kwinjira mw itorero ryaho, zigatuma bashaka kwererez'abamaraika no gupfo...

4. Iby'ubuginoso Paulo asesorezaho mur'urwo rwandiko rw'Abakolosayi:

a. Imana ntigir'umubiri, ahubg'iba mw ijuru rya 3, i wabo w'umucyo n'ibibung... byose.

b. Harihw imbaraga zimwe zayivuyeho, cyangwa se imyambi y'umucyo imwe irimw... ga. Mur'izo mbaraga z'umucyo, zimwe zijya kure, kand'uko zarushaga kuva... y'umucyo, ni k'umwijima warushaga kugabanur'umucyo n'ubgiza bgazo, zigez'... zizan'ishusho (abamaraika), ndets'izindi zigez'ubgo zizan'umubiri na wo (... Yehova waremy'ibifit'ishusho n'umubiri; na Kristo). Bibgiraga kw ibifit'umubiri byos'ari bibi, ari mu mwijima w'ubukocame.

c. Har'intambara hagati y'umucyo n'umwijima, no hagati y'ibifit'umubiri n'i... fite. Kubg'ibyo bamwe bahakanaga ko Yesu atagirag'umubiri, ahubgo yagir... sho isa n'umubiri. Iyo nyigisho tuyita UBUDOKEO (docetisme). Iyo nyigisho tuyita UBUDOKEO (docetisme).

d. Basengag'abamaraika badafit'umubiri, kuko bibgiraga kw ari bo bahuza b'a... bafit'umubiri n'ishusho; n'Imana idafit'umubiri, ntigire n'ishusho.

Scanned with CamSc...

e. Bibgiraga kw abafit'ubgo bgenge buhishwe bgo gusobanukirwa na gahund'iyo, no kubyizera, ari bo bonyine bashobora gukizwa. Bagabanyag'abantu bose mu migabane 3, ari yo y'iyi:

i. Ab'umwuka (ngo: ni bo bavukany'ubgo bgenge buhishwe).
ii. Ab'ubugingo (ngo: nta bgenge bavukanye, ariko babushimikira baburonka).
iii. Aba kamere cyangwa s'ab'umubiri (ngo: nta bgenge bavukanye, kandi ntibateze kuzabubona).

Iyo migabane 3 ikubiye hamwe bayitaga gahunda ya MIKROKOSMA.
Soma witonze mu RUFATIRO RWO GUSOBANUKIRWA NA BIBLIA, iby'AMADINI Y'UBUCURABGENGE.

Som'urwandiko rw'Abakolosayi uruhetur'icyarimwe, no kwandika liste y'amagambo yose ubonamo asesereza ku buginoso. Wandike n'imirongo y'ahw ayo magamb'abonoka mu Bakol. Ibyo ni devoir; uzabe witeguy'ejo kubitanga.

Ijambo ry'imena rya Paulo mur'uru rwandiko: Kristo ni we Mana, arahagije. Kuko abashegerag'imihango ya kiyuda n'inyigisho z'ubuginoso bashakaga gupfobya Kristo, ni cyo cyatumye Paulo amwerereza cyane no kumwubahiriza, agaragaza kw ahagije rwose ati:

a. Kristo ni we Muremyi wa byose. 1:16.
b. Ni w'uhebuje bose na byose; ni na w'ubibeshaho byos'uko bingana 1:17.
c. Ni we Mana bgite. 1:15. Kuzura kwayo kose kuba muri we. 1:19.
d. Ni we Muhuza w'Imana n'abantu; s'abamaraika. 1:20 (2:18).
e. Ni w'ubgenge bgose bushobora gukiz'abantu babufite bgizimbyemo. 2:3.

Ubusobanuro bg'imirongo zimwe z'imena zo mu rwandiko rw'Kol.:

a. Shak'ibyo Paulo yabandikiye ahereye ku buginoso: 1:9-11.
b. Sobanukirwa kwose na 1:15. Gererany'uwo murongo n'iyi ivuga yukw uri nta wabony'Imana: 1 Tim. 6:16; Yoh. 1:18; 6:46. Ariko se, ko mw Isezerano rya Kera havuga ko bamwe bagiye babonana n'Imana (nk'Aburaham. na Mose), ni bite? Byongeye kandi, wasobanur'uto iyi mirongo 2 ngo:

Kuva 33:20 - Nta warcba mu maso h'Imana ngw abeho.
Kuva 33:11 - Mose n'Imana bavuganaga bahanganye nk'inshuti.. Ni bite?

Igisubizo:

i. Wibuke kw Imana igir'uburyo 3 cyangwa s'amazina 3 y'ubumana bgayo 3: ni yo Data wa Twese, na Yesu Kristo, n'Umwuka Wera.
ii. Muri Yoh. 1:18 na 6:46 herekana kw Imana itabonywe n'abantu ar'Imana Data wa Twese.
iii. Nuko rero, iyo Mose n'abandi bo mw Isezerano rya Kera babonaga s'Imana Data wa Twese. Data wa Twese ntagaragarir'abantu bapfa.
iv. Yesu ni we shusho igaragara ya Data wa Twese utagaragarir'abantu: Kol. 1:15; 2:9 (Heb. 1:3a).
v. Yesu na we n'Imana bgite: Tito 2:13; Yoh. 10:30.
vi. Kubg'ibyo, Imana abantu babonaga si Imana Data wa Twese, ahubgo n'Imana Yesu Kristo. Muri Biblia hamwe na hamwe ahavuga ngo: "Imana," haba havuga Imana Data wa Twese (nko muri Kuva 33:20); ahandi ni Yesu Kristo (nka Kuva 33:11). Imana itigeze kubonwa n'abanyabyaha ni Data wa Twese; iyakagendereye, ikabiyereka ni Yesu.

Scanned with CamSc

Elena White yabisobanuye nez'ati: "Ubg'abantu babonag'Imana ubg'ari bgo bgos ubgiza bgayo bagaragariraga muri Kristo. S'igih'Umukiza yavukiraga mw isi gusa ahubgo mu myaka yose, kuv'ahw abantu bamariye kugwa mu cyaha, muri Kristo ni mw Imana yiyungiye n'abari mw isi. 2 Kor. 5:19. ... Ouhura kose kw'ijuru n'abantu b'abanyabyaha kwabayeho kubga Kristo. Umwana w'Imana ni we wahay'ababyeyi bacu mbere isezerano ryo kuzacungurwa (It. 3:15). Ni we wiyerekag'abahanuzi. Ada na Noa, na Isaka na Yakobo na Mose ... bavuganaga n'Umukiza wajyaga kuzaza mw i akishyirah'umubiri w'umuntu. ... bavuganaga na Kristo ... bahanganye. Kristo yayoboy'Abaheburayo bari mu butayu gusa (1 Kor. 10:4) yihishe mu nkingi y'igicu yabarangazag'imbere, ahubgo ni na we bgite wahay'Abisiraeli amategeko. Mu bgiza heranije butey'ubgoba bgo kuri Sinia, Kristo ni we waranz'amagambo 10 yo mu mate geko ya Se, abantu bose bumva. Ni we wahaye Mose amategeko akorogoshowe ku bis 2 by'amabuye." Patriarchs and Prophets, p.366.

No mu Nama Zigirw'Itorero yongera kubivuga ati: "Ya Mana yagendanaga na Enok yar'Umwami wacu n'Umukiza Yesu Kristo." p. 101 par. 1.

1:15. Yesu yar'imfura mu byaremwe. Ibyo s'ukuvuga ko yaremwe mbere y'ibindi, Yesu ntiyaremwe, ahubgo yabanjirije byose (1:17). Kumwit'imfura ni ko kumuhesh cyubahiro no kugaragaza ko yar'inyamibga mu bandi. Wibuke kw imigambi ya Paul yo mur'uru rwandiko yar'ukwerereza Yesu. Kwit'umunt'imfura s'ukuvuga ko yatan abandi bo mu nzu kuvuka; n'umuhererezi yakwitw'imfura. Birebe muri Zab. 89:20 Aho havuga ko Dawidi yar'imfura, nyamara muri 1 Sam. 16:10-13 hamwit'umuhererez

Nzamuhindur'imfura yanje, asumb'aba

Reb'ukunt'Imana yihutishij'ubutumwa bgiza mu gihe cy'intumwa: 1:23b. Bigerar nye na Ibyah. 6:2. No mu minsi y'imperuka ibanziriz'imperuka rwose ubutumwa b zongera kugara cyane. Mbes'uzab'umwe wo mu maboko y'Imana wo kubgamamazany'im ga n'ubushobozi bg'Umwuka Wera?

Abaginoso bahinyurag'umubiri. Reb'uko Paulo yagiy'agarur'iryo jambo ngo: umub hato na hato, asa n'uryubahiriza ahinyuz'abaginoso: 1:18,22,24.

Abanyamahanga bashogeraga amadini yabo y'ubgiru bishingikirizaga ku bgenge buhi (GNOSIS), babgit'ubgiru. Paulo ahera kur'ibyo bitekerezo, asobanur'ubgiru bg ri ubg'ari bgo: 1:26-29. Nibgo Kristo uri muri mwe

Ita kur'aya magambo yo mu gice cya 1 cyose asesereza ku buginoso:

1:9 - ubgenge bgose, kumenya kose.
1:10 - kumeny'Imana.
1:11 - imbaraga zose.
1:12 - umurage wo mu mucyo.
1:13 - ubutware bg'umwijima.
1:15 - Imana itaboneka.
1:16 - ibiboneka n'ibitaboneka.
1:17 - ubushobozi bgose, ubutware bgose.
1:18 - umubiri.
1:19 - kuzura kw'Imana.
1:22, 24 - umubiri.
1:26,27 - ubgiru bgahishwe.
1:28 - ubgenge bgose.

books
pe/YS

2:2 Bamenye ubgiru bg'Imana
2:3 Muri we niho ubutunzi bgose

2:2,3. Paulo yongera kworur'ubgiru bg'Imana ubg'ari bgo. Wibuke na 1:27. cyane kuri 2:6,7.

yanditswe muri Mishna.

(14) Meny'uburyo Yesu yarukujeho kurubamba ku musaraba. (Mat. 27:51). Nta... muri Biblia hatubgira kw ari Dekalogosi yakuweho, ahubgo hose havuga kw ama... tegeko yarangiriye ku musaraba ar'ay'imihango. Kol. 2:14; Ef. 2:15; Heb.

2:15. Abatware n'abafit'ubushobozi bahavugwa n'abadaimoni ba Satani ndetse na Sat... Bigereranye na Ef. 6:12. Uko Yesu yabanyaze: Ef. 4:8a. Uko yabahemuye... garagaro: Mat. 27:51-53. Ibyo byose byashobotse kubg'umusaraba (Kol. 2:15b). ...Yesu adapfa, abo bose bari guhora mu bituro byabo. Urupfu rwa Yesu ni rwo r... guriy'abantu kubakura mu bubata bgo gupfa buheriheri. Urupfu rwe ni rwo rwatsi... abantu, ntirube rukibaheranye.

2:16. Witondere cyan'uwo'murongo: Nuko rero ntihakagir'ubacir'uru... Ibi'ibyo murya, cyangw'ibyo mu...

"Nuko rero": Ayo magambo yombi yerekez'ibitekerezo ku bimaze kuvugwa, akatugara... kw ibigiye kuvugwa bishingiye ku bimaze kuvugwa. Ni bimwe no kuvuga ngo: "...kubg'ibyo...." Kur'izo mpamvu rero, tuzi ko 2:16 ushingiye kuri 2:14,15.

"...ubacir'urubanza" cyangwa se "kubagaya."

"...ibyo murya cyangw'ibyo munywa." S'ukuvuga ko Paulo yaduhay'uburenga-nzira ...ry'imyanda no kunyw'ibitanyobga, nk'inzoga. Ibyo ntibishoboka, kukw Ijambo ...na ritibuzanya, kandi rero ryerura neza ibyo twarya n'ibyo tutarya (Lew. 11, ...ne cyane 11:46,47); rigaragaza neza n'ibyo tutanywa (Imig. 23:31). Hab'ubg'a... ...ashaka kubihinyuza bati: Kw iby'inyama zanduye n'izitanduye byategetswe na... ...bikandikwa mu mategeko y'imihango (Lew. 11), ayo mategeko akaba yarahambgo ku... ...raba, ...iki gituma mubizirirza? Impamvu n'ukw atari Mose wahanz'amategeko... ...bikwiriye kuribga n'ibikwiriyo kurekwa, ahubgo yarikomo o gusa. Ni nkuko yak... Dekalogosi, ariko ikaba yarahozoho mbere ya Sinai. Mu byerekey'inyama, wibuk... muri 2348 M.K. ari ho Noa yabgiwe n'Imana ubgayo iby'iny maswa zanduye n'izitan... (Itang. 7:1,2). Mose yongeyo kubikomoza gusa muri 1446 M.K.

Muri Biblia dufit'icyitegererezo cy'ubury'abakera bacirag'abakristo urubanza k... kury'ibyiza, badakurikij'imihango yo kubanza kwihumanura: Mat. 15:1-3,17-20.

"Iminsi mikuru." Ni ya yindi y'amasabato 7 (Lew. 23). Bigereranye na Yoh.

"Imboneko z'ukwezi." Wibuke kw abapagani basengag'ukwezi (ngo: n'umugabekazi ...juru bakakugirir'umunsi mukuru uko kwabonekaga buri kwezi. Bisa nahw Imana ...shatse guhuz'abayuda kuri iyo minsi mikuru y'abapagani, ngo be kugir'umwanya wo... bijyamo, cyane cyan'Abami babo (kukw ari bo bayobyag'abantu kenshi); ni ko ku... amategeko y'imihango myinshi bagombaga gukora mur'ibyo bihe by'imboneko z'ukwe... ngo bibabuz'uburyo bgo kujya mu mihango y'abapagani yo guseng'ukwezi. Reba ... 46:1-3,6-8; (Zah. 81:3; Yes. 66:23).

"...amasabato." Reba nawe ko Paulo yabyeruye. Ntarakavug'ati: Isabato, ahubgo ...amasabato. Ni yo ya yindi 7 y'abayuda yasurag'ibyajyaga kuzaza. (Urugero: Pasika yasuraga gutanga kwa Yesu. Ni no kur'uwo munsi Yesu yatanze; Umunsi w... ganura yasuraga kuzuka kwa Yesu, ar'umuganura mu bapfuye. Ni wo Yesu yazutse kandi, awuzuz'atyo; bityo bityo no ku yandi masabato yabo). Nuko rero, Yesu gusohoz'iby'iyo minsi yasuraga, nta mpamvu yo gukomeza kuyihambirwaho. Ariko... kristo bamwe bakomeje kuyiziririza ku bgende bgabo, kuko byabay'akamenyero (cy... cyane mu bayuda bahinduts'abakristo). Abandi barabireka. "Dibaber Antandaro...

1. 2:8,9. Paulo ababurira kudakurikiz'ibya GNOSIS bipfobya Kristo kubera yuko y[...] g'umubiri.

1. 2:12. Yongera kubibutsa yukw imbaraga z'indenga-kamere zazuye Kristo ari zo [...] rera mu mutima w'umuntu wihisha muri Kristo, akazukana na we, ava mu ngeso z[...] Rob'uko guhindurwa kw'imico yacu kubg'imbaraga z'Imana gukurikira kubabarirw[...] ha. Urupfu rwa Yesu ni rwo ruduhesha kubabarirwa, tukabarwaho gukiranuka b[...] teganyo, kugez'ubgo kamere yac'ihindurwa no kubana na Yesu wazutse. Iyo mi[...] yitwa na Paulo: kuba MURI KRISTO. 1:29b. Uko kcmotana na Yesu ni bgo bgiru[...] mane. N'ibintu bitumvikanir'utizera. Dor'uko Paulo yagiy'abikomoza hato [...] to ati: Kristo abe MURI MWE; namwe mube MURI KRISTO: 1:27b, 28b; 2:3,6,7,[...] Umurimo wac'umwe rukumbi dukwiriye gushyirah'umutima wose, n'umweto wose, n'[...] ngesho yose, tukawushishikarira, n'ugutuma duhora turi MURI KRISTO, uko buke[...] ko bgijo. Ibyo tubishoboye, tukabihesh'abandi, ibindi byose bigaragarir'ama[...] by'ishimwe bizishyira byizane. Umurimo w'umukozi w'Imana w'ikubitiro rya mb[...] n'ugushaka ben'iyo mibanire y'isanga n'ingoyi n'Umukiza we. Yamara kuyibona[...] yihesh'abandi.

. 2:14-17. Nta mpamvu yo kwishingikiriza ku bigaragara by'imihango cyangwa so[...] sakramento, kuko bitadukiza. Bury'ibyo byose n'igicucu gusa, nah'umubiri cy[...] iremezo bikaba bifitwe na Kristo.

. 2:14. Ngo: Yesu yakuyeh'urwandiko rw'imihango.

Umubano ukenda 17

(1) Umuhango n'iki? N'umugenzo w'idini ugaragara, usur'iby'umwuka bitagarara[...]

TIZO

Kuri twe n'umubatizo (ubereho kugaragaz'imyifurize y'umuntu ushaka gu[...] kuri kamere ya kera n'ibyaha yajyaga akora, akifuza kuzukir'imico mish[...] cyangwa se n'ifunguro ryera (ubusobanuro bgaryo bukab'ar'ukugaragaz'ub[...] bane bg'umuntu na Yesu, mur'iryo funguro dusa n'abamunywa no kumurya,[...] ka kw atwinjiramo rwose, ngw abe mu mitima yacu no mu nda no mu nging[...] adusabemo hose); cyangwa gushyingirwa (ubusobanuro: na none n'ugusaba[...] Kristo nkuk'umugabo n'umugore we bav'i wabo bagasabana bakab'umubir'u[...] bakabyar'abana b'umubiri n'amaraso byabo (Ef. 5:31,32). Ni ko n'umu[...] wasiz'i wabo w'ibyaha na kamere yononekaye, agasabana na Yesu ab'umwe[...] akabyar'ingeso nziza. Nkuk'umugore atabyih'atabanye n'umugabo, arik[...] ntabashe kubikoma mu nkokora iyo bamaze kubana, ni ko n'ab'itorero (b[...] ranywa n'umugore) batashobora "kubyar" ingeso nziza kubgabo basigaye[...] nyine batabanye na Yesu (ni we mugabo). Ryongeye kandi ni ko badash[...] kubibuza babanye na we. Ubgo ni bgo bgiru bg'Imana butangaje rwose[...] bgo Paulo yavuze mw Ef. 5:31,32. Amahane nshinojwe ya Biblia P16 [...] = Jesus Christ P 666-667

ii. Ku bayuda ba kera imihango ivugwa ni ya yindi yo mu buturo bgera ya[...] Kristo na none. Ahw itandukaniye n'iyacu, n'ukw iyabo yerekezag'ib[...] rezo byab'imbere ku bitaraba, nyamar'iyacu yerekez'ibitekerezo inyu[...] byamaze gusohora, no kubirih'ubu bishobora gusohorera muri tw'ubgacu[...] dusabanye na Yesu.

(2) Imihango Paulo avuga muri 2:14 ni ya yindi ya kera yo gutamba no gutura[...] no kuziririz'ibyo kurya batabanjo kwihumanuro no guhumanur'ibikoreshwa ([...] 9:10; Mar. 7:3,4) no kuziririza ya masabato 7 y'iminsi mikuru n'imboneko[...] kwezi.

(3) Urwandiko rw'imihango: n'ukuvug'amategeko y'imihango, uko yari yanditswe[...] n'icyo Kubara, ari n'aya gita[...] gihe cya kera, ar'ayo mu gitabo cy'Abalewi

⇒ Ibintu bitatu byangombwa #

Scanned with CamSc

3er Trimestre — Timoteo Se yar'Umug[...] nyina yar'Umuyuda iwabo iLusiti[ra]

Inyandiko 71

Inzandiko zombi Paulo yandikiye Timoteyo:

1. Wibuke ko Paulo yabanje guhura na Timoteyo agez'i Lusitira mu rugendo rwe rwa 2.
Paul yahuguranye na Barnaba mu rugendo rwa 1. 45-47 A.D.
a. Som'ibi byerekey'i Lusitira: p.5 #13; p.6 #19 a-c.
b. Som'ibi byerekey'umuryango wa Timoteyo: Ibyak. 16:1-3; 2 Tim. 1:5.
c. Wiyibutse p.8 #22-24; p. 14 #11; p.15 #13.

2. Ubusobanuro bg'amagambo y'ingenzi n'akomeye yo muri 1 Timoteyo:

a. 1:3-11. Yihanangiririza Timoteyo gufash'abakristo b'abayuda bishingikiriza ku nkomoko yabo, ngo n'urubyaro rw'Aburahamu (1:4 na Mat. 3:9), bagahora mu byo gutondagur'amasekuruza yabo no guhinyur'abatakomotse kur'Aburahamu (bigereranye na p. 33, D:(1):(c) na p. 34:(e):(ii). Ben'abo bayuda bashegerag'amasekuruza ni 'bo na none bashegeraga n'amategeko nkaho yabakiza (1:7). Ahinyurish'uko gushegeer'amategeko kw'abakristo kubibutsa yukw amategeko atagenew'abakiranutsi kerets'abanyabyaha (1:8-11. Wiyibutse na AMAHAME, p.30 #C). Meny'uko wasobanurir'umunt'uhinyurish'Isabato kugusomera 1 Tim. 1:9a. Bigaragaza ko bak[...] ga g'Abapostora amategeko yose. Bigereranye na

b. 1:13. Ita kur'iri jambo ngo: kubabarirwa, n'iri ngo: ubujiji. Bigereranye na Ibyak. 17:30. iyo wire ngasijw'ug[...]

c. 1:19 Ita ku mutima uhavugwa. Uhana Wiyibutse p. 51 #(c); p.52 isubi ya 1.

d. 1:20. Wiyibuts'iby'aya magambo ngo: "abo nahaye Satani, kugira ngo babyigireho." Bigereranye na 1 Kor. 5:4,5. Humenao Alekizanderis

e. 2:6. Igihe kihavugwa n'ikihe? 31 A.D.

f. Twize kw i Korinto abagore benshi bashirag'isoni bakab' nkubaganyi, babikomoye cyane cyane ku migenzerezo y'ubupagani. No mw Efeso ni ko hameraga na ho. Wibuke ko har'ubupagani bginshi bgo kubahiriza Arutemi. Wibuke kandi ko mu bitekerezo by'Abefeso b'abapagani, Arutemi yar'imana-kazi. Ni wo bitego GRAN MADRE DI DIO. Kuko bererezag'iyo mana yabo y' ingoro (nko: Arutemi y'Abefeso irakomeye! Ibyak. 19:34); nuko abagore baho bakurizahw imendozo yo kwigir'ibishegabo, bashaka kwiutish'abagabo, bakibonabona, bakifuza kwireherezahw amaso ya rubanda kubgo kwiimbishish'imyambaro y'igiciro cyinshi cyane, no kwitakaho ibintu by'umurimo bginshi. Ni cyo cyatumye Paulo yandika 2:9-15.

i. Natwe, abagabo n'abagore b'iki gihe, twigireho kutirimbishiriza ngo twishyire mu maso y'abantu (nko kwambar'amataratara tutayakeneye, etc.) Ahubg'umukristo wese yihanangiririzwa kwirimbishish'ingeso nziza (2:10). Umutima wose wo kwihimbaza no gushaka kwikururirahw amaso y'abantu uhabanye n'uwa Lusiferi. Soma: Ezek. 28:13,17.
Yesu, kukw ar'umu 21
ii. Paulo atang'impamvu 2 zatuma'umugore atishyira hejuru, akarutish'umugabo: abagabo gutwaz'abag[...]
iii. Icyakora twe kwibgira ko Paulo yahay'abagab'uburenganzira bgo gutwaza w'igihugu no kuringitugu no kubakerensa. Umugore ntiyaherew'umugabo gutwa w'igihugu no kur[...] merer wa. Yaremwe mw igufkwa ryo mu mbavu, kugaragaza kw ahwany'agaciro n'ut[...] mugabo imbere y'Imana. Ntiyaremwe mw igufka ryo mu mutwe ngw ab'ari w'imbere gok'umugabo, bongeye kandi ntiyaremwe mw igufka ryo mu kirenge ngw ab'umutim[...] y'umugabo wo. Ahubgo yaremwe mw igufka ryo mu mbavu, ahatoganye n'umutima ngo bihore bitwibutsa ko duhwany'agaciro imbere y'Imana, tukaba dukwiriye kundana no kubahana. 1. Adamu niwe wabanje kuremwa
2. Umugore niwe wayobejwe

kwivovotwa na ba bandi basheger'imihango ya Mose, bakabacir'urubanza. Iby
Paulo yangaga, akabibuza muri Kol. 2:14-16.

2:17. Uyu murongo ni wo werura rwos'ubusobanuro bg'ibyo mu wa 2:16. Ntibish
kw amasabato ahavugwa ab'iy'umunsi wa 7, kukw itagir'icy'isura cy'ibizaba ngw
cucu cyabyo, ahubgo yerekez'ibitekerez'ibitekerezo byac'inyuma ku kuremwa kw'is
Ahubg'ibyo muri 2:16 byose byar'igicucu cy'ibizaba, cyangwa s'ibishushanyo by
ga kuzaba. Mu yandi magambo, byagereranyag'ibyajyaga kuzaba, cyano cyane bye
ga kuri Kristo (Gal. 3:24), no ku mubiri wo wajyaga kuzicwa (Paska) no kuzurwa
y'imiganura) no kuzamurwa mw ijuru ng'uduhesh'Umwuka Wera (Pentekote). Nukw
byose bimaze gusohorera ku mubiri wa Kristo, ya mihango yabisuraga ishiraho.
24,25; Kol. 2:17.

Soma witonze: INYIGISHO Z'AMAHAME, p.29f, #A yose.

2:18-23. Paulo ababurira kuzibukir'inyigisho z'ubuginoso zitum'abantu baseng
ika no kwibabaza umubiri. Ibyo kwigomwa babifatanyagа n'imihango ya Mose yo
'ibyo kurya byiza, iyo batabanje kwihumanura.

1. Useng'ikindi kitari Yesu, akakimurutisha, ab'agihinduy'ikigirwa-mana cye,
kanya na Kristo; urugero:

i. Abasheger'imirimo bakayihindur'umukiza wabo: Gal. 5:4. (Iwabo'abo gutsindishw...)
ii. Abaseng'abamaraika: Kol. 2:18,19a.
iii. Abarutish'ikind'Imana icy'ari cyo cyose (nk'ubutunzi: Mat. 6:24; cyang
kurya, bakab'ibisambo ntibitegeke, ahubgo bakih'ipfa ry'inda: Fil. 3:19

Reba kw amaherezo y'abo bose n'ukwitandukanya na Yesu (Gal. 5:4 ngo: "mut
jwe na Kristo;" Kol. 2:19 ngo: "n'ukutifatanya na wa Mutwe;" Mat. 6:24 ngo
ma kur'umwe agasuzugur'undi." Fil. 3:18 ngo: "N'abanzi b'umusaraba."

2. 2:21. "Ngo: Ntugafateho, ntugasogongereho," kand'ar'ibyiza byemerwa n'ijam
mana. Icyatumaga bavuga batyo n'uko babiziririzaga kubg'imihango yabo ita
mvu nyayo. Soma witonze 1 Tim. 4:1-5 witaye cyane cyane ku murongo wa 3
Kandi ugereranye Kol. 2:22 na Mat. 15:17,18-20 na Mar. 7:18,19[1]. (Reba k
yaziruy'ibyo kurya byose; ntarakazirur'ibitaribga).

3:1-11. Paulo yihanangiririz'Abakolosayi gushyir'ibitekerezo byabo kuri Kri
ikura hasi ku by'isi, ukw ar'ibi ngo:

1. Ingeso za kamere yononekaye, ni zo za wa "muntu wa kera." 3:5-10.
2. Kwirem'ibice bahereye ku bgoko cyangw'icyubahiro cyangw'icyiciro cy'umunt
Paulo yabonye kw akwiriye kubahan'ibyo, kuko n'ubundi ubuginoso bgatumag
birem'ibice, bakurikije mikrokosmu. Ubundi bupagani bugatuma bagir'ingeso

Paulo asobanur'uburyo kwiyunga na Kristo gukiz'ingeso za kamere mbi, kugakiz
3:12-25. (1) Iby'ingeso nshya za kamere nshya: 3:12-17. (2) Iby'ubumwe bg
bice: 3:18-4:1. Ubumwe mu rugo: 3:18-21; Ubumwe bg'abakorer'abandi n'aba
3:22-4:1.

Indunduro; n'intashyo: 4:2-18. Mony'iby'aba: (1) Tukiko - 4:7; (2) Onesimo
(3) Mariko - 4:10 ; (4) Barnaba - 4:10; (5) Epafura - 4:12.
...bes'umurongo wa 4:16 utugaragariz'iki cyerekey'inzandiko za Paulo? Sobanuk
magambo aheruka yanditswe hepfo ya 4:18 na 4:18 ubgabo. Umurongo w'imena
Imana yashimye ko kuzura kwayo kose kuba muri we" (Kristo).

Scanned with CamSc

Mu mwanzi wacu Umugore ntabaho hatariho umugabo.



(a) 1 Kor. 11:11; Gal. 3:27,28. Nti hakiriho umugabo cyangwa umugore
(b) Ubupagani ni bgo bushyir'itandukaniro rikomeye hagati y'abagabo n'aba... ariko Kristo atuma bahuz'ibitekerezo n'agaciro, umugore n'umugabo bak... mwe. Soma witonze Ef. 2:14, ubyerekeje kur'ibi tumaze kuvuga. ...dahinduye 2. kub'umwe.

iv. Paulo amaze gusa n'ucish'abagore bo mw Efeso bugufi hohato (2:13,14) kubg... shegabo bgabo, arabahumuriza: 2:15. ? Nta wukwiriye guhwitur'undi amuhana... yirengagize no kumuhumuriza no kumwonger'agatege. Umurimo w'umupastoro... s'uwo kurandur'ibibi gusa; ahubg'akwiriye kurandura no gutera na ko. Ase... ariko kandi ye kwibagirwa no kubaka. Ntitwahamagariwe kurandura no guse... bi gusa, ahubgo dukwiriye gukubitiraho no guhumuriza no gutum'abantu buba... bagakurira mu ngeso nziza. Ni tugush'ibibi ntitukabure no kubyuts'ibyiz... Soma: Yer. 1:10. Kurandura no gutera kubaka no gusenya.

v. Indunduro y'ibyo kwiyubaha no kwih'agaciro keza k'abagore: Ef. 5:22; Tit... 1 Pet. 3:1-6.. Mu ruhande rw'abagabo bimere bite? 1 Pet. 3:7. Ita cya... kur'iri jambo ryo mur'uwo murongo ngo: MUBUBAHE. Ef. 5:25,28. → Ni...

...byerekey'abapastoro n'abakuru b'itorero: 3:1-16 Ubisom'ubyitayeho cyane wi... ...e n'ibishakwa ku mukozi w'Imana byose.

...:1-5. Ubuhanuzi busobanur'uk'ubuyobe buzaza mw itorero ry'Imana. Kugira ng'... ...rufatiro rwiza rwo gusobanukirwa n'iyo mirongo, ubanz'usome witonze rwose: Ubu... ...uro bga Danieli, p.34, uhereye kw isubi ya mbere, ...zi ngingo ngo: 1-7.

...isa nkaho mw Efeso amendeze y'ubuyobe yar'amaze kubonekа mu gihe cya Paulo, I... ...kamuha kumenya hakiri kare yuko mw Efeso ari ho hajyaga kuzakomok'abantu basha... ...hyir'inyigisho z'abadaimoni mw itorero (ni zo z'ubupagani). Gererany'ibi:

1) Ibyo mu Byak. 20:28-31 Paulo yabibgiy'abakuru b'itorero ryo mw Efeso.
2) Ibyo muri 1 Tim. 4:1-5 yabyandikiye Timoteyo war'umupastoro w'itorero ryo ...
3) Urwandiko rwose rwandikiw'Abefeso rubahana kutirem'ibice mu byo bizeye no ... bakora, ahubgo ngo bagir'ubumwe bg'imyizerere n'imigirire. Soma Ef. 4:5 ... kur'aya magambo ngo: Umwami umwe (wibuk'ukw idini rya gipolitike ryatumag'... baseng'umwami bakamwit'Imana, n'ubury'ibyo byatumy'umukuru w'itorero ry'I... shyira hejuru ngw ab'umwami akiyit'Imana); n'iri ngo: kwizera kumwe (kwize... nshi kwaduose mu Bakristo ubgo batangiraga guteshuk ukuri bakazan'inyigish... pagani mw itorero) Wito no kur'iri ngo: Umubatizo umwe. Wiz'ubury'imibat... bapagani no gutonyanza yinjiye mu Bakristo.
4) Dusanga ku inyigisho za mbere zo kubahiriza Mariya no kumurutisha Yesu n'Ij... ry'Imana, zakomotse ku nyigisho z'abasengaga Arutemi, byongeye kandi zaban... dukira mw itorero ryo mw Efeso. Wiyibuts'ibyo kuri p.27, #(iv) kugeza p.28

...usesengura 4 1-5:

1) 4:1. "Inyigisho z'abadaimoni" cyangwa se iza gipagani. Reba 1 Kor. 10:2... buke ukw inyigisho z'ubupagani zinjiye mw itorero, umenye n'ibyitegererezo... uhereye ku byo wize mu RUFATIRO RWO GUSOBANUKIRWA NA BIBLIA byerekey'amadi... bgiru n'aya gipolitike n'ay'ubuginoso.

2) 4:2. "Inkovu z'ibyaha." Ayo magamb'uyasimbuz'aya ngo: "ibisebe by'ibyaha"

3) 4:3. "Babiririz'ibyo kurya." Sobanukirwa n'iri jambo ngo: IBYO KURYA. ... byinshi abantu bit'ibyo kurya nyamara s'ibyo kurya (nk'imbeba n'ingurube.)

Scanned with CamSc...

Ibyo s'ibyo kurya, ahubgo n'ibitaribga. Kukw abantu bary'inzoka, ibyo ntibi
hindur'ibyo kurya imbere y'Imana. Benshi banyw'inzoga n'ibindi bishindisha
kabyit'ibyo kunywa. Nyamara s'ibyo kunywa haba na gato, ahubgo n'ibitanyobg
Muri Biblia ahavuga ngo: ibyo kurya n'ibyo kunywa ntihaba havug'iby'abantu ba
barya bakanywa bakabyit'ibyo kurya n'ibyo kunywa. Ahubgo muri Biblia n'Imana
ivuga, kand'ivug'ibyo yaremey'abantu kuribga no kunyobga. Ibyo bitung'umubi
byiza (uko byerurwa muri Lewi 11 -- reba Lewi 11:46,47 -- no mu Migani 23:31)
byo bisa Imana yita IBYO KURYA N'IBYO KUNYWA.

Kuziririz'ibyo kurya kuvugwa muri 1 Tim. 4:3 s'ukuziririz'ingurube n'itindi bi
manye kuko bitar'IBYO KURYA. Ahubgo Paulo yahora kumenya yuko hazaduk'abantu
yit'abakristo baziririz'ibibonoyo byagenew'abantu KURIBGA; nkuko mbese mu gihe
Paulo abayuda bamwe baziririzag'ibyo kurya byiza nyir'izina batabanje kujabik
ntoke, etc. (Mar. 7:3,4).

Wibuke k'ubuginoso bgatumag'abantu bigomwa, bababaz'imibiri yabo; ngo ni mibi
ngo ni y'ibatandukanya n'Imana. Ni ko kwigomw'ibyo kurya mu bihe runaka, ng
bibabaz'imibiri yabo. Dusanga yuko bon'uwo mutima watangiye mu gihe cya Paul
kwisesetsa mu bakristo, Paulo ni ko kubahana kutabijyamo: Kol. 2:23. Na Ti
teyo ubge bisa naho yatangiye gukurikiz'izo nyigisho zo kwibabaz'umubiri zitw
ASCETICISME, ntagir'icy'anywa kerets'amazi masa, akananuka, akarwara mu nda.
cyo cyatumye Paulo amwandikira 1 Tim. 5:23 na 4:7,8a, anamuburira yuko mu mi
yar'ibar'imbere, izo nyigisho izab'akarande mu bakristo benshi bayobejwe n'ub
pagani, bakamer'inyigisho z'abadaimoni (4:3).

Iryo jambo rye ryarasohoye, kuko na n'ubu itorero gatolika rifit'itegeko rizi
ririz'inyama iz'ari zo zose ku munsi wa gatandatu, inziza zaremewe kuribga na
zirimo. Mu Mbonera-Rugo y'Abakristo, p.163 ngo: Itegeko rya gatandatu rya Ki
liziya rituburz'iki? Itegeko rya gatandatu rya Kiliziya: "Ntuzary'inyama ku
minsi zabujijwe." Natwe turibaza tuti: Zabujijwe na nde nib'ar'inyama zibo
Ni Biblia yazibujije se? Nta murongo n'umwe ubivuga; ahubgo byakomotse mu ny
gisho za ASCETICISME zakomotse mu Buginoso.

(5) 4:4. "Iby'Imana yaremye byose ni byiza, ntiharimw icyo gutabga." None se, tu
ibikeri, inzoka, ingurube, turye n'uburozi kuko byos'ari byiza, hakaba hatari
icyo gutabga? Mbese ni byo Paulo yashatse kutubgira? Haba na gato.

Iteka ryose ntituburе kwita kuri context, ar'iya kure n'iyo hafi. Ubuyobe bg
nshi bgadukiye mw itorero kubgo kwirengagiza context, bagahang'inyigisho bazi
ngiye ku kajambo kamwe cyangw'umurongo umwe batitaye kuri context. Tyo tuzi
ngiye ku kajambo magambo twatangiye gusesengura. Uwo murongo wa 4 bgite uhin
ne context y'ayo magambo twatangiye gusesengura. Uwo murongo wa 4 bgite uhin
igitekerezo cyo kwibgira yuko twakoza mu kanwa imyanda yose tubonye. Biragara
ra kw aya magambo ngo: "Iby'Imana yaremye byose ni byiza" ar'ay'ikigombero.
cyo kigombero kigaragarira kur'iri jambo ngo: IYO (ngo: iyo byakiranyw'ishimwe)
Iryo jambo ngo IYO ni rimwe na NIBA, kandi ryerekan'ikigombero. Onger'usom'uwo
murongo ushimbuje IYO, NIBA.

Iby'Imana yaremye byose ni byiza IYO byakiranyw'ishimwe, NIBA byakiranyw'ishim
Ariko se washim'iby'Imana yagaye? Byongeye kandi, mbese wagay'iby'Imana yashi
mye? Uburenga-nzira wabukura he ng'ukurikiz'inyigisho z'ASCETICISME, ugay'iby
Imana yaremeye kuribga, ubiziririze, kand'ari nta na kimwe gikwiriye gutabga?
ABAKURIKIZA ASCETICISME ni bo Paulo yandikiye 4:4, s'abantu b'Imana banga kury
iby'Imana yagaye, ahubgo n'abantu bagay'iby'Imana yabageneye kurya, ari byo
BYO KURYA bivugwa muri 4:3a.

Scanned with CamSc

(6) 4:5. Paulo ati: Mu by'Imana yaremye, bigashimwa na yo, ntiharimw icyo gutabga "kuko cyezwa n'ijambo ry'Imana no gusenga."

i. Uko bisanzwe icyezwa kib'ar'icyahoze kizira. None ntihaba havuga kw Imana yejej'ingurube n'ibindi byahoze bizira?

Igisubizo: Mbere na mbere abantu bahaw'imboga n'amatunda n'impeke hw i- byo kurya. Umwuzur'ubaye, ibimera bishiraho, Iman'a ni ko kuberez'inyama ziboneye ngo be kwicwa n'inzara ibimera bitarakura umwuzure ukimara gukama. Yaberej'ibiboneye gusa, iberurira batarinjira mu nkuge yukw ishyiz'itandu- kaniro hagati y'inyama zizira n'izitazira (It. 7:1,2).

ii. Ko muri Mar. 7:19 herura rwose yuko Yesu yaziruy'ibyo kurya, none n'iki gituma abadventiste batabyemera?

Igisubizo: Barabyemera rwose. Akaga n'uko bamwe bagorek'amagambo basoma. Ibyo Yesu yaziruye s'ibitaribga AHUBGO N'IBYO KURYA (i.e. IBYO KURIBGA). Onger'usome Mar. 7:19; Icyatumye Mariko yandik'uwo murongo n'ukw Abafari- sayo baziririzag'IBYO KURYA byemewe n'Imana muri Lew. 11, batabanje kwihu- manura. Reba context ya Mar. 7:19 ibihamya: Mar. 7:1-4.

iii. Ko abadventiste bemera kw amategeko y'imihango yarangiriye ku musaraba, baka- bihamirisha gutondagura Kol. 2:14, n'iki gituma birengagiza Kol. 2:16, bakaga- y'abandi barya no kury'ibyo bashatse, kandi Kol. 2:16 habuz'abantu gucir'abandi urubanza rw'imirire yabo n'iminywere yabo?

Igisubizo: (a) Nta we tugaya. S'umurimo wacu gucir'abant'urubanza. I- cyo dushaka gusa n'ugukurikiz'Ijambo ry'Imana no kuryigish'abandi ngo na bo barimenye babone kwihitiramw ukuri.

(b) Ibyorekey'imirire n'iminywere ivugwa muri Kol. 2:16, n'iy'i- mihango koko. Icyitegererezo cy'iyo mihango yerekey'imirire n'iminywere tukibona muri Mar. 7:1-4. Ben'iyo mirire n'iminywere ni yo Paulo yanditse ibyayo muri Kol. 2:16.

(c) Twemera yukw iyo mihango yerekey'imirire n'iminywere yara- ngiriye ku musaraba, tukabihamirisha Heb. 9:10. Ito nta bgo tubihakana na hato.

(d) Iby'inyama ziboneye n'izitaboneye s'iby'imihango. Imihango yo mw Isezerano rya Kera yasurag'ibya Yesu; kuziririz'inyama zanduye nta cyo bisura.

(e) Ibyorekey'amategeko y'imihango: twemera koko yuko yahanzwe na Mose mu mwa 1446 M.K., akarangira mu wa 31 A.D. Yesu amaze gutanga no gu- subira mw ijuru. Arikw ibyo kuziririz'inyama byahozeyo kera cyane, nibura mu wa 2348 M.K., Mose ataravuka. Nuko rero, kukw ibyo byahozeho amategeko y'imihango atarahangwa, ni cyo gituma bikiriho Yesu amaze kuyuzuza, kubera yuko bitasura Yesu, ahubgo byakomojwo gusa na Mose mu mategeko ye. (Onge- usome witonze p.69 // n).

iv. 4:5. "Kuko cyezwa n'Ijambo ry'Imana." Ijambo ry'Imana yomubgirag'iri JAMBO RYAYO: It. 7:

(a) Cyejejwe mu gihe cya Nowa, ubg'Imana yomubgirag'iri JAMBO RYAYO; nuko rero nta mpa- 1,2.

(b) Yesu, ari we JAMBO RY'IMANA, yejej'IBYO KURYA byose; nuko rero nta Yesu mvu yo gukurikiza ASCETICISME. Mar. 7:19.

(c) Bibliya, ari yo JAMBO RY'IMANA, ntaho ivuga yukw i izira byejejwe. 66:17.

Scanned with CamScanner

i. Sobanukirwa na 5:11-15.

(1) 5:11 ngo "guharika Kristo bakifuza gucyurwa." Bacyurwa na nde? Har'ibisubi
2 twatanga: (a) Ni Satani (bigereranye na 5:15); cyangwa (b) N'ugucyurwa n'u
gabo uko bisanzwe.

(2) 5:12 ngo: "isezerano rya mbere." N'iriho? Na non'ibisubizo byaba 2 bishin
ye ku byo muri 5:11 byanditswe haruguru. (a) Ubg'umugabo uvugwa muri 5:11 a
Kristo, nib'ari Satani ucyura, isezerano rya mbere n'iryo kurongorwa na Yesu
(2 Kor. 11:2). (b) Niba gucurwa kuvugwa muri 5:11 ar'uko mu buryo bga kamer
ya abantu, nonoho isezerano rya mbere n'iryo gukorer'itorero kubgo gutungwa
ryo. Wibuke gahunda yo mw itorero ryo mu gihe cy'intumwa uburyo yatumaga b
tung'abapfakazi n'imbabare zo muri bo. Ni cyo cyatumye batorany'abadiakoni
(Ibyak. 6:1-4. Hasóme neza).

j. Sobanukirwa neza na 5:23. Som'AMAHAME, p.33 # c; p.32 # G:2:a. Soma na 1 Tim.
3:2,11; Lew. 10:9,10. Igih'usom'iyo mirongo, wibuke ko Timoteyo yar'umuyobozi
w'itorero. Urebe muri Lew. 10:9,10 kw Imana yabujij'abayobozi b'itorero ryo m
Isezerano rya Kera kunyw'ibishindisha, kugira ngo bagir'ubgenge bgo guc'imanza
zikwiriye, bamenye no kugenzur'ibikwiriyye n'ibidakwiriye. None se, ubgo Paul
yandikaga 1 Tim. 5:23, ko yar'akimara kwihanangiririza Timoteyo kugenzura neza
abakwiriye kwerezw'umurimo w'itorero, no guc'imanza zikwiriye (vv. 21,22), yaj
ato kumwihanangiriz'ibyo maze ngw ashok'amugir'inama yo kunyw'ibishindisha?

k. 6:14. "Witonder'itegeko." Har'ifuti ry'abahinduzi. Bisimbuz'ibi ngo: "Witond
amategeko." Ijambo bahinduye ngo: itegeko ni rimwe mu rugiriki n'iryo bahinduy
amategeko muri Mat. 5:17. 1 Tim. 6:14, iy'uwubangik-nyijo na Ef. 6:2 bidufas
kameny'iki? *Yuku amategeko yigishwaga mu gihe cy'intumwa.*

l. Suzum'iyi mirongo ng'ubonemw ibisesereza ku buginoso:

1:17 ~~Nyi... ...~~ *Imana itabonεka ...*
2:4 *Ishaka ko bose bakizwa imibiri*
2:5 *Imana Yesu nawe n'umuntu*
3:9 *Ubgiru bgo ...wizera*
3:16 *Ubgiru: Imana kwerekanw ifit'u...*
4:3 *Bazirirîz'ibyo kurongorana n'iby...*
4:8 *Kwitoza k'umubiri kugir'umu...*
6:16 ~~...~~ *... mu ... gutegerwa*

m. Ibyerekey'umurimo wo kuyobor'itorero:

(1) 3:6. Mbes'ukurikij'ibyo wize by'ukubaho kwa gikristo, n'iki cyatumye Paulo
yandik'uwo murongo? Ikibazo cyerekeye ibyo kudahutira gushyir'uwahindutse
vuba mu murimo w'ubuyobozi bg'itorero. Bifit'aho bihuriye na kamere y'umu
ntu. Gerageza kubivumbura.

(2) 6:5b-10. Harekan'akaga kazanwa n'abayobozi b'itorero bakund'impiya, bakifu
kwiboner'indamu mu maturo. Umukozi wes'ukora ku mafranga yatuwe, akwiriye
kwirinda cyane ngw atagwa mu moshya yo kwikungahaz'ibitar'ibye. Byongeye
kand'umuyobozi wes'akwiriye kwihamiriza mu mutima we yuko yakoz'uko yashobo
kose gushyiraho gahunda yarind'abadiakoni n'ababits. bos'icyaha cyo kwiba

i. Amaturo yose yakirirwa mw iteraniro ajy'ashyirwa mw isahane cyangw'igik
reshwa cyabigenewe. Ikiganza cy'umuntu kirazir..
ii. Ntagashyirwe mu mufuka w'uwayakiriye.
iii. N'amaturo kwakirwa, ntakabarw'ubgo ngubgo mw iteraniro, ahubg'abikwe aha
gara imbere ya bose.

Scanned with CamSc

iv. Iteraniro ni rirangira, abadiakoni bose n'umubitsi bateranire hamwe, bab amaturo hamwe. Umubitsi atange reçu ishyitse bakimara kubar'amaturo, n bahamye k'umubare w'amafranga yandits'ar'uw'ukuri, kandi yuko za karuboni azikoresheje.

v. Abizera bose bakwiriye kwigishwa gahund'iyo ngiyo, ngo na bo bafashanye bukir'ubgibyi bg'amaturo. Hariho benshi batagitur'uko bikwiriye kuko b yukw amafranga yab'aribga n'abayakira no kuyabika. Abizera bose bigish buryo umubitsi akwiriyo kwandika recu akoreshaje za karuboni zose, no ku mur'ako kanya bakimushyikiriz'imigabane yabo, cyangwa s'amaturo batanz'u bitari mw iteraniro. Bahamye yuk'umubare yanditse kuri reçu ar'uw'ukur

n. Ibi byari bikwiriye kwandikwa kw ipaje ya 72 ku ngingo ya iv munsi ya Yer. 1 ahavug'uburyo Paulo yahumurij'abagore bo mw Efeso, abah'agaciro:

(1) Gukizwa mw ibyara (2:15). Meny'ubusobanuro bg'ayo magambo (nkuko bavuga mugore iy'abyaye neza bati: Arakize).
(2) Gukizwa no kubyara (2:15[1]). (Guheshw'agaciro no kororoka). Nubg'abagab bakomeye, ariko bos'uko bangana babyawe n'abagore. Iyo hatab'abagore, hari kubaho n'abagabo. 1 Kor. 11:11. Kubg'ibyo, bisa nkehw abagore b abagabo!

o. Umurongo w'imena: 1 Tim. 4:16. Wirinde kubgawe no ku nyigisho wigisha.

* * * * * * * * * * * * * * * * * * * * *

Urwandiko rwa 2 Timoteyo. Rusome rwose uruhetuye. Ibyo kwitabgaho cyane n'ib

1. Ntidukizwa n'imirimo yacu, kerets'ubuntu bg'Imana. 1:9.

2. Ita ku mutima wa Paulo ukomeye, wanze gucik'intege nubgo yar'azi kw ashigaje agapfir'Umwami Yesu yar'amaz'imyaka myinshi arwanira no kumuvugira. Paulo rakagir'ubg'acogora, ari no mu nzu y'imbohe. Agitangir'umurimo wo kwamamaz Yesu yararimbye mu gicuku ari mu nzu y'imbohe ari kumwe na Sila i Filipi. N busaza bge ni ko yar'akimeze. Birebe nawe: 1:12; 4:7,8; 4:18.

3. Icyatumag'agira ben'ibyo byiringiro bidacogora n'uko yimenyeh'ubury'Umwami Y yamukoreragamo, akamuhindur'ukundi, akamuhesh'uburyo bgo kuber'aband'icyiteg zo cy'inyanga-mugayo: 1:8; 1:13; 2:2; 3:10,11,14. Icyaduha natwe kuber'ab icyitegererezo kitabatesha Yesu.

4. Paulo yongera kwibutsa Timoteyo ubuheruka ubury'umukozi w'Imana akwiriye kwi no kugenza mu murimo akora; 2:24-26; 4:2. *Ntakwiriye kub'Umunyamahoro, akwiriye kugir'ineza kuri bose, basinduke bave mu mutego wa Satani*

5. Aburira Timoteyo kubg'ubuyobo butey'ubgoba bgari kuzakomerera mu bakristo (3

a. Kwirind'ubuyobe bg'amagamb'adakwiriye: 1:13; 2:14,16-18; 2:23.
b. Kwirind'ubuyobe bgo kurek'inyigisho nzima: 3:14; 4:3,4.
c. Kwirind'irari ribateshur'ukuri: 2:22; 3:6; 4:3b.
d. Kwirind'ubukristo bg'icyitiriro bugir'ishusho yo kubah'Imana kubgo gukome hango y'idini, nyamara bugahakan'imbaraga z'Imana, ze kubakoreremo, maze h jye mbere, ntibimukir'ingeso zihora zirushaho kuba nziza, ahubgo bahora h gusa: 3:5,7,9. *8. Yane na Yambure*

6. Paulo ashaka kongera Timoteyo imbaraga no kumukomoza, amuhumuriza ibose s'igitangaza kugira ngw imboho ihumuriz'uri mu mudondozo?) 2:1,3; 2:1 ,12; 3:14; 4:5. Roba kand'ukuntu Paulo na Timoteyo bakundanaga (ari nta kwishyira hejuru k'umwe, ati: Sinashyikirana na Naka kubera yuko tudahwanij'icyubahiro n'i mbgo). Ahubgo Paulo yari yaratway'umutima wa Timoteyo, bituma aririra Paulo ame ko yongeye kubohwa (1:4) no guhor'aza kumusura, bigatuma Paulo amwandikir'at: Ugume mw Efeso (1 Tim. 1:3). Ariko rero, Paulo amenye yukw iminsi ye yo mur'iyi bura-gosani y'isi igabanutse (4:6), aramutumira ngo bongere babonane nibura r we, ati: Gir'umwete wo kuz'aho ndi vuba (4:9). Uko ni k'umukozi w'Imana wahaw' wanya w'icyiciro cyo hejuru akwiriye kugerageza kumerer'abakozi bayoborwa na : ntakabatwaz'igitubu, yigize nk'umwami cyangw'umutegetsi, ahubg'abazirikane, ab or'inshuti, abone kubanduz'ingeso zo nziza. Uk'uzajy'ukor'umurimo w'Imana uj 'ugir'umutima wa Yesu wemeye kwigira nk'umugaragu w'abandi ngw abakize. Wibuk'aya magambo ngo:

> In the Work of God there are no important people;
> Only humble people doing an important work.

Uko ni ko Paulo yameraga mu ntekerezo ze. Naw'ab'ari k'umera. Imana ibigufashemo.

7. <u>Imirongw imwe myiza yo gushingirahw ibibgirizwa:</u>

- 1:12 "Nz'uwo nizey'uw'ari we."
- 2:8 "Ujye wibuka Yesu Kristo."
- 2:19b "Umuntu wes'uvug'izina ry'Uwiteka nave mu bidatunganye."
- 2:22a "Nuk'uhung'irari rya gisore."
- 2:11 "Niba twarapfanye na Kristo tuzabanaho na we." (Hava ibibgirizwa nibura 2. Kimwe cyerekey'ukubaho ko gupfa ku byaha no kuzukir'ubugingo bushya. Ikindi cy' zwa mu gihe cyo guhamb umuntu, gihumuriz'abahari no kubater'umutima wo kwifuza kuzazuka, no kugir'ibyiringiro byo kuzahura n'uwapfuye.
- 3:12 Ibyo kurengenyirizwa Kristo.
- 3:16 Biblia irahagije. Nta handi twahindukirira ngo tuhaboner'ubgenge bg'inzira y'agakiza. Amaherezo yo gukunda Biblia no kuyishimikira: 3:17.
- 4:7 Ukubaho k'umukristo wemorwa n'Imana. Reb'ingingo ziri mur'uwo murongo. Indunduro: 4:8. 1. Kumba rya gukiranuka 2. Iry'umwami wacu azampurira 3.

8. Utundi two kwitabgaho mur'uru rwandiko:

(a) <u>3:11</u>. Meny'ibyabereye kuri Paulo aho hantu hose (Ibyak. 13: 50; 13:51-14:20)
(b) <u>4:10-19</u>. Meny'iby'aya mazina: Tito, Luka, Mariko, Purusikila, Akwila.

9. Imirongo y'imena: 2:16,8; 3:14 ngo: Amagambo y'amanjwe, atar'ay'Imana, uyazibukire; ujye wibuka Yesu Kristo; ugume mu byo wize.

Scanned with CamScanner

## III - URWANDIKO RWANDIKIW'ABAHEBURAYO

Dukurikije Biblia, ntidushobora guhamy'uwandits'urwo rwandiko uw'ari we. Uhereye kera hahoz'impaka mu bakristo, batazi kw ari Paulo warwanditse, cyangwa s'Apolo, cyangwa Luka cyangwa Barnaba. Kubg'izo mpaka, abakristo banze gukubir'urwo rwandiko hamwe n'ibindi bitabo bya Biblia (kuko batemeraga gushyir'urwandiko rwose mw Isezerano Rishya keretse bamaze guhamya neza yuk'uwarwanditse yar'intumwa bgite ya Yesu). Icyakora, bigejeje mw ijana rya 4 A.D., bemera k'urwandiko rw'Abaheburayo rwahumetswe n'Imana, bararwakira, barushyira mw Isezerano Rishya hamwe n'izindi nzandiko.

Impamvu zatumye abantu bashidikanya yukw atari Paulo warwanditse:

1. Mu zindi nzandiko za Paulo zose, ariranga, kand'aramutsa abo yandikira mu buryo bg'akamenyero ngo: "ubuntu n'amahoro bibe muri mwe." Ibyo bimenyetso ntibiri mu rwandiko rw'Abaheburayo.
2. Paulo yajyag'akoresh'Isezerano rya Kera ryo mu Ruheburayo mu nzandiko ze hose, ubgo yatondagurag'amagambo yo mw Isezerano rya Kera; naho rero, uwandikiy'Abaheburayo yagiy'akoresha LXX (ni ko twandik'iri jambo ngo: SEPTUAGINT. Septuagint rero n'izina ry'Isezerano rya Kera ryo mu Rugiriki, ryahinduwe n'abagabo 70 ku ngoma ya Ptolemy Philadelphus wimye mw Egiputa mw ijana rya 3 M.K.).
3. Vocabulaire y'uwandits'urw'Abaheburayo, n'uburyo bge bgo gutondekany'amasentenso bitandukanye n'uburyo bga Paulo. Icyakora ibitekerezo bisa n'ahw ar'ibya Paulo, arik'uburyo bgo kubvandika ni bgo butandukanye n'ubge.

Twebg'abadventiste twizera kw ari Paulo rwakomotseho. Impamvu n'izi:

1. Elena White yarabivuze.
2. Twibgira yuko Paulo yarwandikishij'umukarani nk'Apolo cyangwa Luka cyangwa Barinaba. Bisa nkaho Paulo yamubgiy'ibitekerezo bye, maz'uwo mukarani abyandika mu ye magambo no mu bge buryo.
3. Twibgira yuko Paulo yarwanditse amaze kubohorwa, akiri mw Italia (13:24), atarabohw'ubga kabiri.
4. Uko biri kose, rwanditswe mbere ya 70 A.D., kuko ruvuga kenshi yuk'ubuturo bgera bg'i Yerusalemu bgari bukiriho, byongeye kandi bari bagitamb'ibitambo. (Urugero: Heb. 9:9; 13:11).

Impamvu za Paulo zatumy'arwandika: Rwandikiw'abakristo b'abaheburayo bari bakiziririz'imihango y'abo mw Isezerano rya Kera. Iyo miziririze yarimw akaga k'uburyo 3:

1. Akaga ko kub'ari byo bategahw amakiriro bagapfobya Yesu.
2. Akaga ko kwirem'ibice mu bakristo, bamwe babiziririza, abandi ntibabyiteho.
3. Akaga ko kwiheba no guta, ubuturo bgera bg'i Yerusalemu buramutse burimbuwe.

Ubg'itorero rya Kristo ryari rikiri ritoya, nta cyabarushyaga kurut'ibyo guhitamo kuziririz'imihango yo mw Isezerano rya Kera, cyangwa se kubireka. Bitworohereye mur'iki gihe gihe gusobanukirwa n'uburyo Yesu yabay'icyuzuzo cy'imihango yo mu mategeko ya Mose yamusuraga. Ariko ntibyoroherag'Abayuda kubireka, kuko bahoze babyigengeseraho rwose bahereye mu bgana, bigahinduka nka kamere yabo.

Nubg'Imana yatumy'umwenda watandukanyag'ahera n'ahera cyane ho mu buturo bgera utabukamo kabiri, ubgo Yesu yatangaga, ishaka kumenyesh'abantu yukw ibitambo n'indi mihango yasuraga Yesu ishize, Abaheburayo bakomezaga kubiziririza, kugeza mu wa 70 A.D

Scanned with CamSc

ubg'Abaroma barimburag'ubuturo bgera, maz'abayuda babur'uko bakomeza gutamba no gukor'indi mihango yakorerwaga mur'ubgo buturo bg'i Yerusalemu. Kristo amaze gupfa abaheburayo b'abakristo benshi bakomezaga kwitonder'imihango ya Mose, nko kuziririza Paska, n'iminsi mikuru no gukebga. (Reba Ibyak. 2:46a; 1 Kor. 5:7,8). Nimwi jegeh'umuburo wakeru... Baryaga imitsima Paska

Ubutumwa bgiza, ubgo bgatangiraga kwamamara mu banyamahanga batigeze baziririza ibya Mose, habyuts'impaka zitewe n'abakristo b'abaheburayo bavugaga kw abanyamahanga bakwiriye gukebga no kuziririz'imihango ya Mose ngo babone gukizwa. (Ibyak. 15:1,5). Ishyerezo, hab'inama nkuru i Yerusalemu mu wa 49 A.D. Bemeranya ko bakwiriye kubisoner'abanyamahanga, ariko nta jambo ryavuzwe ryo kubicubya mu bakristo b'abaheburayo. Itorero risigara ririmw amahara kubiri, ririmo bamwe bakomez'imihango ya Mose (ari bo baheburayo,) nahw abandi b'abanyamahanga ntibayikomeza. Ako kaga ntikajyaga gukomera iy'itorero ry'abakristo b'abayuda rihenebera, ibya Mose bigaheneberana nabo. Ariko si ko byagenje, ahubg'Ibyanditswe bitubgira kw itorero ry'abaheburayo ry'i Yerusalemu ryakomeje gukura cyane. Gererany'ibi:

Ibyak. 1:15 Muri iyo minsi Petero ahagaze hamwe na bene Data umubare wari...
2:41 Nuko abemeye amagambo ye barabatizwa abongewe kubasanzwe ...
6:7. Nuko ijambo ry'Imana rigumya kwamamara umubare w'abigishwa ugwira cyane i Yerusalemu.

Mur'abo baheburayo benshi batatanijwe mu mahanga n'akarengane katewe na bene wabo banzo kwemera Yesu h'umukiza. Bahageze bakomeza kugundir'imihango ya Mose, no guhinyur'abakristo b'abanyamahanga batabiziririzaga. Bishyir'itorero rya Kristo mu kaga gakomeye, nkuko twamaze kubibona mu zindi nzandiko za Paulo. Nko mu mwaka wa 60 A.D ubgo Paulo yongeye gusubira i Yerusalemu, hari hakir'abakristo b'abaheburayo ibihumbi byinshi, kandi benshi bashegerag'amategeko ya Mose, ndets'amaherezo yabyo bikora kuri Paulo bimushyirishya mu nzu y'imbohe. Soma Ibyak. 21:17-34. Wite kuri 21:20.

Cestius Galius niwe watoranije...

Hari hagisigay'imyaka nka 6, i Yerusalemu igaterwa (muri 66 A.D.), hashir'indi myaka 4 igatsiratsizwa (muri 70A.D.) Paulo yar'azi kw iherezo riri bugufi, akifuza gufash'abo bayuda hakir'igihe.

Imigambi ya Paulo mur'uru rwandiko rw'Abaheburayo n'ukwerereza Kristo. Yashatse kwimur'imitima yabo ngw ireke guteg'amakiriro ku bikorerwa mu buturo bgera bg'i Yerusalemu n'abatambyi babgo, ngo bahugukir'ubuturo bgo mw ijuru n'Umutambyi wacu mukuru uhagije kudukiza. Yashatse ko bareka kwishingikiriza ku bitambo hatambag'i Yerusalemu ngo banambe ku gitambo gihebuje cyatambge rimwe ngo bibe bihagij'iteka.

Urwandiko rw'Abaheburayo rusobanur'umumaro gahunda y'bitambo yar'ifite Yesu ataradupfira, rugaragaza n'ahw ibyo bitambo n'imihango yose bihuriye n'inama y'agakiza, n'icyatumye birangirira ku musaraba. Mu gihe cya Paulo, abaheburayo benshi cyane bari batarasobanukirwa n'ubury'iyo mihango yose yasurag'ibindi gusa, ikab'itihagije ubgayo.

Urwo rwandiko, nubgo rwandikiw'abakristo b'abaheburayo babagabo mw ijana rya 1 A.D., n'inyunganizi y'ingira-mumaro ku bakristo b'amoko yose no mu bihe byose, kuko rutuma turarama tugahugukir'ibyo mw ijuru no gusobanukirwa n'uko Yesu ahagije rwose kudukiza no kutugabir'uburuhukiro bg'umutima iyo turamutse tumwihaye burundu, tukab'isanga n'ingoyi na we.

Ubusobanuro bg'ingingo z'imena zo mu rwandiko rw'Abaheburayo:

1. Yesu ni w'uhebuje bos'icyubahiro n'ububasha. 1:1-2:18.

=

Scanned with CamSc

(Inzandiko)

1. Yesu ni w'uhebuje bos'icyubahiro n'ububasha. 1:1-2:18.

a. Ahwany'icyubahiro n'Imana Data wa Twese. 1:1-3.

b. Arut'abamaraika. 1:4-14. Ibyitonderwa:

i. 1:2b ngo: "ni we yaremeshej'isi." Mu rugirika ntihanditswe ngw'i... n'ijambo ryo mu bginshi, rifit'amabango 2 ngo: amasi cyangw'ibiha...
ii. 1:4 Paulo ahinyuz'ubuginoso. Ngw'arush'abamaraika ...
iii. 1:9. Imana yasīze Kristo amavuta ryari? Soma Dan. 9:24b habis...
iv. 1:13. Kwicaz'und'i buryo bgawe n'umugenzo w'abakora wo kubahiri... no kugaragaza ko muhwany'icyubahiro.
v. 2:1-4. Paulo abinginga kubg'amagamb'amaze kubandikira. Mur'ur... ni ko Paulo yagiye asesetsamo kwinginga hagati y'ingingo z'imena... ni k'umubgiriza w'ingenzi ajy'agenza, iy'amaze kurangiz'ingingo... mu mubiri w'ikibgirizwa yose.
vi. 2:5-18. Paulo agaragaza ko Yesu arut'abamarika kuko yigiz'umuntu... yageney'abantu kurush'abamaraika icyubahiro bisīg'ibara ribi. ... "igihe gito." ...
(1) 2:7 na 2:9 simbuza "bo hato" iri jambo ngo: "igihe gito." ... Reba nawe kw Imana yaturemany'icyub... uro bgo muri Biblia. Reba nawe kw Imana yaturemany'icyub... rush'abamaraika, kandi yifuza kukidushumbusha ibyaha ni bima... no, nkuko Yesu yakigaruriwe amaze kunesh'ibyaha, agasubira... Noneho wonger'usoma witonze 2:5-9 wibuk'ayo magambo.
(2) Impamvu zatumye Yesu yigir'umuntu: 2:10-18
(a) Ngw abone kubabazwa: 2:10,14.
(b) Ngo yihuze n'abo gupfa: 2:14,17.
(c) Ngw abone gutabar'abantu, az'ibibarushye: 2:18. Kuko ... nw kugevagezwa ubge abasha no... abageragez...

c. Yesu aruta Mose. 3:1-6.

i. Sobanukirwa n'umugani w'umwubatsi n'inzu; n'umugaragu n'inzu; n... nzu. Wibuke kw Abaheburayo bishingikirizaga ku mategeko ya Mose... Paulo yerereza Yesu, amugereranya n'umwana uzab'umuragwa w'inzu... ar'umugaragu gusa wo mur'iyo nzu.
ii. 3:7-19. Som'uko kwinginga gushingiye kuri 3:1-6 Nkukw abahe... kera binangirag'imitima yabo, bagakerensa MOSE war'umugaragu w... mana, ni kw Abaheburayo bo mu gihe cya Paulo bari bakwiriye kw... nangir'imitima no gupfobya YESU war'umwana wo mu nzu y'Imana... 
iii. Uburuhukiro bg'Imana buvugwa muri 3:11 na 3:18,19 turabugeraho... 4. Ariko rero, umenye hakiri kare kw icyavukij'abaheburayo b... Mose kubginjiramo ar'ukutizera. Paulo yatinyaga yukw abaheb... gihe cye na bo bazabuvutswa n'uwo mutima wo kutizera. Wibuke... zera Paulo avuga mu nzandiko ze ukw ari ko: Gal. 5:6. Kwize... mu rukundo.

d. Uburuhukiro Imana yageney'abizera. 4:1-11. Hasome hose witonze... nda kurushya bamwe. → short mistake

i. Uburuhukiro buhavugwa n'ubuhe? Bur'ukuno:

(1) N'ubg'Imana bg'uburyo 2. 4:1,5. Ubgo buruhukiro s'ubgacu... munsi wa 7 turets'imirimo y'imibyizi. Ahubg'uburuhukiro... havugwa n'ubu:
(a) Ubgo yaruhutse ikimara kurem'isi no kuyigira neza. 4...
(b) Ubg'iruhuk'iy'imaze kuremer'umutima mushya mu muntu no...

Bunuh ndara
mwiza. Imana iruhuka iy'imaze kumwezahw ingeso za kera, umutima way'ugatur
rukwa ukamwishimira.

(2) N'ubg'abantu bg'uburyo 2.

(a) Ubga mbere n'ubg'Abaheburayo bajyaga kuruhuka bagez'i Kanani, iyo bomota
na n'Imana bakayumvira, bakanesh'abanzi babo, Imana ikabereraza, ikaba-
sazahw imigish'itagir'akagero (ukw ivugwa mw Isezerano rya Kera), bakad
marara.

(b) Ubga kabiri n'ubg'umukristo wes'aruhuka iy'Imana imutsindishirij'ibyaha
bya kamere byamwaritsemo.

Ibyabaye ku bisiraeli bo mu giho cya Mose bituber'icyitegererezo n'akebarore.
Dor'uko basezeraniw'uburuhukiro:

(1) Bakimara kuva mw Egiputa: Kuva 33:14.
(2) Mose abasezeraho agiye gupfa: Gut. 12:8-10.
(3) Bagiye kuzambuka Yorodani: Yosua 1:10,11,13. Uwiteka Imana
batsinz'abanzi bo mu gih
cy'i Kanani. Gut. 25:19; 28:65-67.
Imana yaberuriye yuko bazaheshw'ubgo buruhukiro n'uko

Ukw iby'abisiraeli bituberey'akabarore:

(1) Twese twavukiye mu bubata bga kamere mbi. Kamer'iyo mbi igereranywa n'E
puta.
(2) Umuntu wes'iy'akigira kamor'iyo ya kera y'ububata, abur'uburuhukiro bg'u
tima. Zab. 38:3b. Zab. 94:12,13.
(3) Gucika kuri kamere mbi ni byo biruhur'umutima.
(4) Abisiraeli bajyaga kwinjira mu buruhukiro bg'i Kanani iyo bomotana n'Ima
Gusanga Yesu ni byo biduhesh'uburuhukiro. Mt. 11:28. Kudasabana na Y
ni ko kutuvuts'ubgo buruhukiro. Uko kudasabana na Yesu ni ko Paulo yit
kutizera. Ni na ko Abisiraeli ba kera bazize, ntibinjire mu buruhukiro
na yabageneye.
(5) Nuko rero, twahamagariwe kuva muri kamere mbi (ni y'igereranywa n'Egiput
ngo tugarur'i Kanani (ni y'igerereany'ukubaho kw gikristo). Nkukw abisi
bategetswe kurimbur'abanyakanani bose, ni ko na twe dukwiriye gutsembahw
ha byose bikiri mu mibereho yacu ya gikristo. Abanyakanani ni bo bage
ibyaha bikiri mu kubaho kwacu. Ariko ntitwakwibashish'uwo murimo, ah
n'umurimo w'Imana. Wibuk'uko byagenze mw Ai ubgo bageragezaga gutsind
kadugudu batari kumwe n'Imana. Wibuk'icyatumy Imana ibuza Gideoni ku
ngabo nyinshi ubgo yashakaga kurimbur'Abamidiani. Abac. 7:2. Uwo mu
wo kumar'abanyakanani mu gihugu war'uw'Imana (1 Sam. 17:47), kandi nti
kuruhuka kerots'imaze gutsemb'abanyakanani bose i Kanani. Ni bgo yaj
kwinjirana n'abisiraeli mu buruhukiro bgayo. Uwiteka niw' Uzab

No mu mibereho yacu ni ko bimeze. Ni tumara kuger'i Kanani (i.e. iy
abakristo), dukwiriye guhora dutabaz'Imana ngw itumaremw abanyakanani
ibyaha n'inenge zose zikiturimo). Uwo murimo n'uw'Imana (Zek. 4:6);
itweza, kandi ntizaruhuka kerots'imaze kutwezahw inenge yose. Bira
sohoye, nibgo yinjira mu buruhukiro bgayo, imaze kunyurwa n'uko twaba
nera, tubitewe n'uko twayikundiye kuturemamw imitima mishya. Ni cy
iduh'isabato y'uburuhukiro, ngw itwibutse yukw ari y'itweza, ikinjira
ruhukiro bgayo imaze kuturemamo kamere nshya. (Ez. 20:12). Iteka Ima
Sikubg'amaboko kandi sikubg'imbaraga

Scanned with CamSc

nt'iyinjira mu buruhukiro bgayo itabanje kurema. Imana yagiz'isabato imaze kunoza iyi si muri ya minsi 6; yongera kugir'isabato yo kuruhuka iy'imaze kunoz'umutima w'umuntu. Ar'ukunoz'iyi si, cyangwa kunoz'umutima w'umuntu, byombi bigomb'ububasha bgo kurema.

ii. Dusesengure 4:1-11, twibuts'ibyo byose bya context. Uhasomo hose witonze cyane, usobanukirwe n'ijambo ryose n'ingingo yose.

(1) 4:1. Isezerano rihavugwa n'irishya. Abaheburayo bisa nkaho babay'impumyi. Igitiriza zitabasha kureb'isezerano rishya, kerets'iryakera gusa. (2 Kor. 3:14;15). Iryo n'ini Mur'uru rwandiko Paulo ahoz'ibitekerezo byabo kw isezerano rishya. Iryo sezerano iry'ari ryo: (Yer. 31:31-33.) Urimenye rwose. Uko Paulo yagiye mu arikomoza mur'uru rwandiko: Heb. 8:8-13; 10:16. # Ezk 36:25-27
Icyo bazizo n'iki? Abaheburayo muri Mose
(2) 4:2. Ba bandi bahavugwa ni bande? Icyo bazize n'iki? Abaheburayo muri Mose
Ezek. 20:12. Cyo Kwezwa
(3) 4:4. Uwo munsi wa karindwi n'ikimenyetso cy'iki? Ezek. 20:12. Cyo Kwezwa
(4) 4:7. Ntihavuga yukw Imana yatoranij'umunsi wa moere kub'isabato yayo, ahubgo umunsi uhavugwa n'uwitwa NONE. Uyu munsi wa none ni wumvira guhamagara kwa Imana ikurarikira kuyizeran'urukundo, yatangira kukuremamw umutima mushya, ngo naw'ubone gutangira kwinjira mu buruhukiro bgayo.
(5) 4:8. Iy'abisiraeli ba kera badahemukir'Imana ya migisha itangaje rwose yahanuwe mw Isezerano rya Kera yose yajyaga kubasukwaho, Yesu akadupfira, ibyaha na Satani bigahorako bigatsembgaho. Iy'ibyo byose bisohora kandi, Imana ntiyajyaga kongera kurarik'abantu iti: Uyu munsi nyakira ngukize, kuko babaramaze kuyakira no gukira rwose ibyaha n'urupfu. Paradiso iba yaragarutse mur'iyi si yacu. Ariko rero, kuko abisiraeli batsinzwe, ni cyo cyatumye Imana ishyirah'undi munsi wo kuturarika ngo twinjire mu buruhukiro bgayo, kand'uwo munsi witwa: NONE.
(6) 4:9. Mu rugiriki ntihavuga ngo: uburuhukiro bg'isabato, ahubgo har'ijambo rimwe ngo: SABBATISMOS. Ubusobanuro bgaryo ni: IBURUHUKIRO. Ukuruhuka Ntihavuga iby'isabato y'umunsi wa 7.
(7) 4:10. Imirimo ihavugwa ir'ukubiri:
(a) Iy'Imana. N'iyo kurem'umutima mushya, guhindur'irari n'intekerezo z'umuntu; gushyir'amategeko mu mutima we, ngw ayaschoze atarühij'abyihatiye. Imirimo y'Imana ihavugwa n'iyo guhindur'umunyabyaha uwera; n'iyo gusohoza Isezerano Rishya.
(b) Iy'umuntu ubge. Imirimo y'umuntu ihavugwa n'iyi:
i. Imirimo mibi ya kamere mbi, ari byo byaha.
ii. Imirimo yo kwishingikiriza ku mihango, akihatira kwikirisha kwigengesera ku kantu koso kategetswe n'amategeko ya Mose.
iii. Imirimo yo kwigaragaza kw ar'umukiranutsi, kand'umutima we utahindutse ukundi. Ban'uko gukiranuka umuntu yih'ubge, ntikwemerwa n'Imana, ahubg'ikureba nkahw ar'inshabari inuka. Yes. 64:6. Wiyibutse p.59, ingingo ya 5(b). Akaga abaheburayo bari barimo Paulo yakeruye mu Baroma 10:1-4. Bagerageje kwihangira gukiranuka kwa
(8) Muri Heb. 4:12-,13 Paulo agaragaza yukw ijambo ry'Imana ry isezerano ryayo rishya ari rizima, ritazabura gusohora, rifit'ubugi bgo guhingurany'umuntu, rikagera no mu mutima we, rikawukebahw inenge zose. Iy'umuntu aryemeye, akaryumvira abiheshojwe n'uko yihaye Yesu, iryo jambo rishobora kumukiza, naho rero n'arihinyura, ntaryumvire, ahubg'akigira shyashya, akagaragara kw ari mwiza, arik'umutima we utahindutse, iryo jambo ni ryo rizamwicisha, kuko ritum'umuntu wese asa n'uwambay'ubusa imbere y'Imana. (nger'uhasome winira.

Inzandiko 83 4:14-5:10.

. Yesu arut'abatambyi bakuru bakoraga mu buturo i Yerusalemu.

Abaruta kur'izi mpamvu:

1. Yagiye mw ijuru, ari nta wundi mutambyi wabyigeze: 4:14.
2. Ntiyigez'akor'icyaha nk'abandi batambyi bakuru, bakaba bakwiriye kwitambirir'i
bo byaha bataratambirira rubanda (4:15; 5:1-3; Lewi. 16:6).
3. Ubutambyi bge ntibukuka nk'ubga babandi, ahubgo n'umutambyi w'iteka ryose. 5
(Ibya Melikisedeki tuzabigeraho hanyuma).
4. S'umutambyi gusa, ahubgo n'umukiza na we. Yaberey'abamwumvira bos'agakiza k
shira. 5:9.

Ibindi byo kwitonderwa mur'iyo mirongo:

1. 4:16b. Imirimo y'Imana itum'umuntu agera ku rugero rushyitse,rw'imibereho i
ngwa mur'uwo murongo. Iyo mirimo 2 ni: (a) Kubabarirw'ibyaha (kubg'amaraso
Yesu); (b) Gutabarwa tugeze mu biruhije (kubera yuko Yesu ariho, akaberaho k
tabara no kuturengera tugeze mu moshya, kubg'Umwuka we Wera).
2. Gereranya 5:3 na Lew. 16:6.
3. 5:7. Hasesereza kuri rya shengesho rya Yesu ar'i Getisemani (Mat. 26:36-39
Luka 22:39-44). Uwo murongo wa 5:7 ugaragaz'ubury'Imana yumv'amashengesho
iyo tuyasenganye ukwizera, imitima yac'itaturega; ariko rero, nubg'Imana yumv
ben'ayo mashengesho yos'ukw angana, si kw iyumvira. Hab'ubg'Imana idusubiz
Oya; ibonye yukw ibyo dusabye bitatugwa neza. Ariko nubg'iduhakanira, nti
kutwonger'intege, nkuko yabigenjereje Yesu. Imana imaze kumuhakanira, ni
yamutumyeho marayika ngw amuhumurize amwonger'intege. Iy'amashengesho yacu
mvibwe ntidukwiriye gucik'intege. Imana iratwumva, ariko yanga ko twikoraho
tukishyira mu kaga, ni ko kuduhakanira. Imana isanzw'ar'Umubyeyi w'ibambe
furiz'ibyiza bisa. Akaga n'uko twisabir'ibitadufasha tubitewe n'uko tutaz
zo duhereye mw itangiriro. Ibyo twibgira kw ari byiza, hab'ubgo byatuber
Imana ib'ibizi, ni ko kubitwima; itabitewe n'ukw itatwumvise, ahubg'ibitewe
idukunda. Fil. 2:8. Nta bgo Yesu yigez'atumvir'aba
4. 5:8. Ukumvira kuvugwa n'uko muri Fil. 2:8. Nta bgo Yesu yigez'atumvir'aba
be cyangw'abamuyobora, ngw ab'akwiriye kwigishwa kumvira kwa ben'ubgo buryo
5. 5:9. Gutunganywa kwa Yesu kuhavugwa ntikugaragaza ko yahoz'adatunganye (4
Ahubgo Yesu yar'akwiriye gutunganirizwa kutuber'umukiza. Inzir'imwe rukumb
kutuber'umukiza yar'iy'imibabaro n'urupfu. Iyo yanga kuyinyuramo ntiyajya
tuber'umukiza nubgo yar'umuzira-nongo. Amaraso ya Yesu ni y'aduhesha kuba
rw'ibyaha. Reba 2:10.

. Paulo yihanangiriz'abaheburayo kwakira Yesu h'umutambyi wabo mukuru, bataz
kandi badafit umutum'usumbutse, ngo bareke guteg'amakiriro ku mutambyi wabag'
salemu. 5:11-6:20.

1. Abacyaha kuko batinze gusobanukirwa n'uko Yesu ari we Mutambyi Mukuru bak
kwitaho ywose. 5:11-6:3.
2. Abasobanurir'akaga gashishana k'umuntu wirengagiza ukuri, akakureka nkana
Bigereranye na 10:26-31; na 2 Pet. 2:20. Iyo mirongo ivug'iby'icyaha ki
rirwa (Mar. 3:28,29). Imbaraga zihavugwa n'izihe? Igihe n'ik
3. 6:5. "Imbaraga z'igihe kizaza." Wibuke n'iby'
Bizirikanane na context yo muri 5:6 ugerageze kubivumbura.
minsi wiga.
4. Abahumurisha kubagaragariza kw abafitiy'ibyiringiro by'uko bazajya mbere

5. Abibutsa yukw isezerano ry'Imana ritazakuka rwose, ahubg'ar'iryo kwiringirwa. Iryo sezerano rishingiye ku rubyaro rw'Aburahamu, ari rwo Kristo (Gal. 3:16). Paulo asa n'ubibutsa yuk'uwo kwishingikirizaho ari Kristo, kuko muri we ari mwo agakiza kacu gashingiye. Tutamufite tuba tugorwa n'ubusa, naho twaziririz'imihango yose, nk'abaheburayo ba kera. Niko Paulo yashatse ko bahugukira Yesu ni ko na twe dukwiriye kumuhoza mu mitima yacu.

*Imigambi y'Imana idakuka

6. 6:18. Ibintu 2 bidahinduka n'ibhe? Icya gatatu Imana yongeyeho ngo kirushoho kubikomeza n'iki? Soma 6:13-18 ng'ubyivumburire. Indahiro n'isezerano by'Imana bidahinduka

* Ubutambyi bga Yesu Kristo

7. 6:19. "Umwenda ukingiriz'ahera...." Har'imyonda 3 mu buturo bgera bga kera:
(a) Uwatandukanyag'ahera n'ahera cyane. Kuva 26:33.
(b) Uwamanikwaga mu muryango w'ihema, ukingiriz'ahera. Kuva 36:37.
(c) Uwakingag'irembo ry'urugo rw'ubuturo bgera. Kuva 38:18.
Umwenda uvugwa muri 6:19 n'ukingiriz'ahera. Ic'iryo jambo ngo "cyane" (ahera cyane) ryo muri Biblia yawe. N'ikosa ry'abahinduzi. Mu rugiriki nta cyane rihari.

Ubusobanuro: Igikari cyo mu rugo rw'ubuturo bgera cyagereranyag'iyi si. Ubuturo bgera ubgabgo, cyangw'ihema ry'ibonaniro ryagereranyaga Paradiso h'Imana mw ijuru ... Dukurikij'icyo kigereranyo, ubgo Yesu yazamukaga kwa Se, ni bgo yi ... rya ~~gatatu~~ nyuma. ... njiragahirya ya wa mwenda ukingiriz'ahera. (Kuko yar'avuye mu gikari cy'inyuma akaba yinjiye mw ihema rigereranya ijuru). Ku munsi wa Pentekote ni bgo yatangi... umurimo we w'ubutambyi ar'ahera. 31 Muri 1844 A.D. ni bgo yinjiye hirya y'umwenda ukingiriz'ahera cyane.

Ahera cyane = Urukiko rw'ikirenga rwo mw ijuru.




Umwenda w'ahera n'Umubiri wa Yesu.

Ubusobanuro bga gahunda y'ubuturo bgera.

Ubusobanuro bga gahunda y'urugo rw'ubuturo bgera.

1. Umwenda uking'irembo ry'urugo rw'ubuturo bgera, kigereranya iyi si.
2. Igikari cyo mu rugo rw'ubuturo bgera, kigererany'iyi si.
3. Igicaniro cyo kosorezahw ibitambo n'amaturo.
4. Ikarabiro.
5. Umwend'ukingiriz'ahera.
6. Ahera; hagereranyag'ijuru rya 3. Iyo mitsima yagereranyaga Yesu (ni we Mu...
7. Ameza y'imitsima yo kumurikwa. Yagereranyaga Yesu (ni we Mucyo).
8. Igitereko cy'amatabaza.
9. Igicaniro cy'imibavu.
10. Umwend'ukingiriz'ahera cyane. Uwahinjiraga n'Umutambyi mu...
11. Isandugu y'ibonaniro. Yabaga ahera cyane.

Inyandiko 85

g. Yesu n'umutambyi wo mu buryo bga Melikisedeki: 7:1-28.

Twamaze gusobanukirwa n'imigambi ya Paulo ubgo yandikirag'Abaheburayo, ko y
gutuma bareka guteg'amakiriro ku mihango yo muri gahunda y'ubuturo bgera bg
ahubgo ngo bahugukire Yesu. Yashatse ko bakur'amaso yabo muri gahunda y'I
isi, bakereramira kureba Yesu no kwakir'agakiza ke. Dor'uko yabandikiye h
hato, abikomoz'ati:

"Mukwiriye gutekereza Yesu." (3:1).
"Dusiganwe ... dutumbira Yesu wenyine." (12:1b,2).
"Mose ... yihanganye nk'ureb'Itaboneka." (11:27).
"Tubona Yesu ...wacishijwe bugufi, tubona kw ari we wambitsw'ubgiza n'ic
ro." (2:9).
"Muzirikan'uwo." (12:3).

Kugira ngw abahuze gahunda zo mu buturo bgera bga kera, atume bararama bak
mitima yabo mu ijuru kuri Yesu, ni cyo cyatumy'amwe bahiriza cyane mur'uru r

1. Mu gice cya 1 yabibukije ko Yesu ar'Imana.
2. Mu gice cya 2 yabasobanuriye yuko Yesu atenz'umuciri w'abamaraika, ahubg
ishusho y abantu baremanyw'isumbge kurush'abamaraika.
3. Mu gice cya 3 yagereranije Yesu na Mose, yerekana ko Yesu aruta Mose.
4. Mu gice cya 4 abibutsa yuko nubgo Yosua yagejej'Abisiraeli i Kanani, ar
yabaheshaje kwinjira mu buruhukiro bg'Imana. None kuko Yosua yabitsin
sigariye Yesu kubisohoza mu buryo bg'umwuka.
5. Mu gice cya 5 Paulo abameza yuko Yesu aruta abatambyi bakuru bakoraga m
bgera i Yerusalemu. Mu gice cya 6 ababurira kutirengagiz'ibyo byose b
isumbge rya Yesu amaze kubandikira, abasobanurira uburyo gukorens'ukuri
ingaruk'itey'ubgoba. Maz'abibutsa yukw Isezerano ry'Imana rivuga yuk
kacu gakomoka mu rubyaro rw'Aburahamu, yukw iryo sezerano ar'iryo kwize
kw ari isezerano nyine, byongeye kandi Imana ikaba yararikomoreshejo kub
igakubitiraho kwirahir'ubgayo.
6. Mu gice cya 7 Paulo ababgir'ubuhamya bga "climax" cyangwa se ubuhamya b
ashaka guhesha Yesu isumbge rikomeye mu bitekerezo byabo, ati: "Yesu n'u
wo mu buryo bga Melikisedeki." Melikisedeki uwo yari nde?

Melikisedeki uw'ari we: Nta cyo tumuziho keretse duhereye ku byanditswe by
Biblia bimuvuga. Melikisedeki ntavugwa mu mateka y'abanyamahanga ba kera
rye ntiriboneka ku nkingi z'inzibutso zashinzwe n'abami ba kera, nta gaku
gake kavumbuwe n'aba-archeologiste mu matongo y'amahanga ya kera. Biblia
hw iki?

1. Soma It. 14:8-20, witaye cyane cyane kur'iyi mirongo ivug'ibya Melikise
11:18-20. Hatumenyesh'ibi: Ingabo 318 za Aburahamu

a. Melikisedeki yar'umwami w'i Salemu.
b. Yari n'umutambyi w'Imana.
c. Yabagaho mu gihe cy'Aburahamu.
d. Yarutag'Aburahamu, kuko yahay'Aburahamu umugisha, maz'Aburahamu amu
mw icumi cy'ibyo yungutse mw itabaro.

N'umutambyi iteka ryose n'uburyo bga M

2. Zab. 110:4. Har'ubuhanuzi buvug'ukw Imana Data wa Twese yajyaga kuzab
Uwo murongo ni wo Paulo yafatiragaho yandikir'Abaheburayo. Wugereranye

5:6; 7:17.

3. Heb. 7:1ff. hasonger'ibi ku byo twamaze gusoma mw Itang. 14:

a. Izina rya Melikisedeki risobanurwa ngo: Umwami wo gukiranuka, kandi ngo: Umwami w'amahoro (7:2).
b. Nta se cyangwa nyina cyangwa basekuruza agira (7:3).
c. Nta tangiriro ry'Iminsi agira cyangw'iherezo ry'ubugingo (7:3).

Nta kindi na kimwe cya Melikisedeki tubgirwa muri Biblia. None se yari nde? Yari iki? Bamwe bibgira yukw ari maraika cyangwa se Yesu wagenderey'Aburahamu; abandi ngo: Ni Enoki cyangw'uwaturutse mu yindi si. Natwe tuvug'iki? Nimutyo tugerageze gusesengur'ibye:

1. Elena White yahakanye yukw atari Kristo (Review & Herald, Feb. 18, 1890).

2. Ntibishoboka ko yab'ari maraika cyangw'uwaturutse ku yindi si, kuko byari ngombe yukw abatambyi batoranirizwa mu bantu (5:1).

3. Kur'izo mpamvu twahamya yuko yar'umuntu wo mur'iyi si. Ndetse Biblia itubgira yeruye yuko yar'umwami w'i Salemu. Salemu rero n'i Yerusalemu. Iby'iryo zina:

Salemu n'ijambo risobanurwa
a. Habanje kwitw'i Salemu n'i Sioni. (Zab. 76:2). ngo: amahoro. Rigereranye na Salaamu.
b. Bukeye abayebusi b'i Kanani barahigarurira, bahit'i Yebusi na Yebusalemu (Abac. 19:10; 1 Ngo. 11:4).
c. Hanyuma Dawidi arahigarurira, bahindur'izina ryayo ho hato ngo: Yerusalemu. Risobanurwa ngo: umudugudu w'amahoro.

4. Ariko se, ko Paulo avuga yuko Melikisedeki atagiraga se cyangwa nyina, ntagire itangiriro cyangw'iherezo, aba yarabaye muntu ki?

Paulo ntiyavuze yuko Melikisedeki atagiraga se cyangwa nyina, ahubgo ngo: ntagi se cyangwa nyina. Ibyo n'ukuvuga yuko mu gihe cya Paulo batamenye se cyangwa nyina ab'ari bo, cyangwa basokuruza. Reka mbisobanure:

Uk'ubizi, abayuda bishingikirizaga cyane ku bisekuruza byabo, ndetse bakabitega hw amakiriro kubirutisha Yesu (Mat. 3:8-10; 1 Tim. 1:4; Tit. 3:9). Uhereye ker kose bitaga kú masekuruza bakayandika. (Roba Itang. 5; 10; Neh. 7:5; Mat. 1:1-17). Ariko cyane cyan'abatambyi ni bo bitonderaga kubika no kugaragaz'amasekuruza yabo, ngo babone kwomez'umuntu weso ko bakomotse kuri Lewi no mu muryango w'Aroni. Impamvu n'ukw ari bo bonyine bemererwaga gutoranyirizw'ubutambyi. (Kubara 8:18,19). Har'ibyitegererezo byo muri Biblia by'abagabo bakuwe ku butambyi, bakabunyagwa, bitewe n'uko babuz'amsekuruza yabo. Byongeye kandi Abalewi bagombaga no kwitondera kwandik'umwaka n'umunsi bavutseho, ng'ubukuru bgab bumenyekane neza. Uti: Ni kuki? Impamvu n'uko nta mugabo utamaz'imyaka 25 y' bukuru wakundirwaga kwinjira mw ihema ry'ibonaniro. Kub. 8:23,24.

Mu gihe cya Paulo bari babits'amasekuruza yab'ishyano ryose (ndetse na n'ubu ni kw abayuda bakibigenza. Abitwa Levi benshi bariho, kandi bivuga ko bakomotse kuri Lewi). Ariko muri ya masekuruza yo mu gihe cya Paulo nta kajambo karimga hari karanga se na nyina wa Melikisedeki, cyangwa gusobanur'umunsi yavutseho cyangw'ubukuru yar'afit'ubgo yatangaga. Bati: Erega, nta se agira (mu masekuruza), nta nyina, nta tangiriro ry'iminsi cyangw'iherezo ry'ubugingo, ibye nta by

tubizi. Ntibyanditswe mu masekuruza.

* Nuko Paulo abibonamw icyitegererezo cyiza cyo gufatiraho yereroza Yesu:

1. Izina rye: Melki-tsedeq. Melki = umwami (bigereranye na milki yo mu gisw
li). Tsedeq = ubukiranuke. Iryo jambo rifitany'isano ho hato mu Ruhob
na TSADAQ. (Uryiyibutse; reba UBUSOBANURO BGA DANIELI, p.52 #4,b,(2).)
rero, iryo zina ngo Melikisedeki risobanurwa ngo: Umwami wo gukiranuka.
ko bamwitaga, kandi wibuke kw amazina yabo yagirag'ubusobanuro nk'aya kin
rwanda. Iryo zina twariha Yesu na we kuko ar'Umwami wo gukiranuka bitar
kw izina gusa.

2. Melikisedeki yitwaga n'umwami w'i Salemu, bisobanurwa ngo: Umwami w'amaho
Muri Yesaya 9:6 ni ko Yesu yiswa ngo: "Azitw'Igitangaza, Umujya-nama, Im
ikomeye, Data wa Twese, Umwami w'amahoro."

3. Melikisedeki yar'umwami akaba n'umutambyi. Yesu n'uko.

4. Nta buhamya buriho butwemeza ko Melikisedeki yakomotse mu muryango wa Lew
ndetse duhamya yuko atar'uwo mu muryango wa Lewi kuko Lewi yar'ataravuka
Na Yesu na we ntiyar'uwo mu muryango wa Lewi, ahubgo yar'uwo mu muryango
Yuda (Heb. 7:14). No kur'iryo jambo Melikisedeki na Yesu bafitany'isano
kuko bombi bahay'abatambyi, nyamara ntibakomotse ku muryango wa Lewi.

5. Yesu yahozeho uhereye kera kose, kukw ar'Imana, kand'azahoraho. Paulo
shats'ukw ahuriza Yesu na Melikisedeki hamwe kur'iryo jambo na ryo. Ak
akabona mw ibura ry'amasekuruza ya Melikisedeki, maze Paulo asa n'ukabya
Melikisedeki ntagira se, ntagira nyina, ntagira basekuruza. Ntagir'ita
riro ry'iminsi cyangw'iherezo ry'ubugingo (bakurikije gahunda y'amaseku
Kur'izo mpamvu, kuko tutaz'umunsi yapfiriyeho, dukurikij'amasekuruza gu
bisa nkahw akiriho! Arik'urumva kw ar'amagambo y'ikigereranyo gusa.
kisedeki ntiyariho mu gihe cya Paulo, na Paulo n'Abaheburayo ntibabiyobe
Mu by'ukuri Melikisedeki yar'amaze gupfa kera cyane, nuko gusa bitandits
masekuruza. Ako bitonderaga cyan'iby'amasekuruza, iyo babonaga kw izin
mantu, nta tariki ryo gupfa kwe ryanditswe, bati: Aracyariho. Nuko Pau
abiherahw atyo, abihindura nk'umugani, ashaka guhwanya Melikisedeki na Ye
bitekerezo by'Abaheburayo, ngw abone gushyirah'urufatiro rw'ingingo zo k
hiriza Yesu mu magamb'akurikiraho muri 7:4-28. Ni yo turiyo gusosengur

4. Yesu aruta Aburahamu na Lewi kukw ar'umutambyi wo mu buryo bga Melikisedeki: 7:

Noneho Paulo ageze ku mutima w'ikirushya yashatse kubafashaho. Wibuke kw Abah
rayo bishingikirizaga kur'Aburahamu bati: Tur'urubyaro rwe, kur'izo mpamvu tu
zwa nta kabúza. Byongeye kandi bishingikirizaga ku batambyi n'imiHango yagen
n'Abalewi. Mur'iyo mirongo Paulo atang'impamvu 5 zemeza ko Yesu aruta Aburah
na Lewi, azishingira kw ihame amaze kubemeza, yuko Kristo ar'umutambyi wo mu bu
bga Melikisedeki. Izo mpamvu zitangwa muri 7:4-9 ari zo z'izi ngo:

* 1. Ubutambyi bg'uburyo bga Melikisedeki burut'ubga Lewi ku mpamvu z'uko Aburah
yahaye Melikisedeki umugabane wa 10, nubg'ari we nyir'ibyasezeranijwe n'Imana
(Kuko Lewi yakomotse kur'Aburahamu).
2. Kukw Aburahamu yahaw'umugisha, awuhawe na Melikisedeki.
3. Kuko Melikisedeki ashushany'umutamby'udapfa, ni we Yesu (7:15,16).

4. Kuko Lewi yahaye Melikisedeki umugabane wa 10, mubgo yar'ataravuka (ngo: yawumu-
hay'akiri mu rukiryi rw'Aburahamu.
5. Kuko Yesu yahaw'ubutambyi kubg'indahiro y'Imana ubgayo. (7:21,22).

Ibyitonderwa byo muri 7:4-9:

1. 4:8. Hahinduwo nabi ahahera ngo: "cyahaw'uhamywa kw ahoraho." Mu rugiriki si
ko havuga ahubgo ngo: "cyahaw'uhamywa kw akiriho." Iryo jambo risobanuka neza
iyo twibuts'ibyo twamaze kwiga byerekey'amasekuruza ya Melikisedeki. Mu by'u-
kuri yari yarapfuye, arikw amasekuruza yahamyaga yukw akiriho kukw atavugaga
itariki yapfuyeho.
2. 7:9,10. Aburahamu yabyay'Isaka; Isaka abyara Yakobo; Yakobo abyara Lewi.

Matayo 23:23 1/c

i. Ubutambyi bga Yesu bgakuyeh'ubg'Abalewi n'amategeko yabgo. 7:11-28.

1. Ubutambyi bg'Abalewi n'amategeko yabgo ntibyabashije gutungany'abantu rwose (7:
18,19), ni cyo cyatumye byari bikwiriye ko habonek'undi mutambyi urut'abalewi,
wo mu buryo bga Melikisedeki, ushobora gukor'umurimo winonosora. (7:11).
2. Kuk'ubutambyi bg'abalewi bgakuweho na Yesu, ni cyo cyatumye n'amategeko y'imi-
hango yabo na y'avaho (7:12). Nta mpamvu na nke yo kwishingikiriza ku bitambo
ngw akomokweho n'undi wabikoze (7:13,14).
kuko Kristo atigeze kubitamba (kukw atar'umulewi, ahubg'ar'umuyuda), cyangwa
3. Ubutambyi bga Yesu burut'ubg'abalewi kuko:
(a) Bushingiye ku ndahiro y'Imana ubgayo (7:20-22).
(b) Budakuka cyangwa gukomwa mu nkokora kubg'urupfu rw'abatambyi (7:23-25).
Simbuza "abasabire" muri 7:25, iri ngo: "abarengere." Yesu aberaho kuture-
ngera tugeze mu bidukomereye. Iy'umwana we wes'ageze mu kaga no mu moshya,
Yesu, kubg'umwuka we, n'abamaraika be bahururira kuronger'uwo muntu. Ng'u-
wo mumaro wo kugir'umukiza muzima.
(c) Bugir'umutambyi w'indenga-kamere, urut'abantu bose, utagir'intego nke z'umu-
tima, akab'atagomba kubanza kwitambirira ngw abone gutambirir'abandi. (7:26-
28). (Reba ko 7:27b hahinyuz'inyigisho z'abagatolika bavuga ko Yesu atambga
buri gihe iyo bagize misa).
4. Paulo arundura yererez'ubutambyi bga Yesu:
(a) Yongera guhamya yuko burut'ubg'abalewi. Som'igice cya 8 cyose witonze. Nt
bishya bikomeye bikirimo, ariko uhamy'ubgawe k'usobanukirwa n'amagambo yose
akirimo.
(b) Wibuke kw Isezerano rya Kera ar'iry'Umukiza, kw azaza gupfir'abantu, rigashy
gikirwa n'ibitambo n'imihango (9:1). Wongere kwiyibuts'irishy'iry'ari ryo:
(p.82, #ii).

2. Paulo agaragaz'isano y'ubutambyi bg'abalewi n'ubga Yesu. 9:1-10:22.

a. Asobanura gahunda yo mu buturo bgera bg'i Yerusalemu. 9:1-7. Mbes'ibyo muri
9:7 byabaga ryari? Meny'umunsi n'itariki. Som'UBUSOBANURO BGA DANIELI, p.
51, #3.

6 10/7 Umunsi w'impongano

b. Asobanur'ibyo gahunda iyo yashushanyaga. 9:8-14. Simbuz'iri jambo ngo: Guse
"ahera cyane" ho muri 9:8,12; 10:19, iri ngo: "ahora." Mu rugiriki nta bgo ha-
vug'ahera cyane, kerets'ahera gusa. Abahinduzi barakosheje.
c. Asobanur'uburyo Kristo ar'umuhuza w'isezerano rishya. 9:15-28.
(a) 9:15. Hagaragaza yuko Yesu yar'akwiriye gupfir'abo mw Isezerano rya Kera na
bo, ngo bacungurwe. Iyo Yesu atabapfira, bari guhera mu bituro, n'abajya-
nywe mu ijuru (nka Enoki na Mose n'Eliya) bari kuvanwamo bagapfa buheriheri

→ ntibari na kubo
bavugezeyo
kuko bafyoniwe
ni ibyakozwe kera
kose

= yesaya 65:2-6
Mika 3.1-4
Malaki 1:6 (Nta rukundo)

# yuda 1:11
Kubara 18:20-24
1 Sam 2:12
Malaki 3:- Bale bafagitanye, =

barijw'ubusa. Abihanangiririza kudashidikanya ko Yesu atazaza, ahubgo ngo bizere. 10:37-39.

c. Abibuts'ukw abakera batsinze kubgo kwizera. 11:1-12:2.

i. 11:3. Hindur'iri jambo ngo: "Isi" iri ngo: "amasi," reb'ubusobanuro bga 1:2 (p.80, #1:b:i). Amasi ujangw ibihe ni murugiriki

ii. 11:4. Icyatsindishirij'Abeli n'iki? Icyatsindishijo Kaini n'iki? Wibuke ibyo wize mu Rufatiro rwo Gusobanukirwa na Biblia. Mbes'aya magambo avugwa kuri Abeli ngo: Na non'aracyavuga nubgo yapfuye, bisobanura yuko Abeli ariho mw ijuru? Nib'atari byo bisobanurwa bite? Ahar'aya magambo wize muri Homiletique yagufasha kubisubiza: Nakunda kureb'ikibgirizwa aho kucyumva.

iii. 11:12. Bigereranye na Rom. 4:17-21. Aburahamu yar'amaz'imyaka100 Sa

iv. 11:15. Paulo abacyaha by'ikinyabupfura, ngo be gusubira mu by'imihango n'ibitambo, kandi bari barabivuyemo. Abaher'ibyitegererezo ku bo mw Isezerano rya Kera batsinze neza.

v. 11:17-19. ¿Reba kwizera gutangaje rwose kw'Aburahamu uko kugaragarira mur'iyo mirongo.

vi. 11:36-38. Abahavugwa n'ababayaho cyane cyane mu gihe cy'Abamakabe ubgo bahigwaga n'Antiokusi Epifanisi. 168-165 M.K

vii. 11:39,40. Hahinyuz'inyigisho zivuga yukw abakiranutsi bahabg'ibyasezeraniJwe byo mw ijuru bakimara gupfa. Bigereranye na 11:13a.

viii. Izindi ngingo z'ingenzi zerekeye kwizera:

(1) Ni ko gukwiriye kubanza, hagaheruk'imirimo myiza. Iyo kubaye mu mutima w'umuntu, kumuhesha gukor'imirimo myiza yose atagombye kubyihatira cyane. Reb'ibi byitegererezo:
(a) Kwizera ni ko kwatumye Abeli atur'ituro. 11:4.
(b) Ni ko kwatumye Noa abaz'inkuge. 11:7.
(c) Ni ko kwatumye Aburahamu akubit'urugendo rw'icyago. 11:8.
(d) Ni ko kwatumye Sara abyara. 11:11.
(e) Ni ko kwatumye Isaka ahesha Esau na Yakobo imigisha. 11:20.
(f) Ni ko kwatumye Mose ahishwa. 11:23.
(g) Ni ko kwatumye Mose ahanga Paska. 11:28.
(h) Ni ko kwahoshej'abandi gukor'ibitangaza byo muri 11:33,34.
Ntibishoboka k'umuntu ufite kwizera gukiza abur'imirimo myiza. Kubg'ibyo dushishikariro kugir'umutima usabyemo ben'uko kwizera gukorera mu rukundo. Onger'usomo witonze mu byigisho by'AMAHAME, icyigisho cya I cyitwa KWIZERA N'IMIRIMO, pp. 24ff.

(2) Kwizera gukiza gutog'amakiriro kuri Yesu utaboneka. Ibitaboneka ni byo bimutwar'umutima kurut'iby'arebesh'amaso. Soma winira: Kol. 3:1. Ibyitegererezo by'ubury'abakera batwarwag'umutima n'ibitaboneka, kubgo kwizera:
(a) Noa yabaz'inkuge kubgo kuburirw'iby'ibitaboneka, ni byo mvura yari itigeze kuba mw isi. 11:7.
(b) Aburahamu yakubis'urugendo, ataz'iy'ajya. 11:8.
(c) Mose yihanganye, kuko yarebag'Itaboneka. 11:27.

(3) Kwizera gukiza gutum'umuntu yemera kurenganywa aho guhemukira Yesu:
(a) Abeli yemeye gupfa aho gukur'umutima kuri Kristo wajyaga kuzamuse ser'amaraso, agatur'ituro ridases'amaraso. 11:17.
(b) Aburahamu yemeye kuv'i wabo, akab'umusuhuke.

(c) Mose yemeye kurenganganywa n'ubgoko bg'Imana, mu cyimbo cyo kwi
kwishimishibinezeza byo mw Egiputa. 11:24-26.

(4) Kwizera gukiza gutum'umuntu ahoz'ibitekerezo ku bizaza hanyuma, i
kamurem'umutima. Bigereranye n'ibigwi bya Yesu: Heb. 12:2.
(a) Noa yemeye kuruha abaz'inkuge, kubg'umwuzure war'ubar'imbere
(b) Aburahamu yakubis'urugendo rw'icyago arangamiy'umurage. 11:8
(c) Aburahamu yemeye gutamba Isaka, yiringira kw Imana izamuzura
(d) Yosefu yategets'iby'amagufka ye, azi ko hanyuma Abisiraeli ba
Egiputa.
(e) Mose yemeye kurengana no kuruha, arangamiy'ingororano yar'imu
11:26,

(5) Kwizera gukiza gutuma nyirako ageragez'ibidashoboka bikamubashiki
(a) Kwatumye Enoki arangamira kujya mw ijuru, hagatwar'umutima we
rezo hatwara n'umubiri we na wo! 11:5.
(b) Kwabashije Sara gusam'inda kandi yari yaracuze kera. 11:11
(c) Kwaheshej'Abisiraeli kwambuk'Inyanj'itukura, bagendera ku but
11:29.
(d) Kwatumy'inkike z'i Yeriko ziriduka bataruhije bazikozaho n'u
11:30.
Mu murimo w'Imana hakenny'abagabo bafite ben'uko kwizera kudatiny
shobokor'abantu. Soma witonze: UMURIMO W'UBUPASTORO, pp. 8f,

d. Paulo abihanangiririza gukiranuka nubgo baca mu kaga n'akarengano. 12:

i. Yashatse ko batwar'icyitegererezo kuri Yesu. 12:3. Reba 1 Pet. 2:21
ii. Kurenganywa no kugir'akaga n'ikimenyetso cy'ukw Imana itwitayeho cyane
tubonamu ibiyishimisha, igashaka kudutunganyish'ibihano: 12:5-11.
iii Kubg'ibyo abakristo bakwiriye gufashanya bari mu kaga no guhumuriz'aba
amakuba. Abaheburayo bibgiraga ko kugir'ibyago ar'ikimenyetso cyo k
n'Imana, ngo n'igihano cyayo kubg'ibyaha runaka uwo muntu yakoze (Lu
n'Imana, ngo n'igihano cyayo kubg'ibyaha runaka uwo muntu yakoze (Lu
5. Christs' Object Lessons, p. 213 isubi ibanziriza).

5. Paulo yongera kubatoshur'umutima wishingikiriza ku mihango y'Isezerano rya
ahubgo ngo bashyiro kuri Kristo n'Isezerano Rishya. 12:18-29.

a. Umunsi Imana yabahayohw amategeko war'uw'ubgoba no kudagadwa. 12:18-21
yabatey'ubgoba ku mpamvu 2:
i. Ngo bamenyo yukw ikomeye bitey'ubgoba, itar'iyo gusuzugurwa no gukere
ii. Ngo batiny'ibyaha, bamenye yuk'urubanza rw'umunyabyaha rutey'ubgoba,
hagarar'imbere y'iyo Mana y'igitinyiro kitarondoreka kidagadish'isi n
nkaho ar'ubusa.

b. Abakristo ntibakwiriye kwishingikiriza kuri Sinai, ngo bakoreshwe n'ubgo
gutiny'Imana n'ingaruka y'ibyaha. Ahubg'imitima yabo iruhukir'i Sioni
juru, ihahor'amahoro n'ituza. 12:22-24; 4:16.
i. 12:23a. "Abana b'imfura banditswe mw ijuru." Ahari ni ba bandi ba
bazazamukana na Yesu kujya mw ijuru. Ni bo babay'imfura zo kuzuka
bafit'amazina yabo yanditswe mw ijuru.
ii. 12:23b. "Imyuka y'abakiranutsi batunganijwe rwoso." S'ukuvug'imyuk
piuye, ahubgo n'imitima cyangw'intekerezo z'abakristo nyabo zihora z

ibyo mw ijuru, zigahurira hamwe kuri Kristo ubaberey'umuhuza w'isezerano ris

iii. 12:24. Amaraso avugwa n'aya Kristo. Aya Abeli yavugag'ibyo guhorerwa, nahw aya Yesu asabir'abamwihay'imbabazi. Ni cyo cyatumye Paulo yandika yukw amaso ya Kristo avug'ibyiza kurush'ay'Abeli.

c. Paulo abibutsa yukw iherezo ry'Isezerano Rishya rizaba ritey'ubgoba kurush'ubg'sezerano rya Kera, ubgo ryashigikirwaga n'imihango i Sinai. Kubg'ibyo Abakris bakwiriye kwitonda, kukw igitinyiro cy'Imana kitagabanutse, kandi kizagaragara ubg'izatigit'isi yose n'ijuru na ryo, bitar'imihana itoganye n'i Sinai gusa. 12:25-29.

6. Paulo abahugurira kwifata nk'Abakristo mu migenzereze ya buri munsi. 13:1-17.

a. 13:5a. Bigereranye na 1 Tim. 6:10. Urebe yukw amafrang'atari mabi, ahubgo n'urukundo rwo kuyakunda, agatwar'umutima wawe.

b. 13:5b. Mu byerekey'ibidutunga, Imana ntabgo yat'uwayo mu kangara-tete ngw abihebe rwose. Amasezerano yayo ni menshi: Mat. 6:31-33; Yes. 33:16b; Zab. 37:

c. 13:10. Paulo asesereza kw ifunguro ryera.

d. 13:11-13. Kuko Yesu yatambiw'inyuma y'i Yerusalemu, ab'ari hw Abakristo bamusl ka. Bavane imitima yabo kur'uwo murwa n'ubuturo bgera buwurimo. Uko ni ko Paulo yahagiriy'inama mur'iyi mirongo, kuko yar'azi ko bidatinze i Yerusalemu hazarimburwa, n'abahategahw amakiriro bakihoba, bakaba mu kaga ko guta buherihri.

e. 13:15,16. Abahuza ibitambo batambiriraga mu uturo bgera bg'i Yerusalemu.

7. Indunduro: 13:18-25.

8. Umurongo w'imena: 8:6. Kuko ari umuhuza w'isezerano rirut'iryabo

Gahunda y'ingingo z'imena zo mur'uru rwandiko:

1. Yesu ni w'uhebuje bos'icyubahiro n'ububasha.
   a. Ahwany'icyubahiro n'Imana Data wa Twese.
   b. Arut'abamarayika.
   c. Aruta Mose.
   d. Aruta Yosua kukw abasha kuduhesn'uburuhukiro.
   e. Arut'abatambyi bakuru bakoreraga mu buturo bgera i Yerusalemu. Abihanangiririza kwakira Yesu h'umutambyi wabo mukuru.
   f. Yesu n'umutambyi wo mu buryo bga Melikisedeki.
   g. Yesu arut'Aburahamu na Lewi.
   h. Ubutambyi bga Yesu bgakuyeh'ubg'Abalewi n'amategeko yabo.

2. Isano y'ubutambyi bg'Abalewi n'ubga Yesu.
   a. Gahunda y'ubuturo bgera bg'i Yerusalemu n'ibyo yasuraga.
   b. Ubury'ubutambyi bg'uburyo bgombi bushingiye ku masezerano, rimw'ar'irya kera irind'ar'irishya, rirush'irya kera kugir'umumaro mu mibereho y'umuntu.
   c. Isano y'urupfu rw'ibitambo n'urwa Kristo.

3. Ubury'igitambo gihebuje cya Kristo kirut'icy'amatungo
   a. Amaraso y'amatungo yez'umubiri h'ubuhumane, ariko ntahindur'umutima.
   b. Ibitambo by'amatungo byagombaga gutambga buri munsi kubgo kubur'umumaro, nah Kristo yitambye rimwe ngo bibe bihagij'iteka ryose.
   c. Igitambo cya Yesu cyakuyeho gahunda y'ibindi bitambo byose.

Scanned with CamScanner

4. Paulo abingingira gukiranuka mu mibereho yabo ya buri munsi:

   a. Kubg'umunsi w'urubanza uzaza.
   b. Kubera yuko bari baramaze kwemera kurenganyirizwa Kristo.
   c. Kubg'ibyitegererezo by'abakera benshi batsinzo kubgo kwizera.
   d. Kubg'akagan ibyago bibar'imbere.
      i. Yabasabye gutwar'icyitegererezo kuri Yesu warenganye. ikamu
      ii. Amakuba yo ku muntu n'ikimenyimenyi cy'ukw Imana imwitayeho cyane.
          nk'umwana wayo, ikamuhana, igirangw imutunganye.
      iii. Abana b'Imana nibahumurizanye bageze mu makuba.

5. Paulo abateshura kwishingikiriza ku mihango y'Isezerano rya Kera, ahubgo ngo
kuri Kristo wa izw'umushingizi w'Isezerano Rishya.

   a. Imihango y'Isezerano rya kera ishingiye ku bgoba (i Sinai). ahubg'ubukristo bushingiye ku
   b. Abakristo ntibakwiriye gukoreshwa n'ubgoba; ubg'imperukw
      n'ituza.
   c. Umunsi w'ubgoba ntuzabura gusohorera ku nkozi z'ibibi zose

6. Inama zitari zimwe zerekey'imigenzereze yabo ya buri munsi.

7. Indunduro.

Ubg'urangije kwiga ibi byigisho turi kumwe, ntuzahibike, ahubg'ubihozehw ibite
Inzandiko za Paulo zirimw'umutima w'ubukristo. Abantu benshi n'ibawuzi kandi
wukennye cyane. Ndasab'Imana kugira ngw izagufasho kubahesh'uwo mutima wo gus
n'Umukiza wacu, ngw ababaharir'ibyaha byabo, anabaromemw imitima mishya. Naw
ni byo nkwifuriza. Imana iguhe guhora utor'intambgo ugana mu mibereho irushij
myiza, izagez'ubg'iguha kagora ku rugero rushyitse rw'igihagararo cy'Umukiza ya
Ibyo ntuza'ishobora kubg'izawo mbaraga oyangw'uwawo mweto. Ni wiyunga na Yesu
Ibyo ntuza'ishobora kubg'izawo mbaraga oyangw'uwawo mweto. Ni wiyunga na Yesu
gukorera. Niringirana n umutima wanjye wose kw Isezerano Rishya rizasohorera
kamere yawe.



(2:12), ariko roro agez'i Makedonia, Tito amubgir'ukw Abakorinto barwakiranye
umutima wumvira, araturarukwa. 2 Kor. 7:5-11,13-16.
c. Icyakora habonots'abamwivovota kubgo guhindurany'inama ze z'urugendo rwo ku-
basura, bati: Iyo Paulo ari kumwe natwe avuga kimwe, ariko yagira hirya aga-
tinya akabihindura. Kandi ngo: Ar'ahandi avug'ibikomeye, ariko yatugeramo
akoroha ngo: N'umuntu uhindagurika kand'udakomeye. (1:15-23; 2:1-4. Gerera-
ny'ibyo birego byabo na 1 Kor. 4:18-21 na 2 Kor. 13:1-3). Ingingo zo gute-
kereza: Konz'iwanyu nzanyi'umutima w'ubugwaneza.
(1) Yabanje kubabgira kw azabanza kubasura ataragera'i Makedonia. Kubgo gusha-
ka kubonana na Tito abanziriz'i Makedonia. Nimwe byishimo byacu n'icyane
(2) Bisa nkahw ab'i Korinto bagiriraga'ab'i Makedonia ishyari, cyane cyane kuko
Paulo yiratag'ab'i Tesalonike ar'i Korinto (1 Tes. 2:19,20). Atabanjiri-
j'i Korinto, bituma bamwivovota kubg'ishyari. Ariko sem'uburyo Paulo
yagiz'ubgenge bgo gushaka guhosh'ayo makimbiranye n ishyari: 2 Kor. 9:1-5.
d. Iby'akarengane n'akaga yaciyemo:
(1) Kugez'igihe yahungirag'i Yerusalemu avuy'i Damasiko. Agez'i Yerusalemu
ahabg'iyerekwa. 11:24-12:7. Nari muri gakaga nabene wacu (Urwandiko rwa 2 Abakorinto n'urwo guhinyuza.
(2) Mu Efeso abacuzi bagomye: 1:8-11.

Urw'Abagalatia. → gishingiye ku gukebga no kudakebga

a. Rwandikiw'amatorero yo mu ntara y'i Galatia, ar'i Korinto mu rugendo rwa x3.
b. Rwanditswe kubg'akaga katewe mu Bakristo b'i Galatia n'abakristo b'abayuda
bashegerag'imihango ya Mose, cyane cyane gukebga, bababgira yukw iyo mirimo
itegetswe n'amategeko ibahesh'igikundiro ku Mana, ngo: Nta wuzakizwa atakebge.
Abo bantu bagez'i Galatia bakurikiye Paulo mu rugendo rwe rwa x2 avuye mu na-
ma z'i Yerusalemu. Ahanyuze mu rwa x3 ibyo yahabonye bamu hagarikij'umutima,
bitum'abandikir'agez'i Korinto.
c. Icyamutey'ubgoba ku Bagalatia n'ukunamuka kwabo. Yabanje kukumenya abagezemo
mu rugendo rwa 1. Arakubagayira. (1:6-8; 3:1-4). Abagalatia bakomotse ku ba-
galatia, ni bo bagituye mu Bufransa na n'ubu, kandi baracy'rangwaho iyo ngeso
yo guhindagurika mu ntekerezo. Urugero: Ukuntu ubutegetsi bgagiye bukuranwa
hato na hato cyane mu myak'ishize, har'amakimbirano no gusubiranamo kurush'a-
bandi balayi bose.
d. Paulo ahinyuz'inyigisho z'abo bayuda bavugaga ko batumiwo na Petero kuvuguruza
Paulo:
(1) Agaragaza yuk'ubutumwa yahawe atar'ubgo, cyangw'ubgo yakomoye ku wundi
muntu uw'ari we wese, ahubgo yabuhawe n'Imana:
(a) Gal. 1:1,11-2:10. Ahavug'izi ngingo zihamya: Ubutumwa bgiza navuze s'ubgu
(i) Yesu ni we wamunishuriy'ibyo. 1:11.
(ii) Yesu amaze kumwiyereka, nta muntu n'umwe Paulo yagishij'inama ngw
amwigish'iby'a Yesu. 1:16-24. Byatangazag'abayuda kumv'uko Paulo
yigish'iby'a Yesu kandi bazi yukw atagez'abyigishwa.
(2) Ahinyuz'ibyo ba Bayuda gito bigishaga:
(a) Ubgo yajyaga mu nama z' i Yerusalemu, abakristo b'abayuda ntibahatiye
Tito gukebga, kandi yar'umunyamahanga. 2:3. Ahubgo ha'inw igitero
cya bamwe gusa bashakaga kw akebga, maz'intumwa ntizabibakundira.
Abo ni bo noneho bari-barateye mu Bagalatia. 2:4,5.
(b) Intumwa (ukw ari Yakobo, Petero, Yohana), nta cyo bamwongereye ku byo
yar'asanzwe yigish'abanyamahanga. Nta gukebga bavuze, ahubgo baga-
ragaje yuko bafatanije na Paulo mu buryo bgose (2:6-10). Vibuke na
Ibyak. 15:1,2,12-29.
(c) Agaragaza ko Petero atar'uwo kwishingikirizaho, kuk'ubge yageze ku-
ryarya mu byo ba bayuda bashegeraga, akayobya bamwe, bigatuma Paulo